# INAMA MBONERA
## KU BIREBANA NA MUZIKA
### MU ITORERO RY'IMANA RYO MU MINSI Y'IMPERUKA




**UMWIGISHA WA MUZIKA**

MUHAYIMANA Gérard


Scanned with CamSc

# INAMA MBONERA KU BIREBANA NA MUZIKA MU ITORERO RY'IMANA RYO MU MINSI Y'IMPERUKA

UMWIGISHA WA MUZIKA

MUHAYIMANA Gérard

*Ugushyingo, 2017*

Scanned with CamSc

# INAMA MBONERA KU BIREBANA NA MUZIKA MU ITORERO RY'IMANA RYO MU MINSI Y'IMPERUKA



Scanned with CamSc

# IBIRIMO.

IBIRIMO. .......... II

IBIBANZA .......... VII

I. MUZIKA .......... 1

I.1 UBUSOBANURO BW'IYO NYITO: .......... 1
I.2 INKOMOKO Y'INYITO : .......... 1
I.3 UMUNYAMUZIKA : .......... 3
I.4 MUZIKA Y'ITORERO, .......... 3
I.5 IMIGABANE Y'ABARIRIMBYI MU ITORERO .......... 3

II. NINDE WAREMYE MUZIKA ? .......... 9

II.1 AHO NTIYABA ARI GUI D'AREZZO CYANGWA GUIDO D'AREZZO WABA YARAREMYE MUZIKA? .......... 11
II.2 NONE SE UWAREMYE MUZIKA YABA ARI UMUDAGE JOHANN SEBASTIAN BACH ? .......... 12
II.3 NONE SE YABA ARI GEORGE FREDERIC HANDEL WAHANZE MUZIKA? WE SE NINDE YAKOZE IKI MURI MUZIKA? .......... 17
II.4 NONE SE YABA ARI UMUNYAMUZIKA WITWA WOLFGANG AMADEUS MOZART ? .......... 23
II.5 UMURYANGO WA MOZART .......... 24
II.6 ESE NONEHO UWAHANZE MUZIKA YABA ARI ICYAMAMARE MURI MUZIKA WITWA "LUDIVIG VAN BEETHOVEN"? .......... 26
II.7 NONE SE UWAHIMBYE MUZIKA YABA ARI IKIRANGIRIRE MURI MUZIKA JOSEPH FRANZ HAYDN? WE NINDE? .......... 30

III. IMANA NIYO MUREMYI WA MUZIKA NI YO IKWIRIYE KWITWA IZINA UMUHANZI WA MUZIKA .......... 34

IV. UMUMARO WA MUZIKA .......... 38

V. SATANI MU RUHANDO RWO KWINJIZA MUZIKA N'AMATWARA YE MU ITORERO RY'IMANA .......... 43

VI. UMURIMO WAKORALI MU ITORERO RY'IMANA .......... 48

VII. INGERO ZA MUZIKA YAKOZE IBARA DUSANGA MURI BIBILIYA .......... 55

VIII. MUZIKA GAKONDO ITANDUKANYE NA MUZIKA YO KURAMYA .......... 58



Scanned with CamSc

IX. IMBARAGA YA MUZIKA MU KUREMA NO KUBAKA INYIFATO MU MUNTU 64

X. IMIKORERE Y'IMBERE MURI KORALE (CHORALE) ........ 68

X.1 BYOSE BIKORWE NEZA MURI GAHUNDA... ........ 69
X.2 IBIGOMBA KWITABWAHO IYO DUSHYIRA ABARIRIMBYI MU MAJWI ........ 73
X.3 DISIPULINE MU GIHE CY'IMYITOZO ........ 74

XI. UBUYOBOZI BWA KORALE ........ 76

XI.1 IMPUZANKANO Y'ABARIRIMBYI (UNIFORMES) ........ 77

XII. KU RUHIMBI RWERA RW'IMANA SI MU RUBYINIRO ........ 82

XII.1 AMAJESITE (GESTES) YIRINDWE KU RUHIMBI ........ 84

XIII. GUHIMBA INDIRIMBO (MUZIKA) ........ 87

XIII.1 INJYANA NI IKI ? ........ 92

XIV. INKURU ISHIMISHIJE KURUSHA IZINDI KURI MUZIKA ........ 96

XV. UMWANZURO ........ 102

XVI. GUSHIMA ........ 106

XVII. IBITABO BYIFASHISHIJWE ........ 108



Scanned with CamSc

# UMWANDITSI



*MUHAYIMANA Gerard*

Yavutse ku ya1 Mutarama 1964
Mu mudugudu wa RUSEBEYA, Akagari ka MUHORORO, Umurenge wa KIRIMBI, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'Uburengerazuba, mu Gihugu cy'U Rwanda.
Se ni BAMPORIKI Manasse
Nyina ni IRARIZA Ellen

- MUHAYIMANA Gerard ni umunyamuzika wabyize mu mashuri yabugenewe kandi anabiherwa Diploma, yize mu ishuri ryitwa RUHUJA EVANGELICAL ACADEMY , BUKOBA-TANZANIA , mu ishami rya Muzika, iryo shuri rikoranira bugufi n'Inama nkuru igenga amashuri ya muzika yo mu bihugu byose byakolonijwe n'ubwami bw'uBwongereza, bityo; MUSIC INSTRUCTORS DIPLOMA HELD AT RUHIJA, igendana na GRADE 8 itangwa n'u Bwongereza.
- MUHAYIMANA Gerard yahuguriwe gucuranga BRASS MUSIC I Belefeld mu Budage [Kuvuza ibyuma bya muzika bifite amajwi arenga (Trompettes, Horn, Helcon. Trombone) mu mwaka wa 1992, yari mu bacuranzi basaga maganatandatu bacurangiye hamwe ibicurangisho by'umuringa bicuranga amajwi arenga (Brass music instruments) ahitwa Belefeld mu Budage i "Bettel" ahaturutse aba misiyoneri ba mbere batumwe kuvuga ubutumwwa muri Afurika.
- MUHAYIMANA Gerard yakoze urugendoshuri ku nzu ndangamurage (museum) y'umunyamuzika wabaye ikirangirire ari mu gihe yari akiriho na nyuma y'urupfu rwe Johann Sebastian Bach" yubatse "Eisenach" mu Budage ari naho uwo muririmbyi



Scanned with CamSc

yavukiye.
Yasuye kandi aho Martin Luther yahishwe n'ingabo z'Abadage I "Waterburg". Uyu Martin Luther yazanye ubugorozi mu itorero bituma yibasirwa n'ubuyobozi bwa Kiliziya Gaturika bumugwa nabi, ni muri urwo rwego yahishwe n'Abadage aho i Waterburg nyamara yarushijeho gusoma Bibiliya no kubona umucyo Bibiliya itanga ku mihango y'idini yakorwaga mu idini Gaturika.

- MUHAYIMANA Gerard azi ingorane mu by'umwuka ziba muri Orchestre kuko nawe ubwe yabaye muri zo; yafatanije n'iyitwaga "The Joy" y'iBukavu muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo (ex Zaire), icyo gihe iyo orchestre yari iyobowe n'umushi witwa Malechela Rusangwa. Ubwo buzima Gerard yabuvuyemo amaze kubona ibibi byinshi byarimo byakururwaga n'imiterere y'indirimbo bacurangaga.
- Mu mateka ya Muhayimana Gerard kandi, yitabiriye irushanwa ry'abacuranzi mu rwego rw'igihugu cy'u Rwanda ryari rigamije guhemba abacuranzi ba mbere bashobora gucuranga no gukundisha abanyarwanda guhinga kijyambere, hari mu mwaka wa 1986, icyo gihe yabonye igihembo cya gatatu mu rwego rw'abacurangaga ku giti cyabo, icyo gihe Gerard yacurangaga "Guitare"
- Muhayimana Gerard yakoze umurimo w'ubwigisha mu ishuri ryisumbuye rya Ngoma no mu ishuri ryisumbuye rya Mubuga (1993), aya mashuri yombi ari mu karere ka Karongi, mu ntara y'Uburengerazuba, akaba yari umwarimu w'isomo rya Muzika. Mu mwaka wa 2002-2009, Muhayimana Gerard yongeye kuba umwalimu wa muzika mu ishuri ryisumbuye ryo kuri Ngoma
- Muhayimana Gerard ubu ni Umwalimu wa muzika mu ishuri rya muzika ryitwa "KIGALI MUSIC TALENTS" akaba anigisha muzika abantu ku giti cyabo (Professeur autodidacte)
- Mu itorero ry' Abadiventisti b'umunsi wa karindwi, Muhayimana Gerard yabaye umukuru w'itorero mu ishuri ryisumbuye rya Ngoma/ Intara y'ivugabutumwa ya Ngoma muri Filidi y'uRwanda rw' i Burengerazuba (West Rwanda Field), yabaye umuririmbyi w'itorero atoza kandi ayobora amakorari y'itorero, yabaye



Scanned with CamSc

umucuranzi w'inanga ya Accordeon mu itorero rya Ngoma intara ya Ngoma. Ubu ni umuririmbyi mu itorero rya Kabusunzu mu ntara y'ivugabutumwa ya Mont Kigali muri Central Rwanda Conference kandi afasha itorero ahugura abaririmbyi bo mu matorero agize iyo Conference.

- Muhayimana Gerard ni umuririmbyi kandi akaba n'umutoza wa chorale yitwa Cantate Domino y'i Kigali ikorera muri studio zifata amajwi y'indirimbo zo mu gitabo cy'itorero ry'abadiventisti kuri CD.
- Muhayimana Gerard yashakanye na Nyiransabimana Adele, byabyaranye abana bane.



Scanned with CamSc

# IBIBANZA

"Ni ukuri uwiteka Imana ntazagira icyo akora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo" Amosi 3:7.

Uramutse uvuze ko hari igihe itorero ry'Abadiventisti b'umunsi wa karindwi ritarwanyaga itabi, hari uwakeka ko usebanije. Nyamara ibyo ni ukuri rwose. Mu gitabo cyitwa "Histoire de l'Eglise Adventiste (Theo 287)" cyanditswe n'umwarimu wa kaminuza y'abadiventiste b'ubumunsi wa karindwi muri Afurika yo hagati (Université Adventiste de l'Afrique Centrale), NILTON D. Amorim I Mudende, Tariki 28 Ukwakira 1988. Ku rupapuro rwacyo rwa 51, ku isubi ya 3, havuga iby' Abadiventisti bari mu itsinda ryitwa "Smoke and Chew Party", abo bakaba bari bashyigikiye kunywa itabi no kurikanja, dore ko itorero ry'Abadiventisti ritabibuzanyaga; abo kandi babishyigikirwaga mo cyane na Pasitoro Gilbert Cramer wigishaga mu bibwirizwa bye ngo "Mukomere ku Isabato no ku itabi". Ibyo byabayeho ahagana mu mwaka wa 1858.[The smoke and chew party: movement de ceux qui soutainaient l'acte de fumer et de macher le tabac. L'abandon du tabac n'etait pas condition pour être membre de l'église mais la plupart des adventistes vers 1858 s'en abstenaient. Dans la ville d'Otsego (Michigan), un groupe d'adventistes trouvèrent dans leur Pasteur Gilbert Crammer, un avocat selon leur desir. Ce Pasteur les encourageaient a garder le Sabbat et le tabac]

Na none muri icyo gitabo, ku rupapuro rwa 40, ku isubi ya 4, tubona ko ku munsi w'Isabato, Abadiventisiti birirwaga mu materaniro kandi mu gihe babaga bafata akaruhuko, babaga batumagura itabi, abandi barikanja. [Puis plusieurs pouvaient se reposer et fumer leur pipes.]

Imana ntiyari kurekera itorero ryayo mu mwijima wo kutamenya ububi bw'itabi, byagezeho abizera basobanukirwa n'ububi bw'itabi,



Scanned with CamSc

n'uburyo ryonona ubuzima ku rugero rwo hejuru, kandi yuko imibiri Imana yaduhaye ari insengero z'Imana , byatumye bafata umwanzuro wo kureka itabi, ubu no mu mahame remezo n'inyigisho Abadiventisiti bemera kandi bizera , harimo ihame rya 19 rigira riti: "Nizera ko umukristo agomba gufata umubiri we neza kuko ari urusengero rw'Imana ngo abone uko ayihesha icyubahiro, agomba kwirinda ibisindisha, itabi n'ibindi biyobyabwenge" (*Abakor 3:16,17;6:19-20; Abagalat 5:17-21; 1Petero 2:9-12*)

Uwiteka Imana imaze kurema umuntu,yamugeneye ibyo kurya bimukwiriye iti "Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mu isi yose n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizabe ibyo kurya byanyu."*Itangiriro 1:29*

Ikigaragara, ubushake bw'Imana ku birebana n'imirire yacu burasobanutse, nyamara benshi bahisemo kutita ku mucyo itorero ryahawe ku birebana n'inyama mu gitabo cyanditswe na Ellen G. White cyitwa Inama ku mirire n'ibyo kurya ku rupapuro rwa 407, isubi ya 3 hagira hati: "niba mwirengagiza umucyo Imana yatanze ku birebana n'ingaruka zo kurya inyama ku mubiri, namwe mugakomeza kuzirya, mugomba kwirengera ingaruka zabyo. Ariko ntimugomba gufatira imbere y'abizera uruhande rutuma batekereza yuko gushyira mu bikokrwa ivugurura mu mirire bitari ngombwa kubera yuko Uhoraho ahamagarira bose gushyira mu bikorwa ivugurura."

Tuzirikane ko ivugurura ryo kureka kurya inyama ryaje mu itorero mu mwaka w' igihumbi kimwe na magana inani n'indi myaka irengaho, mbere yaho, Abadiventiste baryaga n'inyama z'ingurube ntacyo bishinja. Mu gitabo cyitwa Histoire de l'Eglise Adventiste cyanditwe na Nilton D. Amorim, avuga ibyo abadivantisite baryaga ku Isabato bakabisangirira aho bagiye gusengera byarimo n'inyama z'ingurube, biboneka ku rupapuro rwa 40, isubi ya 4.[Les membres pouvaient prendre ensemble, où la viande de porc était servie sans



Scanned with CamSc

aucune arrière pensée.] Ubu rero umucyo waratanzwe dusigaje kuwakira kandi bidufitiye akamaro.

Hamwe n'ibyo tumaze kubona , dukwiye kwishimira ko Imana yatanze umucyo .ku birebana n'imiririmbire ikwiye y'indirimbo z'Imana mu rusengero rwayo muri iyi minsi y'imperuka.

Imana iha agaciro gakomeye indirimbo tuyiririmbira kandi natwe iyo dukoresha iyo mpano, turushaho gusabana nayo"... mwigishanye , muhugurane muri zaburi n'indirimbo n'ibihimbano by'umwuka , muririmbirana Imana ishimwe mu mitima yanyu." *Abakolosayi 3:16*

Nta gushidikanya kuririmbira Imana bifite agaciro gakomeye ariko cyane kuyiririmbira mu rusengero rwayo rwera birushijeho kugira agaciro. Nyamara kandi na none Satani ahora ararikiye kuvangira Imana. Muri iyi minsi indirimbo n'imiririmbire bihesha ikuzo Imana biri kuvangirwa n'ibyo Satani ashaka buhoro buhoro kwinjiza mu muziki w'Imana agamije kuwigarurira, kugira ngo abantu benshi bave ku Mana maze bamuyoboke. Benshi bakora ibyo satani ashaka batabizi !

Mu ndirimbo zo kuramya, ingoma ntizikwiriye gukoreshwa (reba indongozi y'itorero, page 220) kandi mu by'ukuri n'ubusanzwe mu itorero ry'abadiventisite, ingoma zigaragara ntizivugirizwa mu rusengero; nyamara hari uburiganya Satani yakoze muri iki gihe, ni ukwihisha imbere mu nanga yitwa Synthétiseur, inyuma igaragara nka piano, nyamara ingoma ifite imbere muri yo ugasanga zakoreshejwe mu rusengero abayobozi n'abizera ntibarabukwe, bo bakumva ari iterambere bagezeho.

Iyi nanga ifite umugabane ugizwe n'amajwi, urwo ruhande rukunda kuba iburyo, iyaba ari rwo rwakoreshwaga mu gucuranga indirimbo zo kuramya mu rusengero ntibyagateye ikibazo, aho ikibazo kiri rero ni mu ruhande rw'ibumoso, aho niho ingoma, ibijegerezo,



Scanned with CamSc

inzogera (percussion) biri. Si ibyo gusa, ahubwo injyana zose abishimisha ubwabo bakoresha, niho ziri! Reggae, Rock, Rock and roll, Disco, Country music Pop, Rap, Samba, Lumba n'izindi…

Nta mpamvu n'imwe yo gukoresha izo njyana, inkomoko yazo ntabwo ari (ibihimbano by'Umwuka Wera.) Mperutse gutembera mu muyji wa Kigali, ngera ahantu hari igiterane cy'abantu basenga ; baririmbaga, babyina bitera hejuru banezerewe cyane, aho hafi hari akabari, nabonye umusinzi akavamo akuruwe na za ndirimbo abasengaga baririmbaga, yinjiramo; namukurikije amaso, mbona nawe yatangiye kubyinana na ba bandi bari bari gusenga, barangije kuririmba wa musinzi yasohotse yiruka yisubirira mu kabari; atari yinjira mo yarandebye, arambwira ngo "nari nagize ngo nabo bari kunywa none nsanze nta kigenda!"

Hari indirimbo ziririmbwa mu rusengero, aho kureshya abamalayika b'ijuru, ahubwo zikararika abadayimoni mu rusengero. Mu itorero ry'abadivantisiti, iyo bishimiye igikozwe, ijambo rivugwa ni Amen cyangwa Heleluya. Nyamara buhoro buhoro hari kwaduka ubundi buryo bwo kwerekana ko bishimiye ibikozwe, bagakoma amashyi, bakavuza ibivugirizo, bakajya ku ruhimbi bakajya guhoberana n'abaririmbyi… Itorero rikwiriye kuba maso kuri ibi. Amen na Haleluya niyo magambo Bibiliya yera yerekana avugwa ku musozo w'amagambo avugwa ku Mana, ingero zirigaragaza:

-"Ubuntu bw'umwami Yesu bubane namwe mwese" **Amen**.*Ibyahishuwe 22:21*

-"Nuko bya bizima bine birikiriza biti:Amen" *Ibyahishuwe 5:11*

-"…. Icyubahiro n'ubutware bibe ibye iteka ryose, **Amen**." *Ibyahishuwe 1:6*



Scanned with CamSc

-Uwiteka Imana y'abisirayeri ahimbazwe uhereye kera kose ukageza iteka ryose **Amen** kandi **Amen**."*Zaburi 44:4*

-"Mutima wanjye himbaza Uwiteka ... **Haleluya**" *Zaburi104:35*

-"Bibera bityo kugira ngo bitondere amategeko ye, bakurikize ibyo yategetse **Haleluya**."*Zaburi105:45*

-Uwiteka Imana y'Abisirayeri ahimbazwe uhereye kera kose kugeza iteka ryose, kandi abantu bose bavuge bati **Amen**!"*Zaburi 106:48*

Ibindi bitari Amen na Haleluya abantu bajya bakoresha mu rusengero, ngo kugira ngo berekane ko banejejwe n'ibyo bumvise, nko gukoma amashyi, kuvuza ingoma, kuvuza induru; muri Bibiliya Yera ntaho tubibona bikoreshwa mu gihe cyo kuramya. Twakagombye kubyirinda! Iki gitabo kirimo inama zitari nke, zihabwa abizera bose b'itorero ry' Imana, abo muri iki gihe cy'imperuka, ariko cyane cyane izi nama zikaba ari ingenzi by'umwihariko ku bayobozi b'itorero ry'Imana n'abaririmbyi bose.

Iki gitabo kivuga ku miririmbire iberanye no mu rusengero, kikerekana n'imiririmbire itaberanye n'amateraniro y'abera. Inama nyinshi ku birebana na muzika mu itorero zisanzwe ziboneka no mu bindi bitabo by'itorero, cyane cyane ibyanditswe n'umuja w'Imana Ellen G. White, iki gitabo kiributsa abizera kuzitaho.

Uko muzagenda musoma iki gitabo, muzajye musaba Imana kubaha ubushishozi bwo gutega amatwi yumva amagambo Uwiteka abwira ubwoko bwe bwo muri iki gihe cy'imperuka. Igihe cyose tugeze aho tutumva neza, ni ngombwa gupfukama tugasaba Umwuka Wera kugira ngo adusobanurire. Umwanditsi w'iki gitabo acyandika, hari aho yageraga akumva ibyo ari kuvuga atari byo; kuko nawe yabonaga atari ko asanzwe abyumva , ijwi rikamubwira ko nawe kimwe n'abandi bizera bose ubu butumwa bumureba.



Scanned with CamSc

Nta mpamvu n'imwe iri muri iki gitabo yemerera umusomyi wacyo gukurura umuvurungano mu itorero acyitwaje ariko amagambo ari muri iki gitabo si ayo guhabwa agaciro gacye .ibiri amambu, ahatumvikana hose , tuzajye dusenga duturije Imana, umwami Imana azajya arushaho kuduha umucyo.

Dusabe Imana kugira ngo ibashishe abana bayo kwimenyereza kuririmba no gucuranga ku buryo bunoze. Kandi ibashishe itorero ryayo kugira ubumenyi bwo gutanga amahugurwa ku baririmbyi no kubasha kubashishikariza gukunda kuba mu materaniro ategurwa n'itorero aho kugira ngo baboneke ari uko bafite gahunda y'umwihariko mu itorero gusa.

Uwiteka ahe umugisha umusomyi w'iki gitabo Amen



Scanned with CamSc

# I. MUZIKA

## I.1 Ubusobanuro bw'iyo nyito:



Muzika, ni ubuhanga buhanitse bwo kujya mu nganzo, ugakoramo igihangano, wegeranya amajwi ku buryo bunogeye amatwi, ukayakurikiranya, ukayavanga , cyangwa se ukayatondeka kuri gahunda itunganye ku buryo igihe anyuze mu munwa cyangwa mu bicurangisho bya muzika, aba ashimishije, anogeye amatwi.

## I.2 Inkomoko y'inyito :

Muzika, ni ijambo ryinjiye mu magambo akoreshwa mu kinyarwanda, rikaba rifite inkomoko mu rurimi rw'ikigiriki "Mousike"




Scanned with CamSc

### I.2.1 En Notation neumatique




### I.2.2 En Notation Moderne




### I.2.3 Gregorian chant



Hejuru turababona uburyo bwo kwandika umuzika bunyuranye bwa kera cyane. Ubwo tubona buheruka ni ubwo mu kinyejana cya cumi na kane no mu kinyejana cya cumi na gatanu. Ubuhanga nk'ubu bwamenyekanishijwe n'uwitwa Geregori (Gregoire) niyo mpamvu babwita Musique Gregorienne.



Scanned with CamSc

## I.3 Umunyamuzika :

Ni umuntu ufite ubuhanga bwo kujya mu nganzo, akamenya kwegeranya no gusohora amajwi ku buryo bunogeye amatwi.

Ku bindi twakongeraho, ni uko uwo muntu ashobora no kumenya gukoresha ibikoresho bya muzika bigatanga amajwi atunganye, ariko si ngombwa ngo abe azi akantu kose muri muzika ngo abone kwitwa umunyamuzika.

Birashoboka kandi ko uwo muntu yaba afite muzika imurimo, atigiye mu mashuri, wenda rukaba ari uruhererekane rw'impano ziri mu muryango. Ariko biba byiza iyo abonye uburyo ahugurwa kugira ngo ajye akora muzika isobanutse. Ikindi ni uko iyo mpano ya muzika isaba ko umuntu atayisinzirana kuko agomba kuyikoresha buri gihe no guhora ashaka kunguka ibishyashya, iyo bitabaye ibyo, biroroshye cyane ko iyo mpano yazimangana.

Muri iki gihe habaho amashuri yo kwigiramo muzika byaba byiza kuyajyamo kuko niho umuntu abasha gukura ubumenyi ngiro nyabwo, bwatuma umuntu akora muzika itunganye, igendeye ku mategeko yemewe arebana n'ubuhimbyi bw'indirimbo. Biba byiza iyo umwana ahawe ubwo bumenyi guhera akiri muto kuko byagaragaye ko aribwo agera ku rwego rw'abanyamuzika b'abahanga cyane.

## I.4 Muzika y'itorero,

"Ecclesiastic music" : Ni muzika ihimbwa mu rwego rw'ivugabutumwa , ikoresheje ubuvanganzo bukomoka kandi bwubakiye ku Ijambo ry'Imana "Bibiliya Yera".

## I.5 Imigabane y'abaririmbyi mu itorero.

Hariho imigabane ibiri y'abaririmbyi mu itorero:



Scanned with CamSc

### I.5.1 Indirimbo rusange (Hymnes):

Ni "muzika" cyangwa se indirimbo zemerwa n'itorero, ziba ziri mu bitabo by'itorero zatoranirijwe kuririmbwa muri rusange n'abizera bose bahuje ukwizera; igihe bateranye baramya Imana. Izo ndirimbo ziba zarahimbwe n'abanyamuzika banyuranye, maze urwego rukuru rw'itorero rubifite mu nshingano rugashyiraho itsinda ry'abanyamuzika banyuranye bagafatanya n'abatoranijwe bize cyangwa se b'impuguke mu IYOBOKAMANA, bakemeza izikwiriye gukusanyirizwa mu bitabo by'indirimbo z'itorero.

**Icyitonderwa:**

*Ijambo "**Hymne**" ni ijambo rikomoka mu ndimi z'amahanga, risobanura: indirimbo rusange iririmbwa (ziririmbwa) n'abantu bafitanye isano ikomeye, ishobora kuba ishingiye:*

- *Ku kwizera kumwe "church hymnal"*
- *Ku gihugu kimwe"Hymne National"*
- *Ku kigo cy'ishuri kimwe "Hymne scolaire" n'ibindi...*

Mu itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi, abakoresha ikinyarwanda bafite igitabo kimwe kitwa "indirimbo zo guhimbaza Imana"

Nyinshi mu ndirimbo ziri muri icyo gitabo, zifite umwimerere w'ururimi rw'ikidage, izindi nazo zifite umwimerere w'ururimi rw'icyongereza cyangwa igifaransa.

Amatorero ari mu mahanga yose yo mu isi, azishyira mu ndimi zinyuranye, ariko amajwi, ubusobanuro n'umwimerere wazo bikubahirizwa.

Mu gihe cyo kuzitoranya, Umwuka w'IMANA niwo ubayobora, hatekerezwa cyane ku bushobozi bwo kuririmba bw'abizera bose



Scanned with CamSc

muri rusange. Ni ukuvuga ko harebwa niba abizera bashobora kuziririmba bitabagoye, hagenzurwa kandi uburyo zahimbwemo ko zitabasha gutuma abizera bifata nk'uko ab'isi bifata igihe baririmba indirimbo z'isi. Bakita cyane ku kureba niba ubutumwa buzirimo buhamanya n'ukuri kwa Bibliya Yera, no kumenya ko umuhimbyi wazo yazihimbaga zimuvuye ku mutima koko, ko atari ibyo yivugiraga gusa yenda yigana ubuhamya bw'abandi gusa naho we bitamurimo.

Nk'uko abisirayeli bari mu rugendo berekeza i Kanani baririmbiraga mu butayu indirimbo zikabatera gukomeza ibyiringiro by'uko bari kumwe n'Uwiteka kandi ko bazashyira bakarangiza urugendo, niko natwe abari mu rugendo rujya mu ijuru dukwiriye kuririmbana iby'iringiro ko tuzagera muri Kanani yo mu ijuru.

Izi ndirimbo zifasha abizera kuririmbira hamwe mu mwuka umwe wo gusenga no guhimbaza Imana, kandi uburyohe bwazo ntibujya bushira. Abizera basabwa kuziririmba kenshi bishoboka haba mu nsengero, mu mavuna ndetse no mu ngo z'abakristo aho abantu bateraniye basenga mu izina rya Yesu.

Mu bihamya by'itorero, umuzingo wa 9, ku rupapuro rwa 144[1909] ,(*Evangeliser*, ku rupapuro rwa 456), hagira hati "Mu materaniro yo gusenga, birakwiriye gutoranya abantu bafite umwihariko wo kuririmba indirimbo z'itorero, ibyo bigashyirwa muri gahunda.

Birakwiriye kandi gutoranya abacuranzi b'abahanga, bazi gucuranga neza ibicurangisho bya muzika".hakomeza hagira hati ;"ntitukange ikoreshwa ry'ibikoresho bya muzika , ariko nyamuna bigenzurwe neza kugira ngo bikorwe neza, kuko ni uguhimbaza Imana."

Izo ndirimbo ntizigomba kuririmbwa n'abantu bamwe gusa ngo abandi baceceke, abantu bose baje mu materaniro bagomba gushishikarizwa kuziririmba"'-*Lettre 157,1902 (Evangelism,* page 450),



Scanned with CamSc

Iyo bishobotse ziherekezwa n'inanga yitwa "CHURCH ORGAN" umuzika wayo urorohereye kandi ifite amajwi agendana no kuramya.

Ellen White agira ati "Impano yo kuririmba cyangwa se muzika igomba gukoreshwa mu murimo w'Umwami Imana, gukoresha ibikoresho bya muzika ntibigomba gusuzugurwa. Mu bihe bya kera ibyo bikoresho byarakoreshejwe mu murimo w'itorero (SERVICES RELIGIEUX), Abasengaga Imana bakoreshaga inanga (harpes) n'ibyo bita cymbales, nuko rero umuzika ukwiriye guhabwa umwanya w'ingenzi mu nsengero dusengera mo, kuko bifite inyungu ikomeye." *Lettre 132, 1898,(Evangelism*, pages 500 et 501; *Evangeliser*, page 450).

Muri conference Generale yo mu mwaka wa 1905, Ellen WHITE yagize ati "Nanejejwe no kumva incurango yacuranzwe n'ibicurangisho mwakoresheje hano, bihuye rwose n'ubushake bw'Imana, kuko ishaka ko tuyisingiza n'umutima wacu wose n'ubugingo bwacu bwose ndetse hamwe n'amajwi yacu, tukogeza izina ryayo mu isi yose."*Review and herald*, 15 juin 1905 (*Evangelism*, page 503; *Evangeliser*, page 453).

### I.5.2 Indirimbo z'umwihariko "special songs"

Muzika iririmbwa n'abaririmbyi batoranirijwe kuririmba indirimbo zatoranirijwe kuririmbwa n'amakorali.

Iri tsinda rya kabiri ni muzika ikorwa n'amakorali y'itorero, abagize amakorari, bagomba kuba baratoranijwe mu torero kubera inyifato nyiza irangwa n'ikinyabupfura hamwe n'ubuhanga bwo kuririmba bafite. Abagize iri tsinda bakagokombye kuba ari intyoza mu kuririmba kandi bafite n'ubumenyi buhagije bwo kuririmba. Byaba byiza kurushaho babaye bazi gusoma amanota ya muzika kuko bo bafite inshingano yo kuririmba kenshi indirimbo nshya, kuko iyo



Scanned with CamSc

bitabaye ibyo korali ntigera ku rugero rwiza rukwiriye rwo kuririmba.

Abacuranga ibicurangisho mu rwego rwa chorale, bagomba kuba babizi neza kandi incurango igomba kuba itabuza abantu kumva ubutumwa buri mu ndirimbo neza.

Birashoboka kandi ko habaho Chorale zidakoresha ibikoresho bya muzika bicurangwa, ahubwo bagakoresha amajwi yabo y'umwimerere gusa "Acapella".

Muri chorale, si ahantu hagibwa n'abantu babuze icyo bakora, kuko abagize Chorale baba bariyeguriye gutanga igihe cyabo kinini mu guhimbaza Imana mu ndirimbo, bityo basabwa kuririmba kenshi, kandi kenshi baririmba indirimbo nshya. "Muririmbire uwiteka indirimbo nshya"...*Zaburi* 96:1

Naho muri *Zaburi*144:9 hagira hati "Mana ndakuririmbira indirimbo nshya, ndakuririmbira kuri Nebelu y'imirya icumi."

Muri Bibiliya Yera, tuhasanga urugero rw'uburyo abashinzwe umurimo wo kuririmba mu itorero ry'Imana batoranywaga. "Kandi Dawidi n'abatware b'ingabo, batoraniriza uwo murimo bamwe bo muri bene Asafu n'aba Hemani n'aba Yedituni ngo bahanuze inanga" *Ingoma* 25:1

Iyo dusomye icyo gitekerezo, dusanga abatambyi bari baribagiwe inshingano yabo yo kwita ku baririmbyi, byatumye abaririmbyi nabo bacika intege, Umwami Dawidi aza kubabazwa nabyo, nibwo we ubwe yavugururaga urwego rwa muzika mu itorero, (Isirayeli yose yari Itorero ry'Imana).Umuyobozi w'abaririmbyi yagizwe Asafu.

Ntibikwiriye na gato ko ubuyobozi bw'itorero bukura ijisho kuri chorale. Ellen White nawe yajyaga asura abaririmbyi akabashima



Scanned with CamSc

ku byiza babaga bakora cyangwa akabacyaha kubyo yabaga abona bakora bidatunganye

Inama yahaye umuyobozi wa muzika wayoboraga Chorale, Ellen White yagize ati : "Nabashije gusura chorale uyobora aho mukorera imyitozo yanyu mbona n'uburyo mwitoza. ati neretswe ko muri mwe mufite amashyari abageze kure kandi murifuza, ntimwizerana ahubwo muracyekacyekana, mukanagira amazimwe..."akomeza agira ati mumenye ko Icyo Imana yifuza kuri mwe n'imitima yanyu, naho ibyo mukora mubyihangishijeho ni nk'umuringa urenga, ni nk'inzogera isakuza, ati mukorera imyiyereko imbere y'abantu, nyamara ibyo mukora ni ibyo kwihimbaza gusa. *Lettre 1b*, 1890 (*Evangelism* page 507; *Evangeliser*, pages 455 et 456).

Na chorale ikwiriye kumvira kuzuye ubuyobozi bw'itorero kandi urukundo n'urugwiro bikwiriye kuba muri Chorale kuko nabyo ubwabyo ni ikibwiriza, kandi rero iyo Chorale n'itorero bikorana neza, bituma umurimo ukura neza kandi wihuse.



Scanned with CamSc

## II. NINDE WAREMYE MUZIKA ?

Muzika ifite amateka maremare kandi atangaje! Ariko kugira ngo tumenye inkomoko yayo nyayo, bidusaba kuyoborwa n'Umwuka wera w'Imana , Hariho imbaraga zirenze kure iz'umwana w'umuntu, ziba zigamije kuturiganya, kugira ngo tutamenya icyo muzika ari cyo n'uwayihanze uwo ari we.

Amateka adashingiye kuri Bibiliya, agenda atwereka abahanga bagiye bakora ubushakashatsi muri muzika, nyamara hari abo tubona ko batavuga ukuri kuko badahuza namba na Bibiliya yera.

Abitwaga abanyabwenge ba kera bo mu Bugiriki, bagiye bavuga ko umuziki wahimbwe n'imana y'Abagereki yitwa "Apollon" ngo kandi yacurangaga bikomeye inanga yitwa "lyre", iyo nanga yo ngo ikaba yarakozwe na murumuna w'iyo mana witwa "hermes".

Iyo bavuze "Les sept beaux arts", ni ukuvuga amasomo yigishwaga mu bihe bya kera bita"antiquite" ukaza ukagera no mu bindi bihe byitwa "moyen age", dusanga isomo rya muzika ryari mu masomo y'ingenzi yitabwagaho kandi usanga cyane cyane abahanga mu mibare aribo bagiye bashyiraho amategeko yanditse agenderwaho, ubwo bugeni bw'icyo gihe nibwo bita "art medieval'. Ndetse wasangagaa umuziki wanditse ku birahure no ku nyubako ndetse no ku matafari cyangwa amabuye akorogoshoye.

Hari ibicurangisho bya kera byinshi ubu bitakimenyekana, byamaze kwibagirana, ariko bikibukirwa kuri izo nsika bagiye babishushanyaho.; nk'ibyitwa "theorbe" ,"rebec" "monocorde" (nyamurya umwe), "luth" na "Vielle" (mukecuru).

Abo bitwa abahanga n'ab'isi, bavuga ko abanyamuzika bashobora kuba abantu, cyangwa abamarayika, cyangwa amashetani, bakoresha muzika kugira ngo bakurure cyangwa bareshye imitima y'abantu.



Scanned with CamSc

Kuba muzika yaragiye yigwaho n'abahanga nta wabishidikanya, kuko n'umuhanga mu mibare wa kera "Pythagore" na n'ubu ukivugwa mu mashuri yose aho bigisha imibare yagiye avumbura ibintu byinshi birebana na muzika mu bushakashatsi bwe, mu mibare, yabaga ari gukorera ubushakashatsi. Abibwira ngo muzika ni isomo ry'abaswa baba batarizi.

Abataliyani nabo bagiye bamenyekana cyane mu gukora ubushakashatsi muri muzika, bakagenda bavumbura udushya muri iryo somo. Igisigo cyatuwe uwitwa Mutagatifu Yohani Batisita, cyabyaye imbarutso yo kuririmba ingenajwi yuzuye (gamme).

Ku bizera b'itorero ry'abadiventiste icyo gisigo nta gaciro tugiha kuko amagambo akirimo yerekana neza ko uwayavugaga nta mucyo wa Bibiliya yari ifite, ariko imigemo igenda itangira buri nteruro y'icyo gisigo natwe turayikoresha mu kwandika no gusoma indirimbo ku manota. Icyo gisigo giteye gutya mu kilatini:

**UT** QUEANT LAXIS; **RE**SONARE FIBRIS ;**MI**RA GESTORUM; **FA**MULI TUORUM; **SO**LVE POLLUTI; **LA**BII REATUM; **S**ANCTE **I**OHANES

"Mu Kinyarwanda kigira kiti: Abagaragu bawe bakuririmbire, n'ijwi rifite imbaraga, kuko ibyo wakoze bitangaje, ni ibikorwa birangwa n'umucyo, ubababarire amakosa akomeye yabo, n'indimi zabo zibeshya, tubigusabye twinginga yewe mutagatifu yohani Batisita we."

Kuba umwanditsi wa kiriya gisigo atarazi yuko isengesho ryose rinyuzwa kuri Yesu aribwo rigira akamaro, aho kuricisha ku batagarifu, bitwereka ko nta mucyo uwanditse kiriya gisigo yari afite.

Muri uyu mutwe, turifuza kubanza gusesengura, kugira ngo tumenye ukwiriye kumenyekana ko ariwe wahanze muzika.



Scanned with CamSc

## II.1 AHO NTIYABA ARI GUI D'AREZZO CYANGWA GUIDO D'AREZZO WABA YARAREMYE MUZIKA?



Mbere y'kinyejana cya cumi na gatandatu, Guido d'Arezzo, umutaliyani, uzwi mu mateka ya muzika, niwe watangiye kwifashisha igisigo twabonye haruguru, cyitiriwe Mutagatifu Yohani Batisita !, Guido d'Arezzo yafashije abaririmbyi kujya babasha kwibuka amajwi y'indirimbo baririmbye; aho yafashe imigemo itandatu ibanziriza buri nteruro mu zari zigize icyo gisigo akayitirira amajwi-fatizo agize ingenajwi (Gamme). Ubushakashatsi barakomeje ku buryo mu kinyejana cya cumi na gatandatu, ijwi rya karindwi naryo ryubakiye kuri cya gisigo twabonye ryavumbuwe hakoreshejwe umugemo wa nyuma "SANCTE IOHANES", kuri buri jambo hafatwa inyuguti imwe imwe, ziteranijwe zibyara ijwi-fatizo"SI". "UT" yaje gusimburwa na "DO". Iyo DO Ikaba ituruka ku ijambo ry'ikilatini ryitwa "DOMINUS" bivuga "Umwami Imana". Nyuma na none, ijwi rya munani ryaje kwiyongera kuri arindwi ryitwa "DO octave" , bityo ingena-jwi yose igira amajwi umunani. Nyamara uyu Guido d'Arezzo siwe muremyi wa muzika !

**Guido d`Arezzo , mwalimu wa muzika**



Scanned with CamSc

## II.2 NONE SE UWAREMYE MUZIKA YABA ARI UMUDAGE JOHANN SEBASTIAN BACH ?

wabayeho hagati ya 1685 - 1750, kandi akaba yaravukiye ahitwa "Eisenach" umugi wa Thuringe ?



JOHN SEBASTIAN BACH ni umunyamuzika w 'ikirangirire Itorero ry'abadiventiste ntiryatanzwe ku ndirimbo yahimbye. Mu gitabo cyitwa Hymnes et Louanges, haboneka mo indirimbo zahimbwe na BACH nk'indirmbo ya 612 Dieu mon péché me désole ."

Uyu munyamuzika yavukiye mu muryango w'abanyamuzika benshi kandi bose b'ibirangirire. Iri zina Bach (soma Bahi), rirahagije kumvikanisha umuntu w'umunyamuzika. Mu Burayi, iyo umuntu ashaka kuvuga ko runaka cyangwa nyirarunaka ari umunyamuzika amwita umubahi. (Bach)

### II.2.1 Johann sebastianBach

Uyu Bach, yari umwana wa munani wa Ambrosius Bach. Se, niwe ubwe wamutoje gucuranga inanga zifite imirya nka "violon", naho mukuru wa Bach witwaga Johann Christoph, yamutoje gucuranga inanga yitwa 'orgue".



Scanned with CamSc

## II.2.2 Johann Sebastian Bach yabayeho imibereho iruhije

Johann Sebastian Bach yapfushije se umubyara afite imyaka cumi n'irindwi gusa. Mukuru we niwe wamubereye umubyeyi mu cyimbo cya se.

Nanone kandi Bach afite imyaka mirongo itatu n'itandatu yapfushije umugore we Maria Barbara, wamusigiye impfubyi esheshatu, Bach yaje gushaka undi mugore witwaga Anna Magdalena Wicken wari ufite imyaka makumyabiri gusa igihe yashakanaga na Bach. Uwo we babyaranye abana cumi na batatu. Abana bose ba Bach mu mateka tubona ko bari makumyabiri, hari umwe amateka aterekana neza umugore bamubyaranye.

Nubwo Bach yagize abana benshi, (20), ababashije gukura bakabaho ni ikenda gusa, muri bo uzwi cyane ni uwitwa Carl Philip Emmanuel cyane ko nawe yabaye umuhimbyi w'indirimbo ukomeye.

## II.2.3 Icyamamare Bach (Bahe) umuhimbyi w'indirimbo

Iyo bavuze ba Bach, bikwiriye kumvikana neza ko wari umuryango mugari, wari utuye mu gipande cy'Ubudage bw'Uburasira-zuba, aho bita "Eisenach" soma (Ayizena).

Benshi bo muri uwo muryango bari bafite iri zina rya "Bach", ariko uwarushije abandi ba Bach kumenyekana ni Johann Sebastian Bach, wabaye icyogere mu muzika, mu Budage by'umwihariko, no ku isi yose muri rusange. Ubuhanga bwe butangaririwa na bose. Yanditse indirimbo ibihumbi byinshi, na n'ubu ziracyanyura imitima ya benshi.



Scanned with CamSc

Eisenach(Ayizena), iwabo w'uyu muririmbyi ubwaho, hazwi neza mu mateka ya muzika, nk'ahantu hari hasanzwe harateye imbere mu birebana na muzika. Ibirangirire muri muzika byagiye bihanyura nka Pachelbel, Eberlin cyangwa Karl.

Bach yabayeho mu bihe bimwe na George Frederic Handel, na Amadeus Wolfgang Mozart. Mu gihe cyabo babaye ba Rudasumbwa, babaye abahimbyi beza cyane bidasubirwaho.

Bach yabayeho ubugorozi bwa Luther"Luteri" butangiye gushinga imizi mu Itorero ry'Imana, mu mugabane w'i Burayi.

Bach yakundaga Iyobokamana cyane. Indirimbo yahimbye mu rwego rwo guhimbaza Imana, ziririmbwa ku isi yose, kandi mu ndimi nyinshi. Aha twamenya ko Bach we yahimbaga indirimbo mu kidage kuko ari rwo rwari ururimi rwe rwa kavukire yize kandi n'ururimi rw'ikilatini agendereye kumenya iyobokamana. Kuba indirimbo ze ziboneka mu ndimi nyinshi zo ku isi, ni ukuberako abahanga mu ndirimbo bo mu mahanga menshi bagiye bazikunda , bagasaba uburenganzira bwo kuzihindura mu ndimi zabo. Ariko birinze guhindura umwimerere wazo.

Mu gitabo cy'indirimbo cyitwa "Hymnes et Louanges" gikoreshwa mu itorero ry'Abadiventisite b'Umunsi wa Karindwi, mu rurimi rw'igifaransa, tubona mo indirimbo ebyiri zahimbwe na Bach:

Imwe ni iya maganatandatu " LE CIEL PALIT A L'ORIENT", aho asingiza kandi akanatangarira Umwami Yesu, kubwo kwicisha bugufi kwe, kuba yaravutse, akabaho mu buryo bwa gikene kandi ari umwami ukomeye!

Naho indirimbo ya maganatandatu na cumi na kabiri yo muri icyo gitabo, "DIEU MON PECHE ME DESOLE", yerekana uburyo icyaha cyamugize imbohe kikamushyira mu bwigunge, n'uburyo icyaha kimuremerera, agasaba Imana kukimukiza.



Scanned with CamSc

Bach yanditse indirimbo nyinshi cyane kandi hari n'izo yasinziriye atarangije, nyinshi zagiye zirangizwa n'umuhungu we Carl Philip Emmanuel.

Ahagana hasi turabona ifoto ya Carl Philipp Umuhungu wa Johann SEBASTIAN BACH. Undi wamenyekanishije indirimbo za Bach ni uwitwa Mendelson, wamenyekanishije iyitwa " la passion de Jesus selon Saint Matthieu" Uretse guhimba ize ku giti cye, Bach yanagiye asubira no mu z' abandi bahimbyi bagiye bahimba maze akazinonsora.



**Carl Philipp Emmanuel**

Mu gitabo cy'icyongereza cyitwa " Church Hymnal"( soma Cacimuno), gikoreshwa n'itorero ry'abadiventisite b'umunsi wa Karindwi, tubonamo zimwe mu ndirimbo zatunganijwe na Bach. nk'indirimbo y'ijana na mirongo itatu 'O SACRED HEAD NOW WOUNDED', Aho avuga iby'umutwe muziranenge wakomerekejwe ukambikwa amahwa, iyo ndirimbo ikaba yarahimbwe n'uwitwa HANS L. HASSLER (1564-1612) Ariko Bach arayinonosora,



Scanned with CamSc

n'iy'ijana na mirongo cyenda na karindwi "WAKE, AWAKE, FOR THE NIGHT IS FLYING", yahimbwe na Philip Nicolal(1599) nayo yanonosowe na Bach, Ikaba isaba abantu kuba maso kandi ko umwijima ugiye gutamuruka, hari kandi na maganabiri n'imwe "SOON MAY THE LAST GLAD ARISE" ati vuba aha tugiye guhanika indirimbo tuvuga ko byose byeguriwe Yesu.

Uwavuga ibya Bach bwakwira bugacya, kuko afite ibigwi byinshi kandi byiza, kabone nubwo yahuye n'ibibazo by'ubuzima bikomeye, ntabwo byigeze bimubuza gushyira Imana imbere ayisingiza, ayisenga kandi ayihimbaza mu ndirimbo zitagira uko zisa yabaga yahimbye.

Iwabo aho avuka, ubu hari inzu ndangamurage aho abantu bava ku isi yose bajya kumvira ibigwi by'uyu muhimbyi dore ko hari na korali imwitiririrwa iba muri iyo nzu.

Bach mu busaza bwe yahuye n'ikibazo cyo guhuma amaso, aza no kurwara indwara y'umutima, ari nayo yahitanye ubuzima bwe. Icyaduha akazazuka umuzuko wa mbere w'abakiranutsi, ntawe utagira amatsiko yo kuzamubona mu ijuru.

Nubwo Bach yabaye igihangange muri Muzika, ntabwo akwiriye kwitwa umuhanzi wa Muzika.

***Ikibazo kiracyakomeje ngo ninde wahanze muzika?***



Scanned with CamSc

## II.3 NONE SE YABA ARI GEORGE FREDERIC HANDEL WAHANZE MUZIKA? WE SE NINDE YAKOZE IKI MURI MUZIKA?



George Frederic Handel, yavutse taliki 23 Gashyantare 1685, apfa taliki 14 Mata 1759. Handel ntabwo afite inkomoko ku muryango w'abanyamuzika nk'uko bikunze kuba ku bandi banyamuzika bari ku rwego nk'urwe. Duhereye kuri sekuru witwaga Valantin Handel, uyu sekuru akaba yari yaravukiye ahitwa "Breslau"(Soma Beresiro) aho ngaho ariko siho yaje gutura, ahubwo yaje kwimukira ahantu hitwa "Halle"ahakorera umurimo urebana no gusana ibyuma (chaudonnier), aza gupfa mu mwaka wa 1609.

Mu bana be yasize, nta n'umwe wakoze umurimo wo kuririmba, kuko babiri bakomeje umwuga wa se, uwa gatatu witwa George se yamusize afite imyaka cumi n'ine gusa, mu rwego rwo gushaka imibereho ashakishiriza ku mugabo wakoraga umurimo w'ubuhanga bwo kogosha ubwanwa (churigien barbier). Nyamara uwo shebuja wamutozaga umwuga wo kogosha ubwanwa nawe yaje gupfa, maze George aza gucyura umugore w'uwari shebuja. Ubwo yamucyuye shebuja amaze imyaka itandatu apfuye, icyo gihe George Handel yari afite imyaka makumyabiri



Scanned with CamSc

n'umwe, mu gihe uwo mugore yacyuye yari afite imyaka mirongo itatu n'umwe. Bamaranye imyaka mirongo ine.

Mu mwaka wa 1682, George yarapfakaye kandi rero birumvikana kuko yari yarashatse umugore umuruta mu myaka cyane.

Byabaye ngombwa ko George ashaka undi mugore bashyingiranwa taliki 23 Mata 1683, uwo mugore yashatse yitwaga "Dorothea Taust" yabayeho kuva mu mwaka w'1651 - kugeza mu mwaka wa 1730. Uyu mugore mushya wa George yari umukobwa w'umupasitoro akaba yari ataruzuza imyaka mirongo itatu., Mu gihe George we yari amaze kuba umusaza.

Umusaza George Handel yabyaranye umwana wa mbere na Dorothea, ariko apfa atamaze iminsi arongera asama inda ya kabiri ariyo yavutsemo umwana wiswe GEORGE FREDERIC HANDEL. waje kuba umunyamuzika w'ikirangirire. Aha birumvikana ko uyu munyamuzika afite izina rimwe rya Sekuru, ariryo Handel, n'irindi akomora kuri se ariryo George, naho Frederic ni iryo yahawe amaze kubatizwa. dore ko yabatirijwe mu itorero ry'Abaluteri, abatirizwa ahitwa LIEBFRAUENKIRCHE.

George Frederic Handel ntabwo ariwe muhererezi iwabo, kuko inyuma ye havutse abandi bana, bashiki be, aribo Dorothea Sophia (mushiki we wavutse 1687) na Johann Christiana,( murumuna we wavutse 1690).

Nk'uko tubibona rero, George Frederic HANDEL nta wundi munyamuzika ukomoka mu muryango we uzwi ni Imana yamwitoranirije imuha impano yo kuririmba.

Ikizwi ni uko Se wa George Frederic, yarakaye cyane ubwo yamenyaga ko umwana we akunda muzika, ntabwo yashakaga ko umwana we yazaba umunyamuzika, ahubwo yifuzaga ko umwana



Scanned with CamSc

we yazaba umunyamategeko ngo naho kwiga muzika ni ukwiraga ubukene bwo guhora asabiriza mu mayira..

Uyu mwana ntiyigeze avirira, ahubwo yakomeje kwihatira kumenya muziki dore ko nyina we byamushimishaga cyane ariko kubw'igitsure gikabije cya se , umwana akajya guhisha inanga ye mu cyumba cy'ububiko bw' ibiribwa, yabona se atari hafi akegera ya nanga ye, akayitoza.

Byaje gutangaza abantu ubwo yageraga muri Chapel (inzu isengerwamo), akumvikana acuranga neza inanga yo mu rusengero yitwa orgue.

Umuyobozi wari ushinzwe ibirebana na muzika muri iyo nzu yasengerwagamo witwaga Jean Adolphe de Saxe-Weissenfels, uyu akaba yaramwumvise acuranga bituma baba inshuti, nawe ajya kumuhakirwa kuri se kugira ngo amureke akurikire ibya muzika. Se nawe abibonye atyo agabanya ubukana n'igitsure yari afite ku muhungu we, ahubwo anamushakira umwarimu w'umuzika wari uzwi kandi akomeye muri icyo gihe, uwo mwalimu akaba yaritwaga "Friedrich WIlhelm Zachow".

Amwigisha gucuranga , kuririmba, no guhimba umuzika y'amajwi n'iy'inanga za muzika zinyuranye n'amategeko ajyanye no gukora muzika itunganye. Mu bikoresho bya muzika uwo mwalimu yamuhuguyemo, hari clavecin (kalavese), orgue(oruge), hautbois (obwa).

Yamwigishije gutunganya amoko menshi ya muzika nka contre point (konterepwe) ni nabyo byitwa counter point (kawunta pwenti), umuzika witwa fugue (FUGE)

George Frederic Handel kandi yaje no gushaka abandi bahimbyi benshi bakomeye bagiye bamuhugura, barimo abitwa Froberg, Kerll, Kreeger n'abandi...



Scanned with CamSc

George Frederic Handel noneho atangira kujya acuranga ku mugaragaro. Igitangaje no kwiga iby'amategeko ntiyabiretse ahubwo nabyo yarabikomeje ndetse abibamo umuhanga, agera ku rwego rwa Kaminuza abona dipolome ihanitse mu by'amategeko ariko yihitiramo gukora umurimo w'uburirimbyi, ari nawo yakoze uramutunga kugeza avuyemo umwuka.

George Frederic Handel yaje guhabwa ubwenegihugu bw'ubwongereza, dore ko mu mwaka wa 1723 yaguze inzu i Londoni mu Bwongereza, ku ibarabara ryitwa "Brook Street", ari naho yatuye kugeza apfuye.

George Frederic Handel yasuye ibihugu byinshi ku mugabane w'uburayi, kandi aho yanyuze hose yarakunzwe cyane. Aho yakunze gukora i bitaramo cyane cyane ni Vienne n'i Londoni.

Indirimbo ye yakunzwe kurusha izindi ni iyitwa "Messiah" (Mesiya), bamwe bakunda kuyita Halleluiah Chorus, muri iyo ndirimbo yose igizwe ahanini n'ijambo rimwe ariryo "Haleluya", asingiza kandi akanarata umuzuko wa Yesu. Ubwo yayiririmbiraga mu ngoro y'ubwami i Londoni, umuyobozi mukuru w'igihugu yasabagijwe n'umunezero ahita ahagurutswa n'ibyishimo, abari mu ngoro bose babonye ahagurutse, bya bindi bavuga ngo umwera uturutse ibukuru bucya wakwiriye hose, bahise bamwigana, maze kuva ubwo biba umuco igihe cyose iyo ndirimbo iririmbwe abaje kuyumva barahagurukgaa, cyakora ni n'uburyo bwo guha icyubahiro umuzuko wa Yesu Kristo.

Mu gitabo cy'Itorero ry'Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi cy'ikinyarwanda cyitwa 'Indirimbo zo Guhimbaza Imana, kuya 184, haboneka indirimbo yahimbwe na George Frederic Handel yitwa "MWESE NI MUVUZE IMPUNDU" (Joy to the World) aho ararikira isi yose kwishimira umukiza Yesu wavukiye mu isi kugira ngo ayicungure.



Scanned with CamSc

## MWESE NIMUVUZE IMPUNDU

1. Mwese, nimuvuze impundu! Dore Umwami araje !! Mwitegure mwiboneze, Musangwe mwinononsoye.Isi yose iririmbe (Isi yose iririmbe)! Isi yose niririmbe (Yose niririmbe)! Nȧwe juru, Wishime uririmbe cyane!

2. Mwese nimuvuze impundu! Dore Umwami araje ! Azima Ingoma ihoraho, ntabwo izahanguka rwose. Muvuze Ijwi ry'impundu (Vuza ijwi ry'impundu), Ni muvuze ijwi ry'impundu (Vuza ijwi ry'impundu), Ni mwishime mwese muririmbe cyane

3. Azatsembaho icyaha, isi igubwe neza; Imibabaro izashira, Habeho amahoro masa, Nt́a mivumo izabayo (Nta mivumo izabayo), Ntabwo hazaba imivumo (nta bwo hazaba imivumo) Ntayo rwose, Nta mivumo izarangwayo.

4. Azategekesha ubuntu no gukiranuka; Ngo ab'isi bose bamenye, ko Uwiteka agira neza, Urukundo rwe rwinshi (Urukundo rwe rwinshi) Urukundo rutangaje (Urukundo rutangaje), Urukundo rwe rwinshi rurahebuje.

Nk'uko bisanzwe mu buzima, habaho igihe cyo kuvuka, hakanabaho igihe cyo gupfa. George Frederic Handel, yaje gufatwa n'indwara y'imitsi, "paralysie" arivuza cyane abavuzi barimo uwitwa John Taylor, bari bakomeye muri icyo gihe, bamwitaho cyane arorohenwa arongera akomeza gukora imirimo ye ya muzika nk'uko byari bisanzwe, ariko yandwara iza kongera iragaruka iza no kubyara indwara y'umutima, maze tariki 14 Mata 1759 George Frederic Handel avamo umwuka.

Abantu bagera ku bihumbi bitatu bitabiriye umuhango w'ishyingurwa rye indirimbo zitwa "classic" ziracurangwa, George



Scanned with CamSc

Frederic Handel ashyingurwa mu cyubahiro mu irimbi we ubwe yari yarasabye ko yazashyingurwamo ryitwa "Westminister".

Nyuma y'urupfu rwe, umutungo we wabaruwe wanganaga n'ibihumbi makumyabiri by'amafaranga yakoreshwaga mu gihugu cy'Ubwongereza icyo gihe yari amafaranga menshi cyane rwose

Umugabane munini w'uwo mutungo warazwe mwishywa we dore ko n'ubusanzwe George Frederic Handel atigeze ashaka,, undi mugabane uragwa bamwe mu bari inshuti ze zikomeye uwundi mugabane bawugerenera ibikorwa by'ubugiraneza.

Uyu mugabo yakoze umurimo utazibagirana ariko ntabwo ariwe wahanze muzika.

***Ikibazo kiracyari iki ngo ninde wahanze muzika?***



Scanned with CamSc

## II.4 NONE SE YABA ARI UMUNYAMUZIKA WITWA WOLFGANG AMADEUS MOZART ?



**Wolfgang Amadeus Mozart (1756-1791)**

Uyu nawe siwe muhanzi wa muzika nubwo yari umuhanga bitangaje muri muzika, ku isi yose nta muntu ushidikanya ku buhanga bwe muri muzika, ahubwo ndetse ikibabaza abakunzi ba muzika ni uko Mozart yaramye igihe kigufi cyane umugereranije na ba Bach na ba Handel , nyamara wareba ibikorwa bya muzika yasize mu myaka mirongo itatu n'itanu gusa yaramye ukibaza iyo aza kurama imyaka Bach yaramye (dore ko bivugwa ko ariwe wisize umurage munini wa muzika ku isi) ese Mozart yari gusiga ungana iki?

Ku birebana n'urupfu rwa Wolfgang Amadeus Mozart ntabwo ruvugwaho kimwe, hari inkuru zivuga ko yaba yarazize indwara y'impyiko (Insuffisance rhenale) abandi bakàvuga ko yaba yarazize umuriro yaba yaratewe na rubagimpande (fievre rhumatismale) abandi bakavuga ahubwo ko yaba yararozwe n'umunyamuzika wamugiriraga ishyari witwaga "Antonio Saliere".

Mozart agifite imyaka itatu gusa yari yaramaze kuba umucuranzi wa piano (keyboard music instrument), kandi yanditse umuziki ucurangwamo ibicurangisho by'amoko menshi ubwoko bwawo bukaba bwitwa "SYMPHONIE" afite imyaka ikenda gusa; kandi ubusanzwe bene uwo muzika warahimbwagwa n'abanyamuziki bakuru kandi bafite uburambe. Ubundi bwoko bukomera guhimba ni ubwitwa Opera, nyamara ku myaka cumi n'ibiri gusa we yari yamaze kuwuhimba. Mu byukuri uyu mwana ntiyarasanzwe.



Scanned with CamSc

Mozart yavukiye ahitwa Salzbourg mu gihande cya Baviere, muri icyo gihande cyabarwaga kuri Autriche , ariko Ubu kibarirwa ku gihugu cy'Ubudage, ubwo yavukaga hari mu mwaka wa 1756.

Se wa Mozart yitwaga Leopold, kandi nawe yari umunyamuziki akaba umuhimbyi w'indirimbo kandi yari umwalimu wa muziki y'inanga yitwa "violon" soma viyolo akaba rero yari (professeur de violon).

Mozart nta shuri risanzwe yigeze yigamo,"Formal studies" Se ubwe niwe wamwiyigishirije amasomo yose, amwigisha indimi; icyongereza, igifaransa, ikilatini n'igitaliyani wongeyeho ururimi rwe kavukire arirwo ikidage

Se wa Mozart kandi yamwigishije ubumenyi bw'isi "Geographie", ubuhanga "sciences"', amateka"histoire" imibare "Maths" iryo rikaba n'isomo yakundaga kurusha ayandi masomo ariko na none nk'uko byumvikana akanakunda cyane isomo rya muzika.

## II.5 Umuryango Wa Mozart

Mozart yavukiye mu muryango mwiza ukundana kandi wagiraga urugwiro. Mozart akikundira gucuranga inanga yitwa piano agahimba muzika . Hari na muzika yatuye mushiki we witwaga "Nanner". Yanditse umuzika wo mu bwoko bita concerto y'amapiano abiri kugira ngo abone uburyo afatanya na mushiki we gucuranga.

Mozart kandi yakundaga nyina cyane, yakundaga kumwandikira amabaruwa maremare. Se wa Mozart yamwigishije imibereho amwigisha uburyo bwo gucunga amafaranga, amutoza kubana n'abandi neza

Mozart yari afite ikinyabupfura, kandi yabanaga n'abantu neza akubaha se ku buryo bw'umwihariko.



Scanned with CamSc

Mu miterere ye amaze gukura wabonaga ari mugufi gusa akaba yari afite umutwe munini , agakunda kwita cyane ku musatsi we ku buryo yahoraga awuteramo poudre. Mozart yashirikaga ubute pe , ku buryo amanywa n'ijoro yakoraga ubutaruhuka; ubundi agakora ingendo kenshi na kenshi ava ahantu ajya ahandi ku buryo byagezeho bimutera umunaniro kandi yakunze kujya arwara hato na hato.

Mozart ari ahitwa Salzbourg ntiyigeze yemera kugira umukoresha umwe agirana amasezerano y'akazi, ahubwo yihitiragamo kugenda yigisha muzika hirya no hino akagirana amasezerano n'uwo ari we wese bakumvikana uburyo azamwigisha. Yaje kwimukira i Vienne aba ariho yigumira kuko ariho yabonaga amafaranga atubutse. Ubwo hari mu mwaka wa 1781 agacuranga kandi akanahimba muzika isukuye. Hamwe no gukora muzika, Mozart yakundaga gukina.

Itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi ntiryatanzwe ku ndirimbo ze, hari nyinshi mu zahimbwe na Mozart rikoresha mu materaniro asenga mu gifaransa , mu cyongereza no mukidage. Mozart yihimbye indirimbo za gikirisito nyinshi kandi nziza rwose.

Tariki 05 Ukuboza 1971 ni bwo yasinziriye asiga umurage utagira uko usa, cyakora ntabwo yashyinguwe mu cyubahiro kuko yashyinguwe mu ngarane ijugunywa mo imyanda. Nubwo bimeze bityo ariko, nan'ubu aracyibukwa nk'umuntu wagize akamaro muri muzika. Nyamara Amadeus Wolfgang Mozart nawe siwe ukwiriye kwitwa umuhanzi wa muzika, siwe wawuhanze.

Iki kibazo ngo ninde waremye muzika kiracyakomeza ntabwo turabona igisubizo cyacyo



Scanned with CamSc

## II.6 ESE NONEHO UWAHANZE MUZIKA YABA ARI ICYAMAMARE MURI MUZIKA WITWA "LUDIVIG VAN BEETHOVEN"?



**Ludivig Van Beethoven**

**(17 Ukuboza 1770 - 26 Werurwe 1827)**

Beethoven yavukiye ahitwa BONN mu gihugu cy'Ubudage, hari tariki 17 Ukuboza 1770, uretse ko hari abavuga ko yaba yaravutse umunsi umwe mbere y'itariki twavuze haruguru.

Beethoven yagize imibereho iruhije uhereye mu buto bwe, yapfushije abavandimwe bane mu bana barindwi bavukanye. Bagiye bapfa bakiri bato cyane.

Beethoven yakundaga nyina cyane, ariko agatinya se wari umusinzi, igihubutsi; yagiraga amahane menshi.

Se wa Beethoven yari atunzwe no kunyura mu ngo z'abakire, akigisha abana babo muzika, nubwo atari awuzi neza, ni nka bya bindi basigaye bita kumama bikunze gukoreshwa ku barimu bigisha ibyo batigiye.

Ibimenyetso byo kuzaba umunyamuzika byagaragaye uhereye akiri umwna muto, aho yatangiye ashimashima ibyuma bikingira ibirahure byo ku madirishya (grillage), akumviriza amajwi bitanga iyo abishimashimyeho.



Scanned with CamSc

Iby'uko Beethoven yari afite impano ya muzika muri we, se yabivumbuye kera, Beethoven akiri muto.

Yatekereje ko kumwigisha muzika byagirira urugo rwe akamaro, bityo amwinjiza muri muzika agamije kuzamukuraho indonke.

Ku myaka 17, ubwo hari mu mwaka wa 1787, Beethoven yigabye i Vienne gucuranga muzika, ariko ntiyatinzeyo bitewe n'inkuru yamugezeho ariyo yamumenyeshaga ko nyina yari ari mu marembera. Nyina rero yaje gupfa, ariko bidatinze na mushikiwe w'umuhererezi nawe aza gupfa.

Kubera ko se wa Beethoven atari umuhanga muri muzika, yagezeho abura akazi, ibyo byatumye inshingano yo kwita ku muryango iba iya Beethoven ubwe.

Se wa Beethoven nawe yaje gupfa mu mwaka wa 1792, Beethoven niko guhita yigira gutura burundu i Vienne.

Ibi byago byose byatumye Beethoven anyuzamo akagira umunabi, hakaba ubwo arwana muri resitora cyangwa akarwana n'abamufashaga gucuranga. ariko ntabwo yaheranwaga n'umunabi kuko Beethoven yagiraga inshuti zirimo n'uwaketswe ko yaroze Mozart, uwo munyamuziki akaba yaritwaga "Antonio Silaeri" , ndetse yamuhimbiye indirimbo arayimutura. Beethoven kandi yagize uruhare rukomeye mu gushishikariza abantu igikorwa cy'ubugira neza cyo gufasha umwana muto wa Johann Sebastian Bach.

Beethoven kandi yagiye atanga ibyo yahimbye cyangwa agakora ibitaramo, amafaranga abivuyemo akayafashisha abatishoboye.

Beethoven yaje kurwara amatwi, buhoro buhoro amatwi ye ntiyaba acyumva na gato. yakoze amayeri yatuma akomeza gukora muzika nubwo bwose atumvaga; Piano enye zose yari afite yazitoboyemo



Scanned with CamSc

imyenge, maze igihe yabaga acuranga amajwi aziturutsemo akamuhuha ku maguru uko niko yamenyaga ibipimo by'umuziki yabaga ariho acuranga uko byabaga bimeze.

Umurimo we wo guhimba indirimbo no gutegura ibitaramo by'indirimbo waramuvunaga, kuko yakoraga ataruhuka, ku buryo yikuraga imyenda yose agasigara yambaye ubusa (ubutukure) kubera ko akazi katamuhaga ikiruhuko na gato, ndetse no kwiyuhagira yajyaga abyibagirwa , ahubwo ugasanga yimennyeho amazi ku mutwe agashoka umubiri wose ubwo ibyo koga bikaba birangiriye aho.

Beethoven, yahimbye indirimbo nyinshi cyane rwose, cyakora nta zirabasha guhindurwa mu kinyarwanda, ziracyari mu ndimi z'amahanga.

Mu gitabo cy'itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa Karindwi cy'igifaransa cyitwa "HYMNES ET LOUANGES" no mu bindi bitabo bikoreshwa n'iryo torero byo mu cyongereza, harimo indirimbo nyinshi za Beethoven nziza.

Cyakora umuziki abantu benshi bakunda wahimbwe na Beethoven ni "SYMPHONIE N$^0$ 09"

Ludvig Van Beethoven ntiyigeze ashaka umugore, abihuriyeho na George Frederic Handel, bombi bagiye bitwarirwa na muzika ntibashake.

Mu kwezi k'Ugushyingo 1826, yafashe inzira ajya gusura umuvandimwe we, ubwo Beethoven yari mu nzira asubira i Vienne, yaje gufatwa n'umusonga (pneumonie) uwo musonga waje kumubera ingorabahizi, mu masaha akuze arakomerezwa, mu kwezi kwa Werurwe 1827 ikibunda cyabaye cyinshi, haza kubaho



Scanned with CamSc

umurabyo wakurikiwe n'inkuba. Beethoven arerembura amaso, atunga amaboko hejuru, ahita avamo umwuka, afite imyaka 57.

Imihango yo kumushyingura yari iyo mu rwego rwo hejuru, abantu batari munsi y'ibihumbi makumyabiri bitabiriye umuhango wo kumusezeraho, amayira yose yari yuzuyemo abantu babajwe n'urupfu rwa Beethoven.

Beethoven yashyinguwe hafi y'aho undi muhimbyi w'indirimbo witwa Franz SCHUBERT, ashyinguye. Mu irimbi ryo mu mujyi wa VIENNE.

"MU IJURU NZUMVA" Niyo magambo ya nyuma ya Beethoven.

***Uyu nawe siwe muhanzi wa MUZIKA.***



Scanned with CamSc

## II.7 NONE SE UWAHIMBYE MUZIKA YABA ARI IKIRANGIRIRE MURI MUZIKA JOSEPH FRANZ HAYDN? WE NINDE?



**Joseph Franz Haydn**

**(31werurwe1732 - 31 Gicurasi 1809)**

Uwo muhimbyi w'indirimbo wavukiye ahitwa ROHRAU (Autriche) tariki 31 Werurwe 1732 akaba yarapfiriye i Vienne (Autriche) tariki 31 Gicurasi 1809.

Joseph Franz Haydn, yavukiye hafi y'urubibi rwa Autriche na Hongrie, akaba kandi yaravukiye mu muryango wicisha bugufi.

Kuba yari afite impano ya muzika byabanje gutahurwa n'uwitwa Johann Mathias Frank akaba yari umubyeyi w'umurezi(W'umwigisha), wari intyoza ku nanga ya "ORGUE". Ubwo iyo mpano yayimutahuragaho Joseph Franz Haydn yari afite imyaka itanu gusa..

Mu mwaka wa 1740, JOSEPH FRANZ HAYDN yinjiye mu mutwe w'abaririmbyi uhemberwa kuririmba (CHOEUR) Ibyo byamufashije kunguka byinshi muri muzika, ubwo uwo mutwe w'abaririmbyi baririmbaga muri cathedrale Saint Etienne i Vienne.

Joseph Franz Haydn yaririmbaga ijwi rya TENOR, Kandi yaririmbye muri iyo chorale kugeza afite imyaka 18 y'ubukure



Scanned with CamSc

aribwo yatangiye kugira ikibazo cyo gutakaza ijwi kugeza ubwo n'ijwi ryo kuvuga aribura, ananirwa kuvuga.

Yaje kubona abatoza ba muzika barimo uwitwa Nicolas Porpora ubwo hari mu mwaka wa1753 uwo yamwongereye ubumenyi ku rugero ruhanitse.

Joseph Franz HAYDN Yabaye umuyobozi wa muzika muri za chapelle ku gihe cy'uwitwa COMTE VON MORZIN Muri icyo gihe indirimbo ze zagiye zimenyekana zigakundwa cyane.

Mu mwaka wa 1760, F. Joseph Haydn yashakanye na Maria Anna Keller, ariko baza gutana batamaranye imyaka myinshi, Haydn yagerageje gushaka murumuna w'uwari umugore we uwo we aramuhakanira kuko uwo mukobwa we yari yaramashe kutazigera ashaka mu rwego rwo kwiyegurira amasengesho.

Mu mwaka wa1791 yasabwe n'ubuyobozi bwa AUTRICHE guhimba indirimbo yubahiriza igihugu cya AUTRICHE arabikora indirimbo irashimwa.

Itorero ry'abadiventistes b'umunsi wa Karindwi rikoresha nyinshi mu ndirimbo Haydn yahimbye, kandi ziri mu ndimi nyinshi.

Mu gitabo cy'iryo torero cyitwa "INDIRIMBO ZO GUHIMBAZA IMANA", habonekamo indirimbo ebyiri zahimbwe na Haydn. Imwe yitwa; "Muramye Umwami waremye byose", Ni iya, 86 no mu bitabo SDAH no 83, DONNEZ-LUI GLOIRE 49, AH 51, CH 75



Scanned with CamSc

## N° 86. MURAMYE UMWAMI WAREMYE BYOSE

*1. Muramye umwami waremye byose,Ni muhimbaze mwese urukundo rwe Ni umuvunyi wacu ni we Uhoraho Agoswe n'ibyiza birabagirana.*

*2. Mumwamamaze! Nyir'imbabazi! Yihunze umucyo, Akwiriye hose, Ibicu bikoranwa , n'icyusa cye, Acyahisha abantu urusaku rw'inkuba.*

*3.Agira ubuntu bukwira hose, Bwuje ikirere, buba no mu mucyo, Butemba mu misozi n'ibisiza, Nibw' ikime n'imvura biturukamo.*

*4.Turi igitaka tworoshye twese Turakwizera kuko udahemuka Imbabazi zawe ni akamenyero, Mubyeyi ugira ibambe, Mukiza mwiza*

Indi ndirimbo ya Haydn ikoreshwa mu materaniro y'itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi yo mu rurimi rw'ikinyarwanda ni iya 254 yitwa "USHIMIRWE IBYIZA BYOSE"(Gloriousthings of Thee are spoken) mu gitabo cyitwa SDAH nI IYA 323 naho mu cya AH ni iya 434 igira itya

## N° 254. USHIMIRWE IBYIZA BYOSE SIYONI MURWA W'IMANA

*1.Ushimirwe ibyiza byose Siyoni Murwa w'Imana,*
*Itavuguruzwa yakugize ubuturo bwayo bwite,*
*Wubatswe ku Rutare rw'Iteka, ni iki cyaguhangara?*
*Ugoteshejwe inkike z'gakiza, reka gutinya abanzi bawe.*

*2. Dore mazi y'ubugingo, atemba ava mu rukundo,*



Scanned with CamSc

*Niyo abeshaho abana bawe, Imibabaro igashira.*
*Ninde se wacogora, Hari uwo mugezi umara inyota?*
*Ubuntu bw'uwo mutangabugingo, ntabwo buzagira iherezo.*

3. *Ahazengurutse uwo murwa, hari ibicu n'umuriro*
*Byerekana ko kugaruka k'Umwami kuri bugufi!*
*Hahirwa abazatura i Siyoni, bejeshejwe amaraso,*
*Biyeguriye Yesu abahindura abami n'abatambyi b'Imana.*

4. *Ndi mu muryango w'i Siyoni kubw'ubuntu bwawe Mwami,*
*Nubwo bampindura urw'amenyo, nzasingiza izina ryawe,*
*Ibinezeza byo muri iyi si, Bihita nk'umuyaga,*
*Umunezero uhoraho, wateguriwe abana b'i Siyoni.*

***F.Joseph Haydn***, nawe azwi ko yigishije Beethoven umuziki kandi iyo ataba Haydn, hari igihe ubuhanga bwa Mozart butari kumenyekana, kuko umuziki wa Mozart wagiye ushyirwa ahagaragara na HAYDN.

Joseph Franz Haydn yaje kurwara uburwayi bw'igihe kirekire, aza gusinzira afite ishema n'isheja umuziki we uzahora ukunzwe. Yapfuye tariki 31 Gicurasi 1809, afite imyaka 77.

Umurambo we wabanje kubikwa mu bubiko bwitwa « Occupation Napoleonienne", nyuma mu mwaka wa 1932 waje kujyanwa gushyingurwa ahitwa EISENSTADT. Ni muri kilometero nkeya uvuye i VIENNE.


None se uwaremye muziki yaba ari Yubalu uvugwa muri Bibiliya mu gitabo cy'itangiriro 4 : 21, uwo mugabo akaba avugwa ko ari we sekuruza w'abacuranzi ?Igice gikurikira kirasubiza iki Kibazo.



Scanned with CamSc

# III. IMANA NIYO MUREMYI WA MUZIKA NI YO IKWIRIYE KWITWA IZINA UMUHANZI WA MUZIKA

Imana ni yo muhanzi w'isi n'ijuru, kandi ni yo yahanze umuntu imushyiramo umwuka uhinduka amajwi, yamuhaye umunwa wo gusohora amajwi.




Ashobora gukoresha intoki n'ibirenge Imana yamuhaye agacuranga ibikoresho bya muzika

bitanga amajwi yigana amajwi Imana yashyize mu muntu.



Scanned with CamSc

Mu by'ukuri icyo umuntu akora, n'ugutondekanya cyangwa kuvangavanga amajwi asanzwe yarashyizweho n'Imana, Imana ikaba yaramuhaye ubwenge n' ubwisanzure bwo kuyatunganya ku buryo bunogeye amatwi.

Iyo mpano n'ubwenge bwo gutondekanya neza amajwi, bikwiriye gukoreshwa gusa mu kwerereza Icyubahiro cy'Imana (TAMID) hakoreshwa ivangamajwi (harmony) ritunganiye kuramya Imana Yo Nyiri icyubahiro giheranije.

Iyo twiyise abahanzi, tuba twirariririye cyane kandi twigereranije kuko iryo zina nta wundi ukwiriye kuryitwa keretse Imana gusa.

Dushobora kwitwa abatondetsi b'amajwi (composer-compositeur) ariko nti turi abahanzi ba muzika (Inventeur de musique).

Umuhanzi, ni uba warabashije gutekereza no gushyira ahagaragara ikintu kitigeze kinatekerezwa n'undi wese ko cyashoboka, cyangwa se cyabaho, we akagishyira ahagaragara bwa mbere icyo kikitwa "igihangano"

Muri Bibliya Yera haravuga ngo " Nta na kimwe kitaremwe nawe" Yohana 1:3", Nubwo Bibliya itatwereka igihe muzika yatangiriye, nti dushidikanya ko Imana ariyo yaremye muzika, ikanayishyira mu biremwa byayo byose.

Bibliya itubwira ko iby'Imana tubimenyaho igice *1 Abakorinto 13: 12,* Ariko twifashishije amagambo yo mu Ijambo ry'Imana; "Igihe nashingaga imfatizo z'isi wari he? Niba uzi ubwenge bivuge. Ninde washyizeho urugero rwayo niba umuzi? Cyangwa se ninde wayigeresheje umugozi ? Imfatiro zayo zashinzwe kuki ? Cyangwa se ninde washyizeho ibuye ryo ku mfuruka. **Igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbaga abana b'Imana bose bakarangurura ijwi ry'ibyIshimo."** ***Yobu 38:4,7***



Scanned with CamSc

Aha turabona ko umuzika waremwe cyera, mbere y'uko uwabaye umunyamuzika w'icyamamare mu ijuru (Lusiferi-satani) waje kugwa aremwa.

Muri Bibliya kandi, tubona neza ko uwo lusiferi-satani, yari umuhanga wo gukora no kuvuza amashako (tambourin) n'imyironge (flutes) "Ezekiyeli 28:11".

Icyubahiro cyawe n'amajwi y'inanga zawe bimanuwe ikuzimu, usasiwe inyo uzazoroswa. « Yesaya 14:11 ».

Nta gushidikanya Lusiferi yari afite ubuhanga bw'akataraboneka muri muzika, yari azi kuririmba ndetse no gucuranga inanga (luths). kandi ibyo bikoresho byose yakoreshaga yabimanukanye hano mu isi arabikoresha nk'urumogi rwo kuyobya abantu kugira ngo bayoberwe umuremyi wabo. Ni ikintu gikwiriye kwitonderwa cyane.

Imana ni yo Muhanzi wa muzika nta wundi ukwiriye kubyiyitirira. Abantu bamwe bakora icyaha gikomeye bakiyita abahanzi ba muzika; Mbese inanga yabwira uwayiramvuye (uwayikoze) ngo nijye muhanga kandi nagutanze kumenya kuririmba? Nk'aho ariya majwi iririmba ariyo ubwayo yayishyizemo? Nti bishoboka. Dukwiriye kureka bikamenyekana ko Imana ariyo Mugaba w'impano nziza zose, harimo no kuririmba.

Ibyo Imana yaremye byose yabihaye uburyo bwo kuvuga biyihimbaza. Muri Bibliya Yera handitsemo ngo "Amanywa abwira andi manywa ibyayo, ijoro rimenyesha irindi joro... *Zaburi 19:2*

Ubonye ngo n'ijoro n'amanywa nabyo ngo biravuga!! aha se nti hasobanura neza ko iyo Yesu avuga ko abantu banze kuvuga amabuye yavuga abavuga ibyo azi neza !?Udusimba duto nk'injereri, duhimbaza Imana n'amajwi yatwo. Uko utugezi



Scanned with CamSc

tunyonyomba mu mabanga y'imisozi no mu bibaya, twumvikanisha amajwi meza y'umwimerere ahimbaza umuremyi watwo.

Twavuga iki se ku uguhorera k'umuyaga, uguhindagana kw'inkuba, ibitunda byo mu nyanja byomongana mu nkombe yazo, ibiti bihuhera akayaga kavugiriza gahuhera.[*Zaburi 96:12*...nibwo ibiti byo mu ishyamba bizaririmbishwa n'umunezero]

Nonese wigeze winira wibaza ku bushobozi bw'uwashyize amajwi muri ibyo biremwa bigenda bisingiza umuremyi wabyo hari undi se atari IMANA UMUREMYI?

Mbese wari witegereza uburyo isake, ikoresheje amababa yayo, ikubita amababa ikayakoresha nk'ishako (ingoma) ari nako iririmba isingiza Imana, inamenyesha abantu aho igihe kigeze?

Ni ukuri IMANA niyo muhanzi wa Muzika.



Scanned with CamSc

## IV. UMUMARO WA MUZIKA

Muzika ifite imbaraga; amateka y'indirimbo muri Bibliya, yuzuyemo ibitwereka umumaro cyangwa se ibyiza bya muzika cyangwa se indirimbo. (*Review and herald* , 8th September 1904 (*Evangelism*, page 499;*Evangeliser*, pages 449 et 450); *Ibyak* 16:25)

Ariko nanone dukangurirwa kumva no gusobanukirwa neza ko, iyo muzika itaye umwimerere wayo mwiza, ihinduka igikoresho gikomeye cya Satani. Satani, aba abonye uburyo bwiza adukururira mu bigeragezo n'ibishuko; ariko iyo umuzika ukoreshejwe neza, uhinduka impano itagira uko isa y'Imana, izamura iby'umwuka n'ubugingo ku rugero rurenze ibyo umuntu yabasha kwiyumvisha.

Abana b'Isirayeli bari mu rugendo, ubwo bari bahanganye n'ubutayu, barakomezanyaga, bagaterana inkunga baririmba indirimbo zera.

Natwe muri iyi si, turi mu rugendo twerekeza Kanani yo mu Ijuru, tugomba gukoresha indirimbo, kugira ngo zidufashe muri uru rugendo, twe gucika intege.

Hari uburyo bucye tubona budufasha kugumana ibyanditswe byera mu bwenge bwacu; muzika ni bumwe muri bwo, kuko uko tuziririmba tuzisubiramo kenshi, niko ibyanditswe byera byiyandika mu bwenge bwacu.(*Review and herald*,6 Juin 1912)

Bene izo ndirimbo, ziba zifite imbaraga z'agahebuzo; zishobora guturisha umunabi no kugarura umwuka mwiza mu muntu. Muzika ibasha gushyira umutima mwiza mu muntu, kandi umuntu wari washobewe akagarurirwa icyizere, urukundo n'impuhwe bikamusaba.(1 *Samweli 16:15-18*)

Muzika ishobora gutanga umusanzu ukomeye mu bikorwa bihuza imbaga y'abantu, igatsinda umutima w'ubugome



Scanned with CamSc

n'ubwihebe.(*Lettre53,1896(Evangelism*,page499;*Evangeliser*,page449)

Mu gitabo cyitwa *Education* pages 190 na 191, tuhasanga amagambo meza avuga kuri muzika agira ati : "Umuzika utuje kandi worohereye ufasha cyane mu burezi, ni umuziki utera umunezero n'ibyishimo mu banyeshuri, bakarushaho kwegera Imana, bakagirana ummubano mwiza n'abarimu kandi nabo ubwabo bagakundana. Mu gihe cyo gusenga kw'abanyeshuri (culte) indirimbo ni igikoresho gikwiriye gukoreshwa kuko kuririmba no gusenga biragendana kandi biruzuzanya. [Le chant est un precieux moyen d'education. Ces hymnes pur et doux...chantons les à l'école, et les élèves se sentirons plus près de Dieu, de leur maîtres, plus près les uns des autres. Lors du culte, le chant est un acte d'adoration tout autant que la prière. D'ailleurs, nombre de chants sont des prières.]

Muzika ni intwaro irwanya gucika intege niyo mpamvu Paulo na Sila muri gereza bayikoresheje kuko bari bazi imbaraga yayo. Kandi koko Imana yabakoreye igitangaza cyo gufungura imiryango ya gereza, basimbuka urupfu rwari ruraye rubategereje mu gitondo.*Ibyak.* 16:19-34

Iyaba twahimbazaga cyane umwami Imana, twakabashije kunesha biruseho (*Lettre 53 1896 Evangelism,* page 499, *Evangeliser* page 449);

Ibisingizo no gushima, byaba byiza binyujijwe mu ndirimbo.

Mu gihe dusakiranye n'ibigeragezo, aho kwiheba ngo duheranwe n'agahinda, dukwiriye kuririmba Ishimwe ry'Imana.

Indirimbo ni intwaro tugomba guhora twifashisha, kandi tunakingurira imitima yacu kugira ngo umucyo wa Yesu Umukiza



Scanned with CamSc

utwinjiremo. Tuzagira akanyamuneza (ubuzima bwuje umunezero) kandi duhabwe imigisha yera.

*Ministry of healing*, page 254; *Le ministere de guerison* page218,[publie en 1905]

Muzika yandika mu bwenge bwacu Ukuri kwera ; " Indirimbo ni bumwe mu buryo bwiza bwo kubika mu mitima yacu ukuri kwera; kenshi indirimbo zitera kwihana no kongerera umuntu ukwizera (*Review and Herald* 06 Juin 1912)

Muzika ituma turushaho kunguka ubumenyi mu birebana n'ubukristo. "Ibitondo n'ibigoroba muhure n'abana n'umuryango wose, musome kandi muririmbe Ishimwe ry'Uwiteka, mwigishe abana gufata amategeko y'Imana mu mutwe.

Nk'uko abisirayeli bari barahawe amabwiriza agira ati ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira, n'uko uryamye, n'uko ubyutse."Gutegeka kwa kabiri 6:7

Niyo mpamvu Mose yabwiye abisirayeli gushyira amategeko y'Imana mu ndirimbo.

Kuri Mose byari ingenzi guhimba indirimbo irebana n'amategeko, kugira ngo uko abisirayeli bagendaga banyura mu butayu, abana babashe gufata amategeko mu mutwe itegeko ku rindi bayaririmba.

"Mbega ukuntu ari ingenzi muri iki gihe cya none gukundisha abana bacu Ijambo ry'Imana!!

Niba rero mu bihe bya Mose yarabashije guhimba indirimbo ijyanye n'amategeko y'Imana, akaba yari agendereye gutuma abisirayeli bagenda baririmba amategeko y'Imana mu butayu, birumvikana ko natwe bo mu gihe cya none dukwiriye gukurikiza



Scanned with CamSc

urwo rugero, tukigisha abana bacu amategeko y'Imana tubatoza kuyaririmba ijambo ku ijambo.

Dukwiriye gukora uko dushoboye indirimbo nk'izo zikaba mu ngo zacu, Imana nayọ izaza mu ngo zacu izituremo -REVIEW AND HERALD, 8 SEPTEMBRE 1904; Evangelism page 499".

« Imirimo yanyu ya buri munsi, uko muba muriho muyikora, bigendane no kuririmba muhimbaza Imana » "Child Guidance, page 148"

« Nabonye ko tugomba guhagarara twemye buri munsi kugira ngo tuneshe imbaraga z'umwijima. Imana yacu Irakomeye cyane. Nabonye ko kuririmba byerereza icyubahiro cy'Imana, ko kuririmba byirukana umwanzi satani agasubira inyuma, bigatuma tunesha ». "Lettre 5, 1850

Indirimbo zafashije Yesu kudatsindwa n'umwanzi."Igihe Kirisito yari akiri umwana muto nk'abandi bana dusanzwe tubona muri iki gihe cyacu, yagiye ahura n'ibigeragezo byabaga bigamije kumugusha mu cyaha.

Nyamara, ntiyigeze aneshwa n'ikigeragezo na kimwe ngo akore icyaha.

Kandi no mu gihe yari amaze kuba mukuru, yakunze guhura n'ibigeragezo, ariko indirimbo nyina yari yaramwigishije zahitaga zimuza mu bwenge, agahanika ijwi akaririmba ishimwe ry'Imana.

Iyo Yesu yaririmbaga, bagenzi be nabo bahitaga bungamo amajwi yabo, nabo bakaririmbana nawe.

Imana ishaka ko dukoresha uburyo bwose Ijuru ryaduhaye kugira ngo tuneshe umwanzi". Manuscript 65, [90] (Evangelism pge 498, Evangeliser page 498).



Scanned with CamSc

Indirimbo zidufasha kuvugana n'ijuru.

« Mu museke wa kare mu gitondo incuro nyinshi Yesu yigiraga ahitaruye, akiherera, akinira kandi akiga ibyanditswe byera akanasenga, umucyo watangaza awureba akaririmba ashima Imana.

Ibyo byamuhaga imbaraga n'umunezero w'ijuru kandi uwo munezero yahakuraga, yahitaga awujyana akawugeza ku bananiwe n'abacitse intege, abarushye n'abaremerewe n'imitwaro bamwegereye nabo bakumva baruhutse imitwaro yabo. " « Ministry of Healing page 52 (Le Ministere de Guerison, page 41[1905]).

Yesu yaririmbaga indirimbo zo guhimbaza. « Kandi ibyishimo byamuhoraga ku mutima, iyo yaririmbaga ibyishimo bye byaragaragaraga. Yaririmbaga zaburi n'indirimbo z'ijuru, indirimbo zuzuye ishimwe ry'Imana. Izo ndirimbo zamusabanishaga n'abo mu ijuru, maze abarushye n'abaremerewe bamwegera bakumva indirimbo zisohoka mu kanwa ke bazisubiramo zikabasubizamo imbaraga.

Indirimbo yaririmbaga zakumiraga abamalayika babi (bacumuye), izo ndirimbo zatamishaga ibihumura neza aho yabaga ari.

Wasangaga abamuri iruhande batwawe n'iby'ijuru »"The desire of ages. pages 73 et 74 Jesus-Christ, page 57).

Muzika rero ikwiriye guhabwa umwanya mu itorero ndetse no mu mibereho yacu ya buri munsi, igihe ikoreshejwe neza, yungura itorero.



Scanned with CamSc

# V. SATANI MU RUHANDO RWO KWINJIZA MUZIKA N'AMATWARA YE MU ITORERO RY'IMANA

«Ni uko rero wa juru we, namwe abaririmo, nimwishime. Naho wowe wa si we nawe wa nyanja we ugushije ishyano, kuko satani yabamanukiye, afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito. » "Ibyahishuwe 12:12"

Aya magambo akomeye gutya, arengurira kuri satani, uvugwaho ko Imana yari yaramugize **umumarayika w'umucyo, ufite ubwenge bwinshi n'icyubahiro, kandi Imana ikaba yari yaramuteretse ku musozi w'Imana . "Ezekiel 28:12,13"**

Kubwo kwishyira hejuru, Imana iramuhanandura. Uyu muririmbyi wemerwaga bikomeye mu ijuru, kubwo kwigomeka ku Mana kwe, dore ko umutima mubi we yari yaramaze kuwucengeza muri bamwe mu bamarayika, bakamwemerera gufatanya nawe guteza imvururu mu ijuru, ariko urugamba bashoje ntirwabahiriye, kuko satani n'ingabo ze (abadayimoni) batsinzwe, birukanwa mu ijuru, ariko bamanukira muri iyi si dutuyemo bafite umujinya mwinshi, ari nayo mpamvu byanditswe ngo " wa si we ugushije ishyano..."

No mu itorero ry'Imana, bishoboka ko umuririmbyi cyangwa abaririmbyi, bagera ikirenge mu cya satani, kuko ni we se w'imivurungano yose.

Ihanandurwa rya satani akurwa mu ijuru, akarohwa mu isi, risobanurwa neza mu gitabo cy'Ibyahishuwe 12, guhera ku murongo wa 7,...

"Mu ijuru habaho intambara, Mikayeli (Yesu) n'abamarayika be, batabarira kurwanya cya kiyoka, ikiyoka (satani), kirwanana n'abamarayika bacyo, ntibanesha, kandi cya kiyoka kinini kiracibwa



Scanned with CamSc

aricyo ya nzoka ya cyera yitwa umwanzi na satani, aricyo kiyobya abari mu isi. Nuko kijugunywa mu isi; abamarayika bajugunyanwa nacyo."

Amajwi ya satani, yirukananywe nayo mu ijuru, ayo majwi yamanuranywe nawe " Yesaya 41:11" Aha rero, harasaba gutekereza no kwibaza icyo ayo majwi n'injyana yamanukanye abikoresha, n'aho abikoreshereza aho ariho!?

Ayo majwi n'injyana bya satani biri ku murimo we hirya no hino biratikiza abantu batabarika. Mu batubaha Imana hariyo amajwi atwara imbaga y'abantu, kandi satani akababeshya ngo bari kubyina indirimbo z'urukundo abandi hakoreshejwe bene izo ndirimbo, amanywa n'ijoro birohamo ibiyobyabwenge by'uburyo bwose babifashijwemo n'iyo miziki ya satani. Mbese muzika ya satani yagize abantu ibisenzegeri; satani yasabitse imitima yabo, arehereza abantu gukora ibyaha ntacyo bishisha, abantu bakidagadura, bagasabwa n'ingirwabyishimo kenshi bikarangira biroshye mu bikorwa by'urukozasoni, ndetse abandi n'urupfu rukabahitana.

Igiteye ubwoba kurusha ibyo tumaze kuvuga nuko amajwi n'injyana bya satani ariho abyinjiza mu itorero ry'Imana mu mayeri menshi. Niyo mpamvu ugira utya ukumva injyana zimeze neza neza nk'izo ubusanzwe tujya twumva zica ibintu mu bunywero bw'ibisindisha n'ahandi hakorerwa imirimo yo kwidagadura kw'ab'isi ; zumvikana mu nsengero z'Imana, n'ahandi hakorerwa amateraniro yera. Iri ni ishyano rikomeye!

Itorero rirakangurirwa kuba maso, kuko satani agiye kurikorera nk'ibyo yagiye akorera abisirayeri, ubwo bishingaga imiziki y'abamowabukazi, maze buhoro buhoro bisanga iruba ry'ubusambanyi n'indi mico y'abanyamahanga yasuzuguzaga Imana yarabinjiyemo . Mu gitabo cyo Kubara ibice bya 24 na 25 tubona mo icyo gitekerezo kibabaje aho abisirayeri batikiye bazira mugiga



Scanned with CamSc

yaturutse ku busambanyi bwakuruwe n'imiziki ya satani.{spiritual gifts, volume 4, Patiarchs and prophets page 454, Patriarches et Prophetes page 434, Ibyahishuwe 2:14-15}

Itorero ntirikwiye kwemera ko imiziki ifitanye isano n'iyo abari hanze yaryo bakunda gukoresha igira uruhare na ruto mu murimo wo kuramya, guhimbaza no gusingiza Imana bikorerwa mu materaniro yaryo yera.

Injyana zimwe na zimwe ntizihishira, nk'uko ku bifuniko by'amatabi haba handitseho ngo "kunywa itabi ni bibi, byonona ubuzima" (SMOKING IS HARMFUL); (UVUTAJI WA SIGARA UNADHURU AFYA YAKO),

Niko imbaraga z'Imana zandikishije ku bicurangisho bimwe, amazina y'injyana acurangwa iyo ukanze kuri buto (bouton) iyi n'iyi. Kubw'ibyo ushobora kubona injyana zisanzwe zizwi neza ko ari iz'abanywa rumogi, iz'abasambanyi, iz'abarwanyi n'izindi n'izindi...

Ikibabaje cyane, ni ukumva bene izo njyana zifashishwa mu kuririmba indirimbo zitirirwa iz'Imana, kubera gusa ko bagiye bashyiramo amagambo asa n'ayo indirimbo nyazo z"Imana zikoresha!!

Ibyo bikwiriye kwamaganwa kuko ntabwo Imana ikeneye ko injyana zo kwa satani zivugira mu rusengero rwayo, uretse ko ari mbi, kuri Yo ni n'agasuzuguro gakabije.

Mu mwaka wa 1900, ahitwa Indiana, muri leta zunze Ubumwe za Amerika, habereye amateraniro yaje kugirwa mabi n'indirimbo zarimo urusaku, induru. Mbese byari ibintu bimenagura umutwe. Wari umuziki w'umwaku.



Scanned with CamSc

Nyamara, nubwo benshi bidagaduraga bakanezerwa, bagatwarwa n'injyana z'uwo muziki, nta bwo wari umuziki ukwiranye n'amateraniro Yera. Bo bibwiraga ko bamanukiwe n'Umwuka Wera, nyamara ari imbaraga ya satani yari yamanukiye muri ayo materaniro.

Abafite Umwuka w'Imana bari muri ayo materaniro yo muri Indiana, bagize agahinda gakomeye kubw'uwo muzika wacuranzwe. Bamwe babishyize no mu nyandiko; nk'uwitwa S N Haskell, wandikiye Ellen White inyandiko yo ku itariki 25 Nzeri 1900; hari n'indi nyandiko y'uwo wavuzwe haruguru yandikiye uwitwa Sara M C Enterfer; hari tariki 12 Nzeri 1900; hari kandi n'inyandiko ya Burton Wade yandikiye A. L White tariki 12 Mutarama 1962.


*Ellen G White*

Ellen White, avuga ku birebana n'ayo materaniro yo muri Indiana yo mu mwaka wa 1900, asobanura ko ibyahabaye yari yarabyeretswe mu ihishurwa yahawe, yeretswe yuko imiziki imeze gutyo izabaho mbere y'irangira ry'igihe cy'imbabazi. Yeretswe ko gukora ibintu byinshi bibuzemo ubushishozi bizagwira, ko mu materaniro hazajya hazamo abaje kogeza (les clameurs), amashyi, ingoma, induru z'uburyo bwose ndetse n'imbyino. Akomeza avuga ko bizagera ubwo n'abashyira mu gaciro bizabagora kubirwanya.



Scanned with CamSc

Ellen White yakomeje avuga ko Umwuka Wera adakora gutyo, kuko adakorera mu rusaku (bruit infernal), yavuze ko bene iyo mikorere, ari iya satani, aba agamije guteza urujijo, ngo badasobanukirwa n'Ukuri Kwera kandi Guhamye kw'Imana ishaka ko abantu bo mu gihe cyacu cy'imperuka bamenya.

Ellen WHITE, avuga ko aho kugira ngo ibicurangisho bya muzika bikoreshwe mu buryo bubi, icyaba cyiza ko hakoreshwa amajwi asanzwe kandi hakaririmbwa indirimbo zo kuramya gusa.

Ellen White, avuga ko imizika nk'iyumvikanye muri Indiana yangiza imyakura y'umuntu, bityo akaba abuze amahirwe yo kumva no gusobanukirwa icyo Imana imushakaho muri iki gihe cy'imperuka.

Imbaraga ya satani ikorera mu nduru no mu rusaku, abantu bakibwira ko bamanukiwe n'Umwuka Wera . Ellen WHITE, agira ati ibintu nk'ibyo ntibigashyigikirwe na gato mu materaniro yacu.

Na nyuma y'umwaka wa 1844, abantu batwarwa n'imiziki nk'iyo muri Indiana bakibeshya ko iyo miziki irimo imbaraga z'Imana. "Lettre 132, 1900 a S NH Haskell ; Selected messages, volume 2 pages 36 et 37; Messages choisis volume 2 pages 41 et 42."



Scanned with CamSc

# VI. UMURIMO WAKORALI MU ITORERO RY'IMANA



Korale, ni ijambo ryinjiye mu magambo akoreshwa mu Kinyarwanda, rikaba rikomoka ku rindi jambo ryo mu rurimi rw'igifaransa ryitwa "chorale". Mu nkoranyamagambo y'urwo rurimi batanga ubusobanuro bw'iryo jambo, yuko, ari itsinda ry'abantu baririmbira hamwe indirimbo zahimbwe (oeuvres).

Bashobora kuba baririmba ijwi rimwe (unison), cyangwa se baririmba urwunge rw'amajwi (harmony).

Itorero rifite inshingano yo gutoranya mu bizera baryo, abaririmbyi b'abahanga, kugira ngo barifashe mu rwego rwo guhimbaza Imana mu ndirimbo{ Testemonies for the church volume 9, page [44,[1909], (Evangeliser, page 456)].

Nyamara muri iki gihe tubona inshingano yo gutoranya abaririmbyi; isa nk'aho yarekuriwe abaririmbyi ubwabo, ibyo bikaba bishobora guteza ingorane mu itorero, cyane cyane ku micungire y'abo baririmbyi, bashobora kugenda bigenza uko biboneye, bakitwara uko bishakiye, itorero ryagerageza kubacyebura, ugasanga byabaye urubanza, ndetse bigateza umwuka mubi mu itorero.



Scanned with CamSc

Korali, ikorera munsi y'ubuyobozi bw'itorero, ntibigomba kugira ukundi bigenekerezwa. Nk'uko abitegura kubatizwa babanza guhabwa ibyigisho bibategurira kumenya neza itorero bagiye kwinjiramo n'amahame yaryo, ari nayo rikurikiza, ibyo bakabimenya hakiri kare, bakamenya za kirazira z'itorero; niko umuririmbyi, mbere yo gushyirwa mu itsinda ry'abaririmbyi batoranirijwe gukora umurimo w'uburirimbyi mu itorero ry'Imana, bakagombye guhabwa amahugurwa yiyongera ku kumenya amahame y'itorero, bakigishwa uko umuririmbyi w'itorero agomba kwifata haba mu buzima busanzwe haba ndetse no mu gihe ari gukora uwo murimo w'uburirimbyi (etique).

Nyuma yo guhugurwa ku birebana n'inshingano yo kuririmba, agomba gushyirwa imbere y'itorero ry'Imana mu ruhame akaryemerera abyihamirije ku giti cye ko azakurikiza gahunda z'itorero zisabwa na ryo, zijyanye n'ibyo abaririmbyi bagomba gukora n'uburyo bagomba kwifata.

Umuririmbyi akwiriye kumenya ko gusuzugura itorero ry'Imana riyihagarariye hano mu isi, ari ugusuzugura Imana ubwayo. Benshi mu baririmbyi ntibazi akaga bikururira iyo basuzugura amabwiriza y'abayobozi b'itorero ! Iyaba abaririmbyi n'itorero babanzaga kumvikana ku myambarire bakwiye kwambara haba mu gihe cyo kuririmba cyangwa haba mu gihe cyo mu buzima busanzwe, bakumvikana ku miterere y'umusatsi n'inzara bikwiriye kuranga

Abaririmbyi b'itorero, bakibutswa hakiri kare kandi bakemerera imbere y'itorero ibyo kutambara ibikomo, n'inigi n'ibindi bisa nabyo, itorero ntiryakabaye rihura n'intambara z'urudaca zikururwamo kenshi n'abaririmbyi baryinjiramo kandi badashaka kurekura ibyo ryo ritemera.

Itorero ry'Imana, rikwiriye gusaba rikomeje Umwuka Wera, kugira ngo abereke abakwiriye kuba abaririmbyi b'itorero, kugira ngo



Scanned with CamSc

ritareba ubwiza bugaragara inyuma gusa, ahubwo ribashe no kureba iby'amaso y'umubiri atabasha kureba "1 Samuel 16:7"

Ijambo ry'Imana ritwereka ingeso za kamere mbi, rikavuga kandi ko abizera b'itorero badakwiriye kurangwa nazo.

Niba itorero ryifuza koko kugira Korali nziza, mbere yo kwakira umuntu ngo abe umuririmbyi w'itorero, ryakagombye kubanza kugenzura niba ingeso zivugwa muri Bibiliya, mu rwandiko Paulo yandikiye Abagalatiya 5:19, zitarangwa ku mwizera rishaka kugira umuririmbyi waryo.

**Izo ngeso ni izi :**

1. Gusambana reba no muri Efeso 5:3-5 no mu Baroma 6:12
2. Gukora ibiteye isoni
3. Gukora iby'isoni nke
4. Gusenga ibishushanyo
5. Kuroga
6. Kwangana reba no muri Efeso 4:11
7. Gutongana reba no muri Yakobo 4
8. Ishyari
9. Umujinya reba no muri Efeso 4:25
10. Amahane
11. Kwitandukanya reba no muri Abagalatiya 2:11-15
12. Kwirema mo ibice
13. Kugomanwa
14. Gusinda
15. Ibiganiro bibi
16. N'ibindi…

Hari igihe usanga abaririmbyi babaye nka Yane na Yambure barwanyaga Mose wari uhagaze mu ruhande rw'Imana, bakoreshaga ubukonikoni bwabo bagakora ubumaji bagambiriye kurwanya Mose "2 Thimothee 3:8".

Ntabwo umuntu ufite umwuka wo kurwanya ubuyobozi bw'itorero ry'Imana cyangwa kurisebya yakagombye kwemererwa kuba umuririmbyi waryo.



Scanned with CamSc

Izo ngeso mbi twabonye mu Bagalatiya 5:19. zibasha no kugaragara imbere y'amaso

y'abantu; nyamara Itorero rikwiriye gusaba Imana amaso y'Umwuka Wera w'Imana, kugira ngo ribashe gutahura abashaka kujya mu nshingano y'uburirimbyi, kandi badakozwa ibyo kwihana ibyaha. Itorero rifite inshingano yo kubigenzura, rigakora ibikwiye byose kugira ngo abaririmbyi baryo babe ari abizera bubaha Imana [Ibyahishuwe 3:18; Ibyakozwe 5:4,5; 1Yohana 4:1].

Satani, ajya yinjira mu bantu, bakagaragara mu maso y'abantu nk'aho ari abantu basanzwe, kandi nyamara bahindutse satani bwite. Muri urwo rwego, satani abasha kwinjira mu muntu ufite impano yo kuririmba, akamuteza inyota yo gushaka kwinjira muri korali atihannye!

Ubwo bushake ntibuturuka ku Mwuka Wera. Iyo turwanira kwinjira muri korali ariko kwihana ibyaha bikatuba kure, tuba turwanirira satani, ndetse muri ubwo buryo satani adushyiraho urutoto rwo kwinjira muri korali, kugira ngo abone igikoresho muri korali, kimufasha kugera ku migambi ye mibisha.

Satani yikingiriza mu ishusho yacu (iyo tubimwemereye), akavuga cyangwa agakora ibisebya Izina ry'Imana kuko nyine satani afite ubushobozi bwo kwiyerekana nka malayika w'umucyo "2 Abakorinto 11:13-15."

Nguko uko izina ry'Imana ritukwa mu bapagani kubera kwihangishaho kuba abaririmbyi b'itorero, kandi turi abakozi kabombo ba satani. "Abaroma 2:24"Icyo satani akeneye, ni ugukoresha isura n'ijwi hamwe n'impagarike yacu, ahasigaye ibikorwa bye akabikora atwikingirije. Ikoranabugome rye niryo yifashishije. maze ubwo yari muri Edeni yinjira mu nzoka, maze aho kugaragara nka satani yagaragaye nk'inzoka (inzoka muri icyo



Scanned with CamSc

gihe niyo yari ifite ubwiza nyaburanga buhebuje izindi nyamaswa zo muri icyo gihe, ubwo bwiza yari ifite bwatumaga kuyireba bishimisha) "Itangiriro 3:1-7"

Nanone ubwo satani yashakaga guca intege Yesu, kugira ngo atinye urupfu maze ibyo kuducungura abireke, yifashije intumwa ya Yesu yitwa Petero, maze uwo Petero agerageza kubuza Yesu kujya i Yerusalemu ngo kugira ngo atagiririrwayo nabi (aho satani yiyerekanye nk'umunyampuhwe). Yesu udashobora kuyoberwa satani yamubereye ibamba, aho kugira ngo abwire Petero ngo mva inyuma Petero, ahubwo yaramubwiye ngo mva inyuma satani!!! "Matayo 16:23-27".

None se ko Yuda Iskariyota yari umwe mu ntumwa cumi n'ebyiri za Yesu, byamubujije se kuba umwana wo kurimbuka! Satani se siwe yisanishije nawe satani akagambanira Yesu mu ishusho ya Yuda Iscariota!!" Mariko 14:10" nta mwizera ukwiriye kwirara kuko nawe mu buryo bumwe cyangwa ubundi, yahinduka igikoresho cya satani.

Satani, ntiyatinye kwinjira mu mwami w'icyatwa "Dawidi", washimwaga n'Imana, kubwo urukundo n'ishyaka yayigiriraga mu kubaho kwe, Imana yamushoboje gukoza isoni abafilisitiya bari barangajwe imbere n'umusirikari w'igihangange witwa Goliati , nyamara mu kanya nk'ako guhumbya Dawidi aramurindimura abafilisitiya bashya ubwoba, bahunga abisirayeli, maze ibyishimo bitera abisirayeri gusingiza Dawidi mu ndirimbo, bati Sawuli yishe igihumbi ariko Dawidi we yishe inzovu (ibihumbi icumi). "2 Samweli 11"Uyu Dawidi, wari umuririmbyi ukomeye cyane kuko yaririmbaga n'imyuka mibi yari mu mwami Sawuli igahunga, nyamara Dawidi yatubiye gato gusa, aba ahaye satani akito, maze amukoresha ubusambanyi bw'urukoza soni, ndetse mu gushaka guhisha igicumuro cye, ahitana umugabo w'uwo yasambanyirije umugore (Uriya), aramucyura. Ni kangahe se mu itorero



Scanned with CamSc

abaririmbyi bakora ubusambanyi kandi bakagundira iryo zina ry'uburirimbyi? Dushobora kwigira ku byabaye kuri Dawidi maze tukamenya ko nubwo turi abaririmbyi b'itorero satani afite ubushobozi bwo .kutugeza ku rwego ruhanitse rw'ubusambanyi; cyakora hari urugero rwiza nanone dukura kuri Dawidi, ni uko akibwirwa icyaha yakoze n'umuhanuzi Natani, yahise asobanukirwa ko Imana ntaho ihishwa arihana bikomeye, kandi yahawe Imbabazi n'Imana, ku buryo ku mugore yasambanyije Imana yamuhaye umwana waje kuba umwami ukomeye wa Isirayeli , ariwe "umwami Salomo".

Nta gihe kandi satani atigeze yishyanutsa, kuko mu gitabo cya Yobu handitse uburyo abana b'Imana mu ijuru bateranaga bari kumwe n'Imana, satani nawe akabazamo. " Yobu 1:6"

Satani rero afite imbaraga nyinshi ntaho atagera niwe soko y'imvururu n'imivurungano yose tubona muri za korali, hakaba ubwo muri korali ubwaho usanga abaririmbyi baririmbana kandi badakundana, cyangwa ugasanga itorero rihanganye na korali yaryo, cyangwa se ugasanga korali ebyiri zo mu itorero rimwe zangana. Satani azi neza ko umuririmbyi w'itorero, utiga ibyanditswe byera, ngo ahe amasengesho agaciro atabasha kumuvumbura, habe ngo yabasha no kumenya ubugome bwe. Imbaraga za satani azikoresha aca intege abaririmbyi kugira ngo be kwitabira amateraniro yo gusenga. Si igitangaza rero ko ubona abaririmbyi badashishikazwa n'amateraniro batari baririmbemo kuko satani abateza kumva ko umurimo wo kuririmba bakora uhagije. Ikindi gishishikaza abaririmbyi ni ugukora ingendo bajya kuririmba ahandi hatari mu itorero badasanzwe babarizwamo; nubwo ibyo ubwabyo atari bibi, ariko twakwibaza impamvu iyo hari ingendo nk'izo usanga n'abari batakitabira gahunda za korari iyo bumvise ko korali igiye gusoka batangira kwigaragaza nk'abaririmbyi!!



Scanned with CamSc

Korali, kimwe n'ibindi byiciro by'itorero ry'Imana, bagomba gukora umurimo w'Imana batitotombana, batagishanya impaka, ahubwo bungurana inama mu mwuka mwiza, kugira ngo batabaho umugayo cyangwa uburyarya; Ijambo ry'Imana ritubwira ko tugomba kuba abana b'Imana, batagira inenge, hagati y'ab'iki gihe kigoramye cy'ubugoryi, tugomba kuboneka nk'amatabaza mu isi "Abafilipi 2:14-16"

Itorero ni risuzume abizera b'inyangamugayo, bafite ubumenyingiro bwo kuririmba, b'abagwaneza, batarwana, badakunda ibisindisha, batari abanywi ba vino (inzoga), cyangwa se babe batara amayoga, ntibabe banagurisha ibisindisha, batanywa kandi ngo bagurishe itabi, bagira gahunda mu mibereho yabo, birinda, batari inzimuzi cyangwa se imbunzarunwa, bagira isuku, birinda kwambara imyambaro ishayisha, (imyenda itabatandukanya n'uburyo ab'isi bambara) birinda kugira imisatsi irangaza, (inyogosho no gusokoza ku buryo burangaza) n'ikintu cyose gikorerwa kugira ngo bireherezeho abareberezi (abafana), aho kureba Yesu, birinda kandi kwisiga amarangi ku mubiri ibyo bikajyana no kwirinda kogosha ingohe n'ibitsike, birinda kwambara amaherena, ibitega, ibikomo amasheni (chaines), imikufi, birinda ibicomekwa mu mazuru cyangwa ku munwa, babe abazera batikakaza, ahubwo bicisha bugufi, bakunda kujya inama kandi bumvira inama n'amabwiriza y'itorero, bakabikurikiza bishimye, badahatwa kandi batitotomba.

Itorero rifite abaririmbyi batanga urugero rwiza mu mibanire yabo ubwabo no mu mibanire yabo n'itorero, kandi bakaba bazwiho ikinyabupfura gihagije, babera umugisha ukomeye Itorero ry'Imana.



Scanned with CamSc

## VII. INGERO ZA MUZIKA YAKOZE IBARA DUSANGA MURI BIBILIYA

Mu gitabo cya Daniel 3: 1-30, tuhasanga muzika yakoreshejwe nabi, aho abaturage b'I Babuloni bose batumirijwe kuza guteranira mu kibaya cya Dura, kugira ngo baramye igishushanyo cyari cyakozwe mu ishusho y'umuntu, kandi cyose kikaba cyari gikoze muri zahabu. Icyo gishushanyo cyari cyakoreshejwe n'umwami Nebukadinezari w'I Babuloni. Ibicurangisho byakoreshejwe ni " amahembe, imyirongi, inanga, isambuka, amabubura, amakondera, n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga..." [Daniel 3 : 5]

Mu kibaya cya Dura, ibicurangisho bya muzika byakoreshejwe mu rwego rwo gusuzugura Imana, bica itegeko ryayo rya mbere rivuga ngo "Ntukagire izindi mana mu maso yanjye Kuva 20 : 3, ndetse n'itegeko rya kabiri ry'Imana , rivuga ngo "Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka, ntukabyikubite imbere, ntukabikorere, kuko Uwiteka Imana yawe, ndi Imana ifuha....Kuva 20 :3"

Ibintu bimeze nk'ibyo twumvise muri Daniel 3, byo gusenga ibishushanyo, tubisanga no mu gitabo cyo Kuva 32:7,8, aho abisirayeri bibagiwe uwo bagombaga kuramya, ahubwo bagakora ikimasa muri zahabu, bagatangira kukibyinira, kukiririmbira, kugicurangira, ari nako bakiramya! "Kuva 32:17,18"Yosua yumvise amajwi y'abantu basakuza, abwira Mose ati " urwo rusaku ni urw'intambara iri mu ngando. Aramusubiza ati iryo jwi s'urusaku rw'abasakurishwa no kunesha kandi s'urusaku rw'abasakurishwa no kuneshwa. Mu gitabo cyo Kuva 32: 66, hatubwira ko uwo muzika wo kuramya igishushanyo wari umuziki wo kwidagadura.



Scanned with CamSc

Uku niko abari mu ruhande rw'Imana bagomba kumva umuziki wa satani ari urusaku gusa gusa.Mu gitabo cyo Kubara 25, tuhasanga igitekerezo kibabaje cy'uburyo abisirayeri bishoye mu busambanyi bakuruwemo n'umuzika w'abanyamahanga.

Umuhanuzi w'Imana Balamu, yakoze ibara aha inama mbi umwami Balaki, aho yamwoheje gushaka uburyo yagusha abisirayeri mu busambanyi kugira ngo Imana ireke gukomeza kubabera umurinzi. Ibyo kugira ngo bizagerweho, nk'uko tubibona mu bitabo byanditswe na Ellen G White byitwa [*Patriarchs and Prophets,* page 454, *Patriarches etProphetes* page 434, ndetse n'ikitwa *Spiritual gifts,* volume 4, page 49], uburyo bwakururiye abisirayeri mu busambanyi ni muzika.

Balaki rero , yateguye iminsi mikuru yo gusenga ibishushanyo, maze batumiza abakobwa beza b'abamidiyanikazi, babyina umuziki. Bagerageje gutumira abasore b'abisirayeri mu birori byabo kugira ngo baze bidagadurane, babyinane, abisirayeri babanje kubyangira, barabitinya, ariko buhoro buhoro batangira kujya bakurikiranira ibirori bahagaze kure y'aho byaberaga, ariko uko bakomezaga kubyitegereza, umunsi ku wundi, bagezeho baratwarwa, batangira kujya bagenda begera aho ibirori byaberaga , batanyeganyega, aho bigeze nabo batangira buhoro buhoro kujya banyeganyega, bigezeho baratwarwa, bigeza ubwo bisanga bari kubyinana n'abanyamahanga Uwiteka yari yarabujije kubana nabo.

Urushyize kera rero ruhinyuza intwari, kera kabaye ba bakobwa bagezeho binjiza ubusambanyi mu bisirayeri, bageza ubwo abisirayeri bakora ubusambanyi ntacyo bishisha. ntacyo bikanga! Akaga kabo rero Imana yarabarakariye cyane, irabareka mugiga irabagigura, abisirayeri barapfa karahava.

Mu gitabo cyo kubara 25 : 6, tuhasanga igitekerezo cy'uburyo umwe mu bisirayeri yazaniye bene wabo umumidiyanikazi witwa



Scanned with CamSc

"Kozibi" mwene "Zuri' wari umutware w'abamidiyani akamushyira umwisirayeli witwa "Zimuri' mwene Salu, umutware w'inzu ya sekuruza wo muba Simeoni, maze akamwinjiza mu ihema bagasambana bikaba abisirayeri bose babireba, ndetse bikabera no mu maso ya Mose ubwe, abisirayeri baririye ku muryango w'ihema ry'ibonaniro; Fenehasi mwene Eleyazari wa Aroni umutambyi, abibonye, ahaguruka hagati mu iteraniro , yenda icumu, akurikira umwisirayeri mu ihema, abahinguranya bombi, uwo mwisirayeri n'uwo mugore, rimufata ku nda ye, Imana inezezwa n'igikorwa cya Fenehasi, mugiga ishira ityo mu bisirayeri.Abishwe na mugiga y'icyo gihe, bari inzovu ebyiri n'ibihumbi bine [Ibihumbi makumyabiri na bine].

Iki cyaha cyababaje Imana bikomeye, niyo mpamvu Imana yongeye kukivugaho mu gitabo cy'Ibyahishuwe 2:14, hagira hati 'Ariko rero , mfite bike nkugaya, kuko iwanyu ufite abakomeza inyigisho za Balamu, wigishije Balaki gushyira igisitaza imbere y'abisirayeri, kugira ngo barye intonorano, kandi basambane."

Mu rwandiko rwa mbere Paulo yandikiye abakorinto 1 *Abakorinto* 10:7 Paulo nawe yagarutse kuri aya marorerwa,, hagira hati"Kandi ntimugasambane, nk'uko bamwe bo muri bo basambanaga, bigatuma hapfa abantu inzovu ebyiri n'ibihumbi bitatu ku munsi umwe… " aha aributsa ibyo twabonye mu gitabo cyo kubara 25.

Ikibazo tubona kuri izi ngero zose z'umuziki wakoreshejwe nabi, si ikibazo cy'ibicurangisho, ahubwo ni ikibazo cy'imitima y'ababikoresha, kuko babikoresheje mu buryo bwo gukorera satani, aho gushimisha Imana. Ibitaramo by'indirimbo bikorwa bikwiriye kwitonderwa, kugira ngo bitaba ibyo kwidagadura gusa aho kuba ibyo kwerereza Izina ry'Imana.-



Scanned with CamSc

# VIII. MUZIKA GAKONDO ITANDUKANYE NA MUZIKA YO KURAMYA

Mu isi yose, mu mahanga yose, mu moko yose, bafite uburyo bakoresha indirimbo (muzika), berekana ibyishimo, bishingiye kuri muzika gakondo; muzika ifite umuzi mu muco w'abantu, nk'uko amahanga bakomokamo ari.

Umuzika nk'uwo, uboneka cyane cyane mu bihe by'ibirori, nko mu gihe bacyuje ubukwe, cyangwa habaye ibirori byo kwakira abantu bishimiwe.

Aho umuziki gakondo wa Isirayeli utandukaniye n'umuziki gakondo w'ayandi mahanga, ni uko bo, mu buzima bwabo, indirimbo zabo zose zabaga zirimo gusingiza Imana ya Isirayeli, kabone nubwo haba mu bukwe, cyangwa mu bindi birori bitari iby'idini.

Indirimbo, incurango n'Imbyino byabo byari bifite umwihariko wo kuvuga ibigwi by'Imana ya Isirayeli Umuremyi w'Isi n'Ijuru.

Muri *Zaburi* ya 150 : 3 -5, hari amagambo ashimishije agira ati : " Muyishimishe ijwi ry'impanda, muyishimishe nebelu n'inanga, muyishimishe ishako n'IMBYINO, muyishimishe ibifite imirya n'imyironge, muyishimishe ibyuma bivuza amajwi mato, muyishimishe ibyuma birenga." Izi mbyino zakoreshwa ahandi hatari muri gahunda yo kuramya, kuko kubyina bitigeze bikoreshwa haba mu buturo bwera bwo mu ijuru haba no mu ihema ry'ibonaniro ryo mu isi.

Umwanditsi w'umuhanga witwa Garen L. Wolf yagize ati "... kubyina kw'abagabo n'abagore nta sano bifitanye n'umurimo wo kuramya ukorerwa mu rusengero, ahubwo biri mu mugambi wo gusamaza abantu no kwidagadura kw'abisi. cyangwa se mu buryo



Scanned with CamSc

bw'iyobokamana ariko budakorerwa mu rusengero."[... the use of.............., and dancing by women and men had no connection with worship in the temple, but rather for purpose of show, ecstasy and secular entertainment or for religious music making outside the Temple].

Iyo habaga impamvu ituma igihugu gicura imiborogo imbyino zaraburaga ahubwo bagacura umuborogo. "*Amaganya ya Yeremiya* 5:14-15....N'abasore ntibagicuranga. Umunezero wo mu mutima urashize IMBYINO yacu ihindutse umuborogo." Iri somo riratwereka ko iyo abisirayeli babaga bafite umudendezo barangwaga no kwidagadura no KUBYINA, ariko tuzirikane ko bene izi mbyino n'ubwo babaga baririmba Imana ntaho zihuriye no kuramya ndetse no guhimbaza Imana bikorerwa mu rusengero.

Kandi Mariyamu umuhanuzikazi mushiki wa Aroni, ajyana ishako, abagore bose barasohoka bamukurikira bafite amashako BABYINA. Mariyamu akikiriza ati: " Muririmbire Uwiteka kuko yanesheje bitangaje, ifarashi n"uwo ihetse yabiroshye mu Nyanja Kuva 15:20-21"

Iri somo ritwereka neza yuko mu muco w'abisirayeri KUBYINA byagendanaga n'ibyishimo, kandi bakabyina baririmbira Imana. Icyo bishimiraga aha, kwari ugutabarwa n'Imana ubwo bari bamaze kwambuka inyanja itukura mu mahoro, mu gihe abanzi babo b'abanyegiputa bari babakurikiye kugira ngo babatikize bashiriye mu Nyanja, ingabo za Farawo zose zashiriye mu Nyanja itukura.

Mu gitabo cy'Abacamanza 11:34, hagira hati "Nuko Yefuta aratabaruka ajya iwe i Misipi, yenda kugera iwe, umukobwa we asohokana utuntu dusa n'ishakwe, ABYINA ajya kumusanganira."

Turi kugenda tubona ingero muri Bibiliya zitwereka uburyo imbyino zakoreshwaga muri Isirayeli ntabwo ari mu kuramya no



Scanned with CamSc

guhimbaza Imana kandi ntibyababeraga icyaha kuko babyinaga bishingiye kuri gakondo, cyangwa se umuco wari ufite indangagaciro nziza.

*Luka* 15:25"Nuko umwana we w'imfura yari mu murima, amaze kuza ageze hafi y'urugo yumva abacuranga n'ABABYINA.

Aya masomo yose arahuriza ku kutwereka ko abisirayeli bari bafite umuco wo kubyina, igihe babaga banezerewe, nk'uko n'abanyarwanda bibagendekera iyo banezerewe, kuko mu birori nabo barabyina, no mu gihe cyose bidagadura barabyina, nk'uburyo bwabo bwo kugaragaza ibyishimo.

Muri Bibiliya kandi, mu gitabo *I Ngoma* igice cya 15 n'icya 16, tuhasanga igitekerezo gishimishije, ubwo isandugu y'isezerano yari yaranyazwe yagarurwaga muri Isiraheli ikuwe mu maboko y'abanyamahanga batubaha Imana.

Uhereye ku Mwami Dawidi, ukageza kuri rubanda rwa giseseka bo muri Isirayeli basabwe n'umunezero baririmba, bacuranga BANABYINA baranariye barishima karahava.

Umwami Dawidi yarabyinnye arasimbuka agera hejuru cyane aribyo Bibiliya yise guca ikibungo, maze Mikali umugore we wari umukobwa wa Sawuli amunegurira mu mutima, kuri we ntiyiyumvishaga uburyo umunyacyubahiro w'Umwami abyina hamwe na rubanda kuri we yabonaga ari ukwisuzuguza. Dawidi amubwira amagambo yo kumwishongoraho yuko ari kubyinira Imana yanyaze se (sebukwe wa Dawidi) ikamugabira ubwami! "*I Ngoma* 15;29 Uyu muziki wakoreshejwe icyo gihe wari uwa gakondo, yo muri Isirayeli.

Hari ababyitwaza maze ugasanga bakuruye imbyino mu rusengero, nyamara sibyo, ntibikwiriye, kuko ntabwo mu ndirimbo zo kuramya



Scanned with CamSc

no guhimbaza hakwiriye kubonekamo urusaku kuko si mu rubyiniro. Ntabwo indirimbo zo guhimbaza no kuramya zikwiriye kuboneka mo urusaku. ahubwo ni indirimbo ziririmbanwa umurava ariko mu bwitonzi buzira gusaragurika no gukubagana.

Dukwiriye gusobanukirwa neza ko Umwami Dawidi yakoresheje uburyo bwo kwishima bwa gakondo y'iwabo muri Isirayeli; bihuza n'uko muri gakondo yabo bari basanzwe basingiza Imana mu mbyino zabo, niyo mpamvu yabyinanye na rubanda bakabyina kimwe kuko bose bari bazi mu muco w'iwabo uko babyina iyo bishimye.

Ntabwo mu rusengero ari mu kabyiniro, ashwi, ni ahantu dukoresha turamya Imana mu ituze, tunaririmba indirimbo zo guhimbaza Imana zizira urusaku.

Twibuke no muri I Samweli 18:6-7, abagore BARABYINNYE kubw'icyubahiro cy'Uwiteka, ntabwo bari mu rusengero. Ni igihe Dawidi yari amaze gutsinda igihangange cy'igihanda cy'igifirisitiya cyari cyarahabuye abisirayeli. Kimwe n'igihe Dawidi yabyinaga yishimira igarurwa ry'Isanduku y'Imana muri Isiraheli, ku gihe cyo kwicwa kwa Goliati nabwo abisirayeri bose barishimye bikomeye abagore barabyinnye.

Aha tuzirikane iki, ntabwo Imana itanga umuco mwiza icyo yanga ni umuco mubi w'urukozasoni. Kubyinira ahatari mu rusengero igihe bikozwe mu buryo bwiyubashye ntabwo ari icyaha, ariko nanone ni ngombwa kubyinira ahantu hadafite imiziro nk'ahantu abantu biteretse ibisindisha, nk'ahantu abanyarugomo n'inkubaganyi bari, aho nta n'umukristo ukwiriye kuhagera. Kandi nanone dukwiriye kwirinda imbyino ziteye isoni nk'aho usanga abantu babyina bakaraga inda, nk'aho abantu usanga umugambi w'ababyinnyi ari ugukaraga gihande cy'umubiri cyerekeye aho imyanya ndangagitsina iri, nko kubyina imbyino zisa n'izirehereza



Scanned with CamSc

abantu ubusambanyi bikaba byagaragarira mu buryo ababyinnyi bari kwitwara.. Mu muco w'abanyarwanda, imbyino zabo usanga zimeze nk''imyitozo yo kugorora amaboko (gutega amaboko) no kumenya kwizibukira (gusimbuka) bagorora ibikanu ndetse n'ibirenge; usanga ari imyitozo ngororangingo myiza.

Tugarutse ku birebana n'impamvu tudakwiriye kubyinira mu rusengero, reka dufate urugero mu buzima busanzwe.

Mbese ninde wajya mu biro (bureau) by'umukuru w'igihugu, yamara kubigeramo akavuza ingoma, cyangwa se ibinyuguri, inzogera n'ibindi bimena umutwe! Ntibahita bamufata se bakamujugunya hanze cyangwa se bakamuhana?

Mu rusengero rw'Imana, tujyayo tugiye kubonana no kuvugana n'umuremyi wacu, Imana Nyiricyubahiro. Mu rusengero dushobora kuyiramya, tukayisenga (twibuke igitekerezo cya Hana), tukayishima, tukanayihimbaza.

Ibyo bitandukanye by'ihabya no gukoresha ingoma n'ibindi bimenagura umutwe. Kubikoresha ni uguteza urusaku mu biro (bureau) by'Imana aho Uwiteka atangira ubutumwa bwe bw'agahebuzo ku bantu be [ Ariko Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera, isi yose iturize imbere ye" *Habakuki* 2:20"].

Uko Umwami Dawidi yabyinnye, ni nk'uko tujya tubona kuri za sitade (stades) no mu ngoro y'imikino, no kubibuga binyuranye, ibirori birimo imbyino, n'umurishyo w'ingoma, n'amashako n'indirimbo zisingiza umukuru w'igihugu ndetse n'igihugu ubwacyo. Abakuru b'ibihugu iyo babonye abo bayobora bishimye hari ubwo nabo bibatera ubwuzu nabo bakifatanya n'abayoborwa bakabyina.

Twe rero dukwiriye gusobanukirwa kandi tukemera ko iyo turi mu rusengero, indirimbo zihakenewe ari izo kuramya, zizirana



Scanned with CamSc

n'urusaku n'induru n'amajwi yose amenagura umutwe tukaririmba twubashye Imana mu mutima kandi ku buryo n'amaso y'umubiri ashobora guhamya ko turi kuramya twicishije bugufi. Professor Samuele Bacchiocchi, Ph.D Wigisha muri kaminuza y'abadiventiste yo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yagize ati "Itorero ryakagombye kubaha ukwera kw'aho abantu bateranira baramya Imana, akomeza avuga ko ingoma, n'ibikoresho byose bya muzika byakorewe kunezeza abantu, bigatuma usanga batwawe mu bigaragara n'iyo miziki, bikwiriye kwirindwa cyane muri gahunda zo kuramya'.[Church music should respect and reflect the sacredness of the place of worship. This means percussion instruments and entertainment music which stimulate people phyisically, are out of place in the church service].*An Adventist theology of churchmusic*, End time issues N°37, February 2000, page 15



Scanned with CamSc

# IX. IMBARAGA YA MUZIKA MU KUREMA NO KUBAKA INYIFATO MU MUNTU

Nkiri umunyeshuri mu ishuri rya Muzika "RUHIJA-BUKOBA, mu gihugu cya Tanzania, umwe mu barimu banjye witwaga Joas Kijugu, yadutekerereje inkuru y'ibyabaye kuri mukerarugendo w'umunyaburayi, ubwo yari mu ruzinduko rw'ubukerarugendo mu gihugu cya Kenya, akaba by'umwihariko yarashakaga gukora ubushakashatsi ku birebana n'indirimbo ziririmbwa n'abahigi igihe bariho bahiga (amahigi).

Ubwo yari ageze mu rugo rw'umuhigi, uwo mukerarugendo yasabye uwo muhigi kumuririmbira amahigi, umuhigi aramuhakanira, amubwira ko atashobora kuririmba amahigi kandi atari guhiga. Nyamuzungu yakomeje guhendahenda cyane, kera kabaye umuhigi aramwemerera, maze afata umuheto n'imyambi hamwe n'icumu nuko aratangira aritakuma araririmba aratwarwa cyane, umukerarugendo nawe s'ugufata amafoto arashishikara. Igihe cyarageze wa muhigi ibitekerezo bye birimuka, yibona nk'umuntu uri mu muhigo nyawo, aza kurekura icumu rihitana wa mukerarugendo, kuri we yagize ngo ni inyamaswa yishe, aho azagarurira ibikerezo asanga yahitanye mukerarugendo. Mbega amarira!

Muzika burya ifite imbaraga zo kuvana intekerezo mbi mu muntu, igashyiramo inziza, nk'uko ishobora kuvana intekerezo nziza mu muntu ikamushyiramo imbi, muzika rero ni igikoresho gifite imbaraga nyinshi zo kugira umuntu uko uwo muziki umeze.

Muzika iyo ari yo yose yakagombye kubanza gusuzumanwa ubushishozi n'amacyenga, mbere yo kwemera kugira akamenyero ko kuyumva no kuyishimira.



Scanned with CamSc

Ndibuka kera, nkiri muto, abasore b'abacuranzi b'abakongomani (zairois), bigeze bandehereza kuba muri orchestra yabo, tukajya tujyana kenshi kandi henshi, rimwe na rimwe nkabafasha gucuranga, kuririmba, no gushyushya urugamba mbyinisha abataramyi indirimbo zo mu bwoko bwitwa "Lumba'.

Umuzika twakoreshaga wari ufite imbaraga yo guhagurutsa abagabo n'abagore, abasore n'abakobwa babaga bitabiriye ibitaramo byacu. Ntabwo byashobokeraga umuntu waje mu gitaramo kugumya kwicara adahagurutse ngo abyine.

Icyumba cyabereyemo igitaramo cyose wasangaga cyose cyabaye urusaku, induru, ibikobwakobwa, amashyi, ugasanga abagabo n'abagore bariho bagosorana… bakabyina rukabura gica.

Ndibuka kandi ko mu gutumira abazitabira ibitaramo bya orchestra, ko uwazaga aherekejwe n'inkumi cyangwa umugore yagabanyirizwaga ibiciro byo kwinjira mu gitaramo (ticket d'entrer). Ibyo byatumaga abantu bakora uko bashoboye bagashaka abantu badahuje igitsina kugira ngo binjirane mu gitaramo. Umuntu yakwibwira ko babaga bagize amahirwe yo kugabanyirizwa ibiciro, nyamara si ko biri, ahubwo babaga bategejwe ubusambanyi kandi ibyo birumvikana.

Amasaha ya nijoro mu gicuku, iyo yageraga bazimyaga amatara nk'iminota mirongo itatu bakavuga ko abacuranzi bagiye kubanza kuruhuka; ibyakorwaga muri icyo gihe byababaga ari urukoza soni.

Naje gusanga indirimbo twataramaga zarazamuraga iruba ry'ubusambanyi mu mibiri y'abaje mu gitaramo, kandi natwe abacuranzi mu buryo bumwe cyangwa ubundi twarahononekariraga.



Scanned with CamSc

Ndibuka umunsi umwe ubwo nariho ncuranga, nagize ntya mbona abaje mu bitaramo bariho bankora mu mifuka, ibyo ubundi ni ibisanzwe ku bacuranzi, kuko iyo abantu banyuzwe usanga bagenda bashyira amafaranga mu mifuka yabo mu rwego rwo kubereka ko babishimiye.

Uwo munsi rero nasanze bashyizemo udufaranga ducye gusa ahubwo, barunda twa tuntu bita udukingirizo mu mifuka yanjye! Icyo gihe narababaye cyane, nibaza ibimbayeho, bagenzi banjye babona ko hari icyambayeho kidasanzwe. Naje gutekereza nsanga ibimbayeho ari ubutumwa bumenyesha ko icyo nakoreye abantu mu gucuranga umuzika nari nabacurangiye ari ukubatera mo iruba ry'ubusambanyi. Natangiye kwicuza imikorere yanjye, kugeza ubwo mpuye n'umupasitoro wambwiye ko ajya yumva bavuga ko ncuranga muri orchestra kandi nakagombye kuririmba mu rusengero nk'umwana wavukiye kandi agakurira mu itorero. Ayo magambo yangumye ku mutima na n'ubu mpora nyatekerezaho kuko mbona ko uwo mupasitoro yahawe n'Imana ubutumwa bwo kungezaho kandi bwaramfashije mu buzima bwanjye.

Nonese koko ko abo twacuranganaga bose bapfuye, kandi batazize urw'ikirago cyangwa impanuka! Benshi bishwe n'indwara zituruka mu busambanyi babaga bakuruwemo n'imiziki nk'uburaya, ubusinzi...Sinzibagirwa umucuranzi w'inshuti yanjye twacuranganye tugahabwa igihembo mu rwego rw'amarushanwa y'igihugu. Tumaze kugabana igihembo we yirariye mu bagore bicuruza, nongeye kumubona yabaye agafurubire, yuzuye isindwe kandi muri iryo joro yandujwe indwara yaturutse ku mibonano mpuzabitsina yakoranye n'abo bari bararanye muri iryo joro atanazi n'abo ari bo. Nguwo umusaruro uva muri muzika mbi.

Nyamara nubwo twavuze kenshi ku bubi bw'umuzika mubi dukwiriye kumenya ko umuziki mwiza ari umuti womora ibikomere biri ku mutima. Ubwo nari umunyeshuri neretswe uburyo umuntu



Scanned with CamSc

ashobora gucurangira abarwayi bakagubwa neza, ibyo nigishijwe na Mwalimu Hanne Mette wo muri Danemark nibwiraga ko ari amashyengo gusa nkabyigira kugira ngo mbone amanota ariko ubwo nari mu Gihugu cy'ubudage, nabashije gusura ibitaro by'ahitwa Belefeld, ntangazwa no kubona ko hafi ya buri cyumba cy'abarwayi habamo piano kandi ko ibitaro byari bifite abahanga bize muzika ituma abarwayi bagumana icyizere n'umutima mwiza bityo bikababafasha gukira vuba (music therapy). Muri icyo gihugu cy'ubudage kandi nasuye ahantu abafite ubumuga bwo mu mutwe babacumbikira natangajwe no kubona ukuntu bishimira kumva muzika, kandi bamwe muri bo barancurangiye biranshimisha, nange ndabacurangira turasabana bikomeye.

Birakwiriye ko muzika dukoresha mu rusengero, ibikoresho byo kumvikanisha neza amajwi bikoreshwa neza mu buryo butuma abari mu rusengero baba mu mwuka wo kuramya Imana ku buryo aho gusaragurika bibeshya ngo bafashijwe cyangwa batashyweho n'umwuka wera, batuza bakaganira n'Imana mu mitima yabo.



Scanned with CamSc

# X. IMIKORERE Y'IMBERE MURI KORALE (CHORALE)

Amakorale (chorales), agira amashusho anyuranye, biterwa : umubare w'abayagize (effectif), ubushobozi bwo kuririmba bw'abagize amakorale n'urwego rw'umwuga korali irimo. Mu gusobanura icyo "urwego rw'umwuga" bisobanuye, hano, ndashaka kuvuga ko hariho korale z'abakorera bushake, hakabaho kandi na korale z'abaririmbyi babigize umwuga. Twakongeraho kandi ko, kunyurana kw'amakorale gushobora kugaragarira ku miterere y'abagize koralé, nko kuba abayigize bagizwe n'igitsina gabo gusa (chœur d'hommes), cyangwa se ikaba igizwe n'abaririmbyi b'igitsina gore gusa (chœur de femmes), cyangwa se nanone ikaba igizwe n'abaririmbyi b'ibitsina byombi (mixte).

Hari amakorale aririmba n'amajwi y'abaririmbyi, ariko agaherekezwa n'amajwi y'inanga, nk'uko hariho amakorale aririmba n'amajwi y'abaririmbyi gusa, adaherekejwe n'ibicurangisho (Acapela).

Hari kandi na korale zigizwe n'abacuranzi gusa bakora muzika yitwa "instrumental", amajwi y'inanga akaba ariyo yumvikana gusa. Kenshi baba bacuranga indirimbo zisanzwe zizwi n'abizera.

Muri rusange, mu itorero ry'Imana, hakunze kuboneka amakorale y'abatarabigize umwuga (amateurs). Si kenshi mu itorero haboneka amakorale agizwe n'abaririmbyi babigize umwuga (professionnels). Kubw'iyo mpamvu, turaza kwibanda cyane ku mikorere y'abaririmbyi batabigize umwuga, kuko aribo biganje mu itorero ry'Imana.



Scanned with CamSc

## X.1 Byose bikorwe neza muri gahunda...

- Kuririmba duhekenya amenyo; kuririmba amajwi yumvikanira hejuru mu gihanga (asohokera mu mazuru) si byiza. Tujye dufungura umunwa abe ari ho amajwi anyura. [...combien ces voix aigues et grinçantes sont impropres a l'adoration solennelle et joyeuse du Très Haut ...] "*signs of times*, 22 Juin 1882 (*Evangelism*, pages 507 et 508: *Evangeliser*, page 456).
- Kuririmba dushyiramo amashyengo n'amajwi ataryoheye amatwi no gusobanya amagambo ni bibi. (Jargon et dissonance) [ *Testimonies for the church* , volume 1,page 146(*Temoignages pour l'Eglise*,1857, volume 1, page 48, )]
- Dukwiye kwirinda guhatiriza amajwi ngo bigeze aho imitsi y'ibikanu irega, ngo usange amajwi yasaraye cyangwa ngo usange dushakisha ijwi ryo hasi ku ngufu kugeza ubwo dukuba ijosi.
- Dukwiriye gukora uko dushoboye tukirinda kwiyambaza abaririmbyi b'abahanga mu ndirimbo z'isi, ahubwo dushake abaririmbyi baririmbana umwuka n'ubwenge..., ibitaramo dutegura kenshi usanga bihenze cyane ku buryo bibera abavandimwe umuzigo ukomeye. Nyuma nitubyitegereza, tuzabona ko abatari bakura mu kwizera bazageraho bagacika intege ntibabe bagitanga n'urufaranga na rumwe[ "...ne demandez pas le concours des musiciens profanes. Rassemblez des chanteurs qui chanterons avec l'esprit et avec l'intelligence. Le spectaculaire que vous cherchez parfois entraine des depenses superflues. On ne devrait pas demander aux freres de supporter par ailleurs, au bout d'un certain temps vous apercevrez que les incroyants ne seront plus disposes a donner l'argent pour payer ces depenses." *Letter* 51, 1902 (*Evangelism, Evangelise*,page 458)



Scanned with CamSc

Muri korale hakenewe gahunda ihamye, itajegajega kandi iberanye n'imiterere ya korale.Hakenewe umurongo rusange ngenderwaho uzwi n'abaririmbyi bose muri rusange,. Hakenewe kandi n'umurongo ngenderwaho w'umwihariko kuri buri korale, bitewe n'imiterere yayo.

Imiterere ya disipuline igomba gukurikizwa muri korale igizwe n'abaririmbyi b'igitsina kimwe, itandukanye n'imiterere ya disipuline igomba gukurikizwa na korale igizwe n'abaririmbyi b'ibitsina byombi.

Uburyo bwo gutoza abaririmbyi babigize umwuga, butandukanye by'ihabya n'uburyo bwo gutoza abaririmbyi batabigize umwuga. Ababigize umwuga ntibakeneye kumva urugero rw'umutoza ngo bigane uko aririmba basubira mu ijwi aririmbye, mu gihe abatarabigize umwuga batozwa bababafatisha amajwi y'indirimbo mu mutwe, bagasubira mu ijwi umutoza aririmbye.

Abagize kuririmba umwuga, ntibakeneye gushishikarizwa no kwibukirizwa gahunda z'imyitozo n'iminsi n'amasaha iberaho kuko kuri bo kaba ari akazi gasanzwe kabatunze ku buryo ibihano byo kwica gahunda muri korale bikurura igihano gihita kigera ku mishahara yabo y'ukwezi. Bene ayo makorale akunze kuboneka mu bihugu byateye imbere, cyane cyane mu mugabane w'Uburayi.

Naho abatabikora ku buryo bw'umwuga, usanga kenshi badaha agaciro gahunda za korale uko bikwiriye, benshi binjira mu murimo w'uburirimbyi nk'uburyo bwo gushaka ikibarangaza gusa, nta mushahara babona, ahubwo batanga imisanzu muri korali y'uburyo bwinshi kandi ni nako basabwa kimwe n'abandi bizera bose amaturo na kimwe mu icumi cy'ibyo bunguka. Usanga bamwe binubira umurimo bakora ariko ibyo bikaba biterwa n'uko amaso yabo ahumye atabasha kumenya ibihembo bibategereje mu bwami bwo mu Ijuru. Iyo babimenya bakwishimiye kuba bari mu mubare



Scanned with CamSc

w'abaririmbyi b'Imana, kuko bahawe umwanya w'icyubahiro, kuko uyu murimo wakagomye gukorwa n'abamarayika bo mu ijuru ariko Imana yabahaye amahirwe yo kuwukora kugira ngo bafatanye nayo umurimo wo kuyimenyekanisha ku batarayimenya.

Umuririmbyi witwa "Yeremiya Ingallis" Umwuka Wera yamweretse ubutunzi buri mu ijuru bumutegereje, abishyira mu ndirimbo agira ati "Ndareba ubutunzi buri mu Ijuru nzagabirwa na we (Yesu) kubw'Ubuntu bwawe."

Aya magambo tuyumvise neza, ntago twakongera kwitotomba kuko tuba tuzi ko dukorera ufite ubutunzi bwose, kandi ko yadusezeraniye kuzaduha ibihembo bitangirika.

Undi muririmbyi, witwa "W.J Kirk Patrick" yatanze ubuhamya ati 'Nguhaye igihe cyanjye, sinzakiguteraho, nguhaye ubwenge bwanjye, sinzagira icyo nkwima."

Harya ko igihe ari Imana yakiduhaye ngo tugikoreshe, tuyikima dushingiye kuki? Abantu banga kuririmba mu makorale ngo nta gihe babibonera! Abandi nabo bakajya muri korale, ariko ugasanga kwica gahunda ntacyo bibabwiye namba! Iyaba bari bazi ko kwica gahunda y'imyitozo ubwabyo bizabajyana mu rubanza kuberako igihe basezeranaga kuba abaririmbyi ba korale, ni amasezerano bagiranye n'Imana ko bagiye gutanga igihe cyabo bitabira gahunda yayo bubahiriza gahunda y'imyitozo n'iyo kuririmba mu materaniro nk'uko itorero riba ryatanze gahunda ku ma korale ikaba agomba kubahirizwa! Kutabikora ni ugusuzugura Imana, kandi ni ukwitesha Imigisha Imana yatanze iyinyujije mu nzira y'uburirimbyi ndetse birutwa n'iyo utabeshya ngo ugiye muri korale.

Birababaje kubona umuntu ashyirwa mu ruhande ruzaba rurimo abasambanyi, abajura, abasenga ibishushanyo kubere gukinisha umurimo w'Imana.



Scanned with CamSc

Ariko ku bandi bizaba binejeje ubwo bazaba babwira Imana bagira bati "igihe cyacu twagikoresheje uko twabigusezeraniye kandi twatanze umutungo wacu kugira ngo umurimo wawe ukorwe Uwiteka we!

Mbega amahirwe yo kubwirwa n'Imana ubwayo iti ibyo wakoraga byose, amafaranga watangaga ugura uniforme, ibyuma byo gucuranga wagize uruhare rwo kugura, kujya kuvuga ubutumwa hirya no hino ,burya byose narabirebaga, injira mu munezero wa shobuja maze nguhembe!!!

Tuzirikane ko abaririmbyi bica gahunda y'imyitozo ya korale n'izindi gahunda zayo bakunze kuba icyanzu satani anyuzamo intonganya muri korale.

### X.1.1 Groupes

Abaririmbyi bitwa "groupe", baba ari ishami rya korale rifite ubushobozi bwo guhagarara rikaririmba nka korale ubwayo. Bene izo groupe hari ubwo zimenyekana cyane abaririmbyi baririmba muri groups bashobora kuririmba no muri korale cyangwa bitewe n'uburyo korale yabigennye indirimbo ikaririmbwa n'itsinda rito ry'abaririmbyi, ni ukuvuga groupe ifite imizi muri korale.



Scanned with CamSc

### X.1.2 Korale z'abana



Hari Korale z'abana bato, ariko zigomba kugira abantu bakuru bazitoza. Bene izo korale ni ingenzi cyane mu itorero, kuko uretse ko n'ubusanzwe abana bagira amajwi meza, ni no kubatoreza kuzakurira mu murimo w'uburirimbyi, ntabwo njya nibagirwa ko nkiri muto nakundaga kwegera abizera bazi kuririmba babaga baje mu materaniro yo gusenga, muri bo nibuka nk'umurundi witwaga Bivahagumye Ismael, na Hitimana Justus, na Madame Rachel Germaine, na Nsengimana Israheli, ndetse na Munyandamutsa Filimoni, na Dr. Boyce, na Gloria Devis abo babiri ba nyuma bari abanyamerika, byatumye nkunda biruseho indirimbo zo mu rusengero, bityo rero no ku bandi bana, ni byiza kubategurira kuzaba abaririmbyi b'itorero bakiri bato.

## X.2 Ibigomba kwitabwaho iyo dushyira abaririmbyi mu majwi

Kimwe mubyo tugomba kwitaho mu gihe dutoraniriza abaririmbyi amajwi bagomba kuririmba muri korale yacu, ni ukumenya ko hari amajwi aba akeneye abaririmbyi benshi, mu gihe hari andi akeneye bacye. Ijwi rya mbere (soprano) hamwe n'ijwi rya kane (bass) niyo



Scanned with CamSc

agomba guhabwa abaririmbyi benshi byibura bibiri bya gatatu by'abagize korale yose, mu gihe kimwe cya gatatu cy'abaririmbyi bose kigomba kujya mu ijwi rya kabiri (alto) n'irya gatatu (tenor).

Ijwi rya mbere niryo burya riba rifite ubutumwa bwose naho ijwi rya kane rifite akamaro ko kwerekana ubwoko bw'ubwunge bw'amajwi bwakoreshejwe (accord)

Na none birumvikana ko groupe ifite abantu bane, buri wese agomba kwiharira ijwi rye. Icyakora abo baririmbyi bagomba kuba bafite akamenyero ko kuririmba cyane ku buryo umuntu wese uririmba muri bo abasha kuyobora ijwi rye neza adatwawe n'irindi jwi rimwegereye.

Muri Korale z'ibitsinda byombi, amajwi ya soprano na alto akwiriye guharirwa abaririmbyi b'igitsinagore mu gihe amajwi ya tenor na basse akwiriye guharirwa abaririmbyi b'igitsinagabo.


Abaririmbyi b'igitsinagore bafite amajwi abasha kugera hejuru cyane bakwiriye guhabwa kuririmba ijwi rya soprano naho abaririmbyi b'igitsinagore bafite amajwi magufi bakwiriye guhabwa ijwi rya alto. Naho ku ruhande rw'abagabo, abagabo bafite amajwi avugira hejuru byaba byiza bahawe tenor naho abagabo bafite amajwi abyibushye bo bagahabwa ijwi rya basse.

## X.3 Disipuline mu gihe cy'imyitozo

Ni ngombwa rwose ko mu gihe cy'imyitozo abaririmbyi bakwiriye kwirinda uburangazi ubwo aribwo bwose. Natangajwe no gusura korale imwe mu myitozo yayo, nsanga mu gihe bariho bitoza bamwe bari bishyiriye twatwuma bacomeka mu matwi kugira ngo bumve ibivugirwa muri radio, naje gusanga bariho bikurikirira umupira wakinirwaga kuri kimwe mu bibuga bikomeye. Ibyo rwose ni urucantege.



Scanned with CamSc



**Hejuru aha, turahabona ifoto y'abaririmbyi bambaye neza kadi bifashe neza ku ruhimbi.**

Hari abiyambarira imyambaro biboneye, rimwe na rimwe ugasanga ni imyenda imeze nk'imwe dusanzwe tubonana abantu biyandarika. Hari na Korale nasuye nsanga abahungu n'abakobwa bibereye mu biganiro bidafite aho bihuriye na korale.

Iyindi Korale nasuye nasanze bamwe mu baririmbyi bari kuganira iby'ibicuruzwa byabo biri mu nzira biva I Dubai, ubwo kandi niko bitabaga telephone hato na hato ku buryo nubwo ku mubiri wababonaga bari muri korale, mu by'ukuri umutima wari wibereye ahandi. Hari n'abo usanga badashaka gukurikiza amabwiriza bari guhabwa n'umutoza, aho amuhagaritse akahivana akanga guhagararana n'uwo bamubwiye guhagarara iruhande

Hari indi korale nasuye nsanga bari mu makimbirane ateye isoni. Yemwe uwavuga imitarire y'inzuki, ntabwo ubuki bwaribwa, nyamara siko byari bikwiriye kumera, dukwiye kurangwa n'umwuka w'urukundo kuko ubwabyo ni ivugabutumwa rihanitse. Abiririmbyi bakwiriye gufata umwanya bagasenga ariko itorero rikwiriye kubaba bugufi cyane rikabasengera rishikamye.



Scanned with CamSc

# XI. UBUYOBOZI BWA KORALE

Korale y'itorero igomba kugira umuyobozi, ushinzwe kuyihuza n'ubuyobozi bw'itorero(Chef de chorale) . Agomba kuba ari umuntu ubusanzwe uzi kubana n'abantu neza, kandi afite n'impano yo gushyikirana, yihangana kandi azi gushyira mu gaciro, yubaha itorero kandi yubahiriza umurongongenderwaho waryo n'amabwiriza atangwa n'inama y'itorero.

Bitabujije ko muri Korale imbere hagomba kugira abandi bagira ibindi bashingwa, nk'urwego rw'abatoza abanyabwuzu, abanditsi bose bakorana neza mu bwubahane no mu rukundo rwa Yesu Kristo.

Tugarutse kuri Chef de Chorale, agomba kuba yubaha kandi agakunda bagenzi be baririmbana, kuba indahemuka n'indacyemwa mu mico no mu myifatire, kandi asobanukiwe neza imiririmbire n'imyifatire yemewe n'itorero.

Agomba kuba umuntu udakunda kurema ibice mu bantu kandi akora iteka ku buryo abaririmbyi bahora bari mu mwuka umwe uzira amacakubiri.

Abaririmbyi bose bagomba gukundana kandi bakubaha umuyobozi kuko kutubaha umuyobozi bikurura amakimbirane adahosha. (La dualité des commandemments est la source perpetuelle des comflits).



Scanned with CamSc

## XI.1 Impuzankano y'abaririmbyi (uniformes)

Ni imyenda yemejwe na Korale ko ariyo izajya yambarwa mu gihe korale igiye kuririmba mu rusengero, cyangwa mu materaniro ayo ari yo yose yo gusenga.

Iyo myenda igomba gutoranywa neza, ikaba igomba kugira ishusho nziza kandi idapfa kononekara.

Igomba kubikwa neza, kandi ikagiririrwa isuku. Ibibazo bijya biboneka ku birebana n'impuzankano z'abaririmbyi, ni uko usanga nta ngamba zifatika korale iba ifite mu rwego rwo kwita kuri iyo myenda.

Kenshi, abaririmbyi ntibasobanukirwa n'uko imyenda y'impuzankano yakagombye kuba impano yeguriwe gukorera Imana mu itorero. Yee birashoboka ko abo baririmbyi baba baragize uruhare rukomeye mu igurwa ry'iyo myambaro nko gutanga amafaranga abaturutse mu mufuka kugira ngo iyo myambaro igurwe, ariko birakwiriye ko iyo myambaro ifatwa nka rimwe mu maturo batura Imana mu rusengero.

Hari ibibazo bijya biboneka mu makorale bishingiye ku mpuzankano z'amakorale, iyo abaririmbyi babyumva ukundi kunyuranye n'uburyo byavuzwe haruguru, nk'iyo umuririmbyi yimutse akaba atakibashije gukomeza kuririmba muri korale yaririmbagamo, hari ubwo yigomba ya myenda y'impuzankano, akayitwara ntayisigire korale (itorero), akisobanura avuga ko ari imyenda ye yiguriye.

Ubundi kandi hakaba ubwo umuririmbyi akora amakosa atuma ahagarikwa ku murimo w'uburirimbyi mu itorero, maze agafata ya myenda yaririmbanaga akayitwara.



Scanned with CamSc

Ibi hari ubwo bishobora kugaragaza isura y'itorero nabi, urugero dutekereze nk'igihe wa muririmbyi ahindutse umunyakabare, maze akajya ajyanayo wa mwenda wa korale, burya bitanga ishusho itari nziza ku itorero muri rusange, no kuri korale yaririmbagamo by'umwihariko.

Hari ingaruka ebyiri bene iyo nyifato ibasha gutera :

- Kuri wawundi wahejwe ku murimo w'uburirimbyi, akomeza kugenda yambaye imyenda ya korale mu makwe, mu isoko, mu tubare, mu mirima, n'ahandi kandi ibyo bituma uwo mwenda usuzugurika.
- Hari ubwo ubwoko bw'umwenda korale yari yaraguze uva ku isoko, maze korale yajya kuwushaka kugira ngo yambike umuririmbyi wasimbuye wa wundi ikawubura. Maze bitewe n'uko umuririmbyi yabuze impuzankano, bikaba ngombwa ko bashaka iyindi mpuzankano y'ubundi bwoko ihuriweho n'abaririmbyi bose. Ibyo rero bihungabanya korale.

Umuti w'ibyo bibazo ntabwo woroshye ariko inama yatangwa ku bibazo biteye bityo

- Ni uko umuririmbyi mbere yuko yemererwa gutangira kuririmba mu ruhame rw'itorero, yakagombye kwemerera itorero ko ibikorwa by'amajyambere bya korale birimo n'impuzankano ari ibyakorale kandi ko igihe umuririmbyi atakiririmba mu iyo korale ku mpamvu iyo ari yo yose, nta kintu na kimwe akwiriye gutwara ngo akizimize kuko kiba cyareguriwe gukora umurimo w'Imana. Igihe cyose atemeye guhamya ayo masezerano, ntakwiriye kwemererwa kuririmba. Mu rurimi rw'igiswahili hari imvugo ivuga ngo "aho kugira iryinyo ryaboze rikurya, wagira igihanga" [Afadhali pengo kuliko lino bovu]



Scanned with CamSc

- Iyindi nama yatangwa, ni uko korale yahitamo kujya idodesha amakanzu, kuko nta muntu wayifata ngo ayijyane mu isoko cyangwa mu birori kuko abikoze yafatwa n'abamubona nk'umurwayi. Ikindi kandi burya umuntu iyo yambaye ikanzu aba yikwije ku buryo babandi babangamirwa n'imyenda migufi baba batabangamiwe.
- Bishobotse iyo myenda ishyirweho ikirango cy'itorero
- Iyo Korale ihisemo kwambara amacostumes cyangwa iyindi myenda ihenze, hari ubwo iba yishyiriyeho inzitizi zo kutabona abaririmbyi bashoboraga kuba bayiririmbamo, ariko

bakabibuzwa n'uko babona bashobora kubazwa amafaranga y'impuzankano arenze ubushobozi bwabo. Nanone kandi, kuba ihenze kuri bamwe nta bushobozi bwo guhita abona indi, bituma bahitamo kuyikoresha no mu bindi birori, ubwo rero ku baririmbyi, kwambara amakanzu byarushaho kuba byiza.

Birashoboka kandi ko koralc iririmba itambaye impuzankano. Ariko byakagombye kuba byatewe n'impamvu zisobanutse zitakwigobotorwa.

Yesu n'abigishwa be bambaraga kimwe, niyo mpamvu batabashaga kumutandukanya n'intumwa ze, bamaze kwifashisha Yuda Iskariota nibwo babashije kumumenya "Matayo 26 :14-16

**Ibicurangisho n'ibindi bikoresho**

Ni byiza ko muri iki gihe amakorale asigaye afite ibicurangisho n'ibindi byuma bigendanye no gusohora amajwi yumvikana neza cyane.(amplificateur, mixeur, haut parleur, microphones...) Ariko byakabaye byiza byibura, Itorero rigize gahunda yo kugura ibikoresho nsakazamajwi n'inanga by'itorero, ntibishingikirize ku byo korale ikoresha, kuko iyo korale itumiwe kujya kuvuga



Scanned with CamSc

ubutumwa ibunaka ikajyana ibicurangisho n'ibikoresho isanzwe ikoresha, mu itorero hasigara ubukonje.

Ibi bicurangisho n'ibikoresho nsakaza majwi bikoreshwa na korale itorero ritagira ibyitwa ibyaryo, hari ubwo usanga byashyamiranishije itorero na korale, niyo mpamvu itorero nk'umubyeyi, mu rwego rwo kwirinda amakimbirane n'abana baryo aribo korale, ryakora uko rishoboye rigashaka umwihariko waryo.

Niba kandi ibyo bikoresho bibonetse, bikwiriye gufatwa neza kandi bigakoreshwa n'abantu bazi neza kubikoresha kandi b'inyangamugayo.

Ibikoresho bya korale bikwiriye gusobonuka, n'iby'itorero bigasobanuka igihe bibaye ngombwa ko urwego rumwe rukoresha ibikoresho by'urundi, izo nzego zikabanza kubyumvikanaho neza mu rukundo no mu bwubahane.

Igihe korale itagikorera mu itorero kubera impamvu iyo ari yo yose, ibyo yakoreshaga bigomba kwitabwaho neza bikaba umutungo w'itorero. Cyakora niba ibyo korale yakoreshaga ari iby'abantu ku giti cyabo bayitizaga, nabyo byasobanurwa bikavangurwa n'ibya korale cyangwa se n'iby'itorero.

Hari urugero rwa korale yasabye itorero kuyifasha kugira ngo ibashe kugura ibicurangisho. Yari inanga ihenze iguze hejuru ya miliyoni y'amanyarwanda na mixeur.

Ku mpamvu zitandukanye zidaturutse ku baririmbyi, korale yisanze isigaranye abaririmbyi batarenze babiri, maze abo babiri bananirwa gukomeza korale, bahita bagurisha bya bikoresho.

Bamwe mu bizera bababajwe n'iryo gurishwa ndetse na pasitoro atongana n'abaririmbyi babigurishije, ariko iyo urebye ntabwo



Scanned with CamSc

itorero ryari ryarigeze riteganya uko byagenda igihe korale y'itorero itakiriho.

Itorero rikwiriye gukurikirira bugufi amakorale yaryo ryumvikana nayo ku mahame ngenderwaho akwiye kuranga amakorale yaryo.



Scanned with CamSc

## XII. KU RUHIMBI RWERA RW'IMANA SI MU RUBYINIRO

Aho ni hahandi umubwiriza ahagarara, akavuga Ijambo Uwiteka yamutumye kubwira ubwoko bwe. Aho kandi niho hahandi abaririmbyi bahagarara, baririmba ishimwe ry'Uwiteka Imana Ikomeye, Yabayeho, Iriho, kandi Izahoraho.

Si ahantu hashobora gukorerwa ibikorwa byose uko umuntu abyishakiye, cyangwa ngo habe havugirwa amagambo y'ubupfayongo. Ni ahantu huje icyubahiro cy'Isumbabyose.

Ni ngombwa rwose kubanza kwitegura, haba ku mubiri haba ndetse cyane cyane ku mutima. Imyenda ijyanwa ku ruhimbi igomba kubanza gusuzumanwa ubushishozi. "Kuva 19 : 14"

Imitima yacu ikwiriye kubanza gucishirizwa bugufi kugira ngo Uwiteka abe ariwe uhabwa icyubahiro "Kuva 3 : 3- 5"

Ni ngombwa kwirinda kujajaba cyangwa se ngo tube twabyinira ku ruhimbi rwera rw'Imana. Amagambo yabwiwe Mose n'Imana iti" Ntiwegere hano ahubwo kuramo inkweto kuko ahantu uhagaze ari Ahera," yerekana neza uburyo aho Imana ishaka gutangira ubutumwa bwayo hagomba kubahwa, kuko ari ahantu hera, none rero iyo twategujwe ko turi bujye ku ruhimbi, tugomba kubanza gusaba Uwiteka, akabanza akatweza, kugira ngo imirimo iribuhakorerwe ibe nayo yejejwe n'Uwiteka, binyuze mu maraso y'uwaducunguye, Yesu Kristo.

Niba imitima yacu idatunganye, dukwiriye kubanza gusaba Imana kubanza kuyitunganya Yesu akatwereka inzangano n'amashyari biri mu mitima yacu, tukimenyaho ubugoryi, tukabanza kwaturirana ibyaha no kubabarirana, kugira ngo umurimo uribukorerwe ku ruhimbi ube uhiriwe n'Imana. Nyamara se ni kangahe abantu



Scanned with CamSc

bajyana muri gahunda ku ruhimbi kandi bafitanye inzika zitajya zirangira ! Ariko se ni kangahe abaririmbyi bakomeza kujya ku ruhimbi, nyamara baranze kurekura inzika bafitanye na bagenzi babo ! Batarigeze baturirana ibyaha ngo bababarirane ! Ibyo kandi ntibabishobora ntibabyigezaho bo ubwabo keretse babanje kwemerera Umwuka Wera w'Imana akabanza akabatahamo, nabo bakemera gukora ibyo Umwuka Wera abategeka. [ kwicisha bugufi].

Amakorale atari macye yo mu itorero ry'Imana yashegeshwe n'inzika, n'inzangano z'urudaca, ariko izo nzika bazirenzaho bakajya ku ruhimbi bakaririmba. Bene izo ndirimbo, ntacyo zimaze, zimeze nk'inkoko irarira amahuri.

Iyo abaririmbyi bava mu mwanya wabagenewe wo kwicaramo bajya ku ruhimbi kuririmba, n'igihe barangije kuririmba basubiye mu myanya yabo, bakwiriye kubikora muri gahunda inoze.

Igihe abaririmbyi bari kuririmba indirimbo, igice kikarangira, iyo bafite inanga, ibasha gucuranga akanya gato, ibategurira kwinjira neza mu kindi gice gikurikiraho, uba ari umwanya wo kuruhuka gato banatekereza amagambo aribukurikire, si umwanya wo kubyina, gutamba, cyangwa guceza, oya da! Ibyo ntibikwiriye ku Ruhimbi Rwera rw'Imana.

Hari ubwo abaririmbyi usanga bifata uko bashaka, uko biboneye, ku ruhimbi, nko gufatana ku ntugu, nko gukora ibikino byo gusetsa abantu n'ibindi...

Birushaho kugira ishusho mbi iyo abafatana ku ntugu ari abasore n'inkumi, kuko bigaragara nk'inyifato ishobora kuganisha ku buhehesi. Bamwe babikora bitwaje ngo ni ukugira ngo amajwi yabo ace muri mikorofone (microphone) neza ariko ibyo ni urwitwazo gusa.



Scanned with CamSc

Igihe abaririmbyi bari ku ruhimbi bagomba kuririmba neza bemye, ariko batareze agatuza, ahubwo barekuye intugu, berekeje amaboko hasi. Bagomba kureba impushya (imirongo) yabasha gutuma amajwi asohoka neza kandi bakaba bahagaze ku buryo bwiza bugaraza gahunda nziza kandi bakurikije amajwi yabo uko ari. Imbere habanza ubarebye ubitegeye ab'irya mbere (soprano) baba bahagaze iburyo, ab'irya kabiri (alto) bo bahagaze ibumoso. Ku ruhushya rukurikira iburyo hahagarara ab'ijwi rya kane (basse), ibumoso bwabo hagahagarara ab'ijwi rya gatatu (tenor)

## XII.1 Amajesite (gestes) yirindwe ku Ruhimbi.

Ama gestes yirindwe ku Ruhimbi, keretse bibaye ari ukuririmbira iteraniro ry'abafite ubumuga bwo kutumva. Bitabaye ibyo amajesite (gestes) afite inenge; Arangaza abantu, agatuma batakaza ubwitonzi (concentration) bwo gutega amatwi ubutumwa buri mu ndirimbo, ahubwo, bakitwarirwa n'ibyabaririmbyi bari gukora, kuko burya, ibintu bibiri bikorerwa icyarimwe, (kureba amajesite –gestes no kumva ubutumwa) nibyo mu ndimi z'amahanga bita "double concentration" byanze bikunze kimwe kiryamira ikindi, kandi burya kenshi ibyo tureba n'amaso nibyo bishobora kudutwara kurusha ibyo twumva.

Ku bize mu mashuri ya muzika, aho ari ku isi yose, nta somo ryigisha amagestes riba mu cyiciro cya muzika. Cyakora habamo isomo ryitwa "Choir Conducting", aho umuntu uyobora korale ahagarara imbere y'abaririmbyi, maze akoresheje amaboko, akayobora abaririmbyi n'abacuranzi, bakabasha kuririmba neza, badasigana, cyangwa ngo banyuranye. Ubwo buryo bukaba bufite amabwiriza n'amategeko bugenderaho kandi bwigwa ku buryo mpuzamahanga mu mashuri yose ya muzika.

Naho iyo umuririmbyi cyangwa abaririmbyi bo muri korale baririmba bunama, bahaguruka, bahindukira, bategа amaboko,



Scanned with CamSc

bayamanura, ibyo bigabanya ubwiza bw'ijwi (quality), n'imbaraga zaryo (intensity).

Ku baririmbyi bagiye mu nzu zifatirwamo amajwi (studio audio), bazi neza ko amwe mu mabwiriza bahabwa kugira ngo amajwi yabo asohoke muri studio ari meza, ari ukwirinda gukubaganira imbere ya mikorofone (microphone) cyangwa kunyeganyega imbere ya microphone.

Ibiri amambu, umuntu wese iyo aririmba ku ruhimbi abishyizeho umutima, birashoboka ko haba ubwo atwarwa, akagira amarangamutima, akaba yarira, cyangwa akanyamuneza kakaza n'ibindi bishobora gutuma agira inyifato atari yiteze ko aza kugira, ibyo bifite ishingiro ni byiza kuko ni ibiri kumuva ku mutima si ibyo yatojwe kwigirisha.



Umwe mubanyamuzika b'abafaransa, akaba umuhanga mu kuvuza ingoma za kizungu n'ibyuma byiyasira (percussionniste), akaba yitwa "Jean Geoffroy', yanditse inyandiko yise "Le geste dans l'oeuvre musicale, la musique et le movement" agira ati "[geste], ni uburyo bugaragaza ibiri ku mutima, cyangwa ibyo dushidikanya, kandi jesite zerekana amarangamutima tugira kubintu tubonye, tubwiwe bidukabakabye ku mutima, ni indorerwamo yerekana ibitwihishemo imbere bitagaragara" akomeza agira ati " amajesite (gestes) ni karemano, ntabwo atozwa."

[D'une certaine facon, la geste est la partie visible de nos sentiments, nos hesitations, de nos troubles, de nos reactions les plus profondes. A priori pas d'apprentissage pour les gestes de facon naturelle]."



Scanned with CamSc

Burya ntabwo ama "gestes" afite inkomoko mu miririmbire y'indirimbo z'Imana. Ijambo "geste" rikomoka kuryo mu Kilatini "gesta" naho mu rurimi rw'icyongereza rikitwa "gesture" soma "jesica".

Geste, rikomoka mu basizi ba kera bo mu Burayi, baririmbaga bavuga imyato n'ibigwi by'abarwanyi babo, bakaririmba bitakuma kandi bakoresha ibimenyetso amaboko bidoga. Ibyo biboneka cyane cyane mu buvanganzo bw'abafaransa bwo mu iherezo ry'ikinyejana cya cumi na kimwe (1050-1150).

Ama"gestes" yaje kugeraho yinjizwa mu muziki witwa opera , aho abaririmbyi benshi n'abacuranzi benshi cyane bafatanyaga kuririmba indirimbo zitabaga zubakiye kuri Bibiliya, ariko uko baririmbaga niko banakinaga ikinamico igendana n'ibyo babaga bari kuririmba. Uwo muzika waje gukundwa kandi wamamara cyane ku mugabane w'u Burayi, bakawerekanira mu mazu zitwa" Opera House".

Abantu baje gutekereza yuko byaba byiza ko hakorwa umuziki umeze nka Opera, ariko noneho wo ukaba ufite umwihariko wo kuririmba indirimbo zishingiye ku bitekerezo byo muri Bibiliya. Uwo muzika waje kubaho maze witwa "Oratorio". Iyo uwurebye mu miterere yawo yose usanga ukoze nka "Opera", usibye ko nyine usanga amagambo yose awugize ari ayo muri Bibiliya.

Dukwiriye rwose kumenya ko nta narimwe ibintu bidafite inkomoko mu bushake bw'Imana bikwiriye kwinjizwa mu Byera by'Imana.



Scanned with CamSc

# XIII. GUHIMBA INDIRIMBO (MUZIKA)

Hari uburyo bwinshi bukoreshwa mu guhimba indirimbo. Uhimba akoresha kwandika amanota. Muri iki gihe uburyo bukunze gukoreshwa n'abantu benshi ni ubwitwa "SOLFEGE",Iyo myandikire ikaba ikoresha ibimenyetso bishushanywa mu mirongo no hagati y'imirongo itanu, maze munsi y'iyo mirongo hakandikwa amagambo agize iyo ndirimbo. Iyo mirongo uko ari itanu niyo yitwa "muhundwa-nota kandi mu itangira ry'iyo mirongo hashyirwa ikimenyetso cyitwa urufunguzo.

Hariho imfunguzo z'uburyo butatu, ubwa mbere bwitwa 'urufunguzo rwa sol" ni ikimenyetso kiburungushuye kikibanda ku murongo wa kabiri wa muhundwa-nota. Muri muhundwa nota irimo urwo rufunguzo hakunze kwandikwamo amajwi abiri ariyo soprano na alto, irya soprano riba ryerekeje hejuru naho irya alto ryerekeje hasi.

Naho muri muhundwanota irimo urufunguzo rwitwa "fa" handikwamo amajwi abiri ariyo Tenor (yerekeje hejuru) na Basse (yerekeje hasi).

Urufunguzo rwa gatatu rwitwa urufunguzo rwa do (cle d'ut) ntirukunze gukoreshwa n'abaririmbyi cyane ahubwo rukunda gukoreshwa n'abacuranga inanga yitwa "viola".

Urugero dushobora kubona hasi ni indirimbo yitwa "Umunsi mfite ni uyu ndimo"



Scanned with CamSc

## UMUNSI MFITE N'UYU NDIMO




Ubundi buryo abahimbyi bakoresha bandika indirimbo ni ubwitwa "TONIC SOLFA". Aho bandika amajwi bakoresheje inyuguti n'ibimenyetso by'utwatuzo, maze bamara kwandika izo nyuguti



Scanned with CamSc

bakandika munsi yazo amagambo y'indirimbo uko akurikirana n'uburyo akwiriye kuririmbwa. Ubu buryo bukunze gukoreshwa n'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi ndetse n'amatorero y'abaporotesitanti muri rusange. Toniki solfa ntabwo ubumenyi bwayo bwatejwe imbere cyane nka solfege niyo mpamvu inama nziza ari ugukoresha cyane solfege.

Umurongo wa mbere uba ari uwa "soprano" umurongo wa kabiri uba ari uwa "alto", umurongo wa gatatu uba ari uwa "tenor" naho umurongo wa kane uba ari uwa "bass".

Uburyo bwifuzwa ko indirimbo yaririmbwamo busobanurwa n'amagambo akunze kuba yanditse mu gitaliyani ariko akaba yemewe gukoreshwa ku isi yose kandi ubusobanuro bw'ayo magambo bukaba bwumva kimwe ku isi yose.

Niba twifuza gukoresha ibicurangisho bya muzika, ni ngombwa ko dusobanukirwa n'ubushobozi bw'ibyo bicurangisho kugira ngo tumenye ahakwiriye gukoreshwa igicurangisho iki n'iki.

N.B Aha twakwibutsa yuko ibicurangisho byose bya muzika bikubiye mu migabane ine ariyo

1. Ibicurangisho bifite amabutons y'umweru n'umukara (keyboard)
2. Ibicurangisho byirangira : Ingoma, ibijegerezo, inzogera n'ibindi nk'ibyo...(percussion)
3. Ibicurangisho bahuhamo, cyangwa bikoreshwa n'umwuka (wind Instruments)
4. Ibicurangisho bifite imirya (string instruments)

- ***Umugabane wa mbere harimo Piano, Orgue, Pipe organ,...***
- ***Umugabane wa kabiri harimo ingoma, inzogera, cyimbal....***
- ***Umugabane wa gatatu harimo Trumpet, trombone, tuba, helcon, flute , saxon, oboe...***




Scanned with CamSc

- ***Umugabane wa kane harimo Guitar, violon, viola, cello, n'ibindi...***

Ahagana hasi turahabona indirimbo yanditse mu buryo bwa Toniki Solfa. Ku birebana n'imikoreshereze y'ibicurangisho ntabwo byoroshye gukoresha ubu buryo mu gihe ducuranga, ibyiza twakwandika mu buryo bwa solfege.

**343 Shimwa Ntama Y' Imana**

CH 168 WORTHY, WORTHY, IS THE LAMB




1. Shimwa Ntama y' Imana, Turagushima Ntama,
Shimwa Ntama y' Imana, Turagushima cyane.

Gusubiramo: *Shimwa haleluya,*
*Shimwa haleluya,*
*Singizwa Mukiza,*
*Woure Ntama y' Imana.*

2. Ubwami bwawe buze, Dutsindire icyaha,
Waradukunze cyane, Shimwa Ntama y' Imana.

3. Tukunambeho Mwami, Tujye tuguh' ikuzo,
Turi kumwe n' Umwami, Ku musozi Siyoni.



Scanned with CamSc

Guhimba ni umugabane w'ingenzi wa muzika, kuko indirimbo zose turirimba, ziba zabanje guhimbwa.

Ni impano y'agahebuzo, Imana yaduhaye, tugaragarizamo amaranganmutima dufite imbere mu mutima, agasohoka muri twe, akumvikana, akaba ubuhamya bwacu, twerekaniramo ibidushimishije, akababaro dufite, ibyo tuzi, ibyo twifuza, uko tubona ibintu n'ibindi, ibyo twanga, ibyo dukunda, cyane cyane ibyo tubwira Imana.

Kumenya guhimba indirimbo, bikunze kuba umwihariko w'uruhererekane rw'imiryango y'abantu b'abahimbyi.

Abandi bajya babikomora ku kuba mu itorero ry'Imana, aho bahora bumva indirimbo ziririmbwa, bityo bakitoza guhimba indirimbo bagendeye ku zo bagiye bumva ziririmbwa mu rusengero.

Abandi babikura mu mashuri bizemo, aho bashobora guhura n'abarimu babikunda kandi babifitemo ubunararibonye, maze kubwo gutozwa n'abo bahimbyi b'abahanga, bikarangira nabo babaye abahimbyi b'indirimbo.

- Indirimbo zihimbwa zishobora kuba ububiko bukomeye bw'amateka y'ibyabaye mu bihe byashize.
- Indirimbo zihimbwa zishobora kuba ubuhanuzi buburira cyangwa bumenyesha abantu ibizaba, muri uru rwego, abaririmbyi bashobora kuba abahanuzi Imana icishamo ubuhanuzi ihanurira ubwoko bwayo.
- Abahimbyi b'indirimbo bajya bahimba indirimbo zuje impanuro z'ingenzi, zikenewe mu buzima busanzwe bw'abantu.

Abaririmbyi rero bagomba guhora bihugura, haba mu bumenyi, ndetse no mu bumenyi ngiro bya muzika, Bakagira intego bakamenya injyana iberanye n'ubutumwa buri mu ndirimbo



Scanned with CamSc

bakeneye guhimba, bakamenya ibipimo biberanye n'ubutumwa, bakamenya gukoresha neza imvugarimwe (accord) ; zaba iz'insabane (accord consonnant), iz'insobane (accord dissonant), n'imvugirarimwe y'inyamibwa (accord parfait), bakamenya gutandukanya ingenajwi ngwiza (gamme majeure), n'ingenajwi mpina (gamme mineure), bakamenya kandi gukoresha impuzarugwiro (harmonie).

NB Impuzarugwiro : Ni urusobe rw'amahame muzika ishingiraho mu mikoreshereze y'imvugirarimwe cyangwa se mu guhuza amajwi menshi aririmbirwa rimwe.

Impuzarugwiro kandi ni inyigo cyangwa uburyo busobanura neza ibijyane n'imvugirarimwe n'ihuzajwi. Impuzarugwiro inasobanura urwunge rw'amajwi aririmbiwe rimwe.

Muri iki gihe ibyo abahimbyi b'indirimbo bakwiriye kwirinda, ni uguhimba indirimbo, barangiza bakajyana ibyo bahimbye ku babatunganiriza iby'incurango zo guherekeza iyo ndirimbo, kenshi bene abo bantu ntibaba banazi umurongo indirimbo z'itorero zigomba gukurikiza.

Aha niho uzasanga bene izo ndirimbo zarahawe injyana zisa n'iz'abo hanze y'itorero bakoresha.

## XIII.1 Injyana ni Iki ?

Injyana ni uburyo bupimye kandi bugenda bugarukirana mu gihe runaka (periodique) bw'ibihe ngufu (temps fort), n'ibihe ndegeza (temps faible), mu mikarago cyangwa se mu nteruro ya muzika. Injyana n'igipimo ni indatana kuko igipimo aricyo shingiro y'injyana (mu nteruro ya muzika).



Scanned with CamSc

- Injyana shingiro : Ni injyana y'ibanze iyobora izindi kandi ikanazigenga, injyana shingiro niyo izindi zuririraho kandi abantu bagitangira guhimba baheraho.
- Injyana y'insumbane : Iyi njyana bavuga ko ari insumbane kubera ko aho kugira ibyumba bikase neza, bifite insozagipimo, usanga yo, igengwa n'uko interuro y'amagambo iteye, akaba aribyo biyiha umujyo w'injyana (ubusanzwe ibyumba nibyo shingiro y'injyana).
- Ikinyarwanda rero ubwacyo, bitewe n'ijambo, gishobora kwitsa cyangwa gutsindagira umugemo runaka kurusha indi. Ibyo rero bikaba byatuma umuntu agaragaza amarangamutima, bitewe n'uko ayo magambo avugitse, maze mu kuyavuga agatanga injyana ubwayo.
- Injyana zisanzwe : Ni injyana zishingiye ku ihuza ry'ibyumba (ibipimo) ku buryo bungana bigaragazwa n'insozagipimo.
- Injyana zikomeye /zivanze : Ni injyana zivuka hakoreshejwe uburyo bwo guhuza ibipimo bitandukanye kandi ntibihungabanye injyana n'interuro ya muzika cyangwa se indirimbo yose.

Igihe dutekereza ku indirimbo dushaka guhimba byaba byiza tubanje kwiyumvisha neza uko uzayiririmba azaba yifashe (feelings), uburyo ubutumwa bujyana neza n'ijwi n'injyana by'indirimbo.

Burya, amajwi n'injyana by'indirimbo bifite uruhare mu buryo abaririmbyi bifata mu gihe baririmba indirimbo, ndetse bikaba byagira inyifato bishyira mu bateze amatwi indirimbo.

Umuhimbyi w'indirimbo agomba kugira intego agamije kugeraho, ni ukuvuga ko agomba kugira igitekerezo gihamye agamije kuvugaho, akagishakira ikibanza, akacyubaka, akagisakara,



Scanned with CamSc

agashyiraho agasongero. Si byiza kuzana uruvange rw'ibitekerezo bihabanye cyangwa se bidafinye isano mu ndirimbo.

Ngaho namwe nimutekereze muri kuganira n'umuntu ku ngingo irebana n'ubukwe bw'umuntu, igihe ibyo muri kuganiraho bitari byarangira ukumva atangiye kukubwira uburyo batega amafuku !

Usanga abaririmbyi kubwo kutagira intego ahimba indirimbo ugasanga yaḥereye mu gitabo cy'Itangiriro akageza mu Byahishuwe, avuga ibitekerezo birimo kandi ntanabihuze n'intego y'indirimbo yahimbye.

Nk'uko n'ubusanzwe iyo umuntu aganira agenda agira aho ahumekera, mbere yo gukomeza kuvuga, ni nako mu ndirimbo umuhimbyi ategura neza aho uririmba azajya aruhukira, bitabaye ibyo abaririmbyi bajya baruhukira aho bishakiye ugasanga hajemo akajagari.

Kandi nk'uko umwubatsi w'inzu agomba kugena aho amadirishya n'imiryango bigomba gushyirwa ninako umuhimbyi w'indirimbo mwiza azakora uko ashoboye kugira ngo muzika ibe yubakitse ku buryo bufite gahunda.

Gukoresha interuro neza, kandi zikaba aho zikwiriye kuba koko, gukoresha ikibonezamvugo cyiza kandi hagakoreshwa amagambo atari ibyaduka cyangwa ngo hakoreshwe amagambo y'inyandagazi, hajye hakoreshwa imvugo y'ukuri kandi yiyubashye haba mu mvugo isanzwe (prose) cyangwa mu mvugo ya gisizi (poesie), bigomba gukorwa ku buryo burehereza amatwi gutega amatwi ubutumwa buri mu ndirimbo.

Indirimbo irambirana si nziza, kandi biba byiza igihe isa n'ibaye ndende ko hakoreshwa ihindurangengo (transposition) ndetse hakanakoreshwa ihinduramisusire (modulation).



Scanned with CamSc

Ni ngombwa gutekereza ku bushobozi bw'abaririmbyi duhimbira indirimbo kuko igihe dutegura gushyira amajwi mu ndirimbo, birashoboka ko twashyiramo amajwi meza ariko atazigera aririmbwa neza bitewe nyine n'ubushobozi bw'abaririmbyi ; urufunguzo rw'indirimbo rwitabweho kugirango tudahanika cyangwa tukitsa bikabije byatuma indirimbo itaryohera abayumva. Byose bikorwe neza kandi muri gahunda.



Scanned with CamSc

## XIV. INKURU ISHIMISHIJE KURUSHA IZINDI KURI MUZIKA

Iyi nkuru si iyindi, ni uko umurimo wo kuririmbira Imana atari umurimo uzarangirira hano ku isi ahubwo ni umurimo wabayeho, uriho, kandi uzahoraho, mu gihe imirimo yindi yo muri iyi si ari imirimo y'igihe gito, kuko iri hafi kurangira.

Aho duharanira kujya, nta burwayi bubayo, abavuzi n'abaforomo, bakora akazi keza cyane batuvura, ariko akazi kabo kari hafi kugera ku musozo kuko mu ijuru ntawe uzarwarirayo bityo rero nta muvuzi uzaba uhakenewe. Nta bucuruzi buzaba mu ijuru kuko mu ijuru ntacyo tuzakenera tuzaba dukize ku byiza byose nta mafaranga azakenerwa mu ijuru, Nta mukanishi uzakenerwa kuko nta modoka, indege, amagare y'umwotsi n'ibindi bikenera abakanishi ntabyo mu ijuru bipfa, tuzaba tuguruka n'amababa y'ubwoko tutarabona tuzahabwa n'Umwami Yesu Kristo. Icyo tuzakora mu ijuru ni umurimo wo kuririmba gusa, turirimbira Imana yaturemye, turirimbira Yesu waducunguye.

Iyi nkuru ni impamo, kandi jye nawe ikwiriye kudushimisha rwose. Nyuma yo gushimishwa no kwakira igitambo cy'i Kaluvari, ikindi gishimishije ni ukuririmbira umukiza wanjye Yesu Kristo nkiriho, ariko nubwo nasinzira nzakangurirwa kongera kumuririmbira ubutazongera gutuza icyo cyizere kimpa umunezero mwinshi.

Kugira ngo tubyumve neza, Turagenzura icyo Bibiliya Yera ariryo jambo ry'Imana ribitubwiraho, tunarebe ibyo abaririmbyi baboneka mu gitabo "Indirimbo zo guhimba Imana" bavuze, bamaze kubihishurirwa n'Umwuka Wera w'Imana.



Scanned with CamSc

## UMURIRIMBYI WITWA "HENRY DE FLUITTER"



Mu ndirimbo ya 334, agira ati "Bana b'Imana ni muririmbe, muyihe Ikuzo, hahirwa ababa maso, bukarinda butandukana?".

Ikidushimisha rero ni uko uyu murimo atari uwo mu buzima bwa none gusa, ahubwo no mu ijuru niwo uzaba ufite umwanya ukomeye.



## UMURIRIMBYI WITWA "J.F WEBSTAR' MU NDIRIMBO YA 50'

Agira ati " Tuzaririmbira mu ijuru indirimbo z'abanyahirwe, ntituzongera kubabara, tuzaba dushize agahinda…

Hari ushobora kugira ati ese ko jye ntabasha kuvuga, inkuru nk'iyo jye yamarira iki ? Umuririmbyi yarabihishuriwe mu ndirimbo ya 12, atanga igisubizo kuri izo mpungenge, agira ati"Hari indirimbo zera ntazi, nzaziririmbira mu ijuru. Naho nagobwa ururimi ubu, uzarugobotora ; uzarugobotora, Uzarugobotora Yesu, ni wowe uzankiza rwose naho nagobwa ururimi ubu, uzabugobotora."



**UMURIRIMBYI WITWA "T.H ALLEMAN" MU NDIRIMBO YA 233**

Yagize ati "Amarembo niyugururwa… Mbega umunezero tuzagira, amarembo yuguruwe !"

**UMURIRIMBYI WITWA F. E BELDEN INDIRIMBO YA 48**



Yagize ati" Tuzishima no kuririmba, tuzajya dushima Kristo, Tuzamuhimbariza rwose i Yerusalemu.

Bibiliya Yera ikaba Ijambo ry'Imana ivuga iby'indirimbo tuzaririmbira mu ijuru ndetse idutungira urutoki umwe mu baririmbyi batuye kuri iyi si dutuye wagize amahirwe y'umwihariko, kuko uretse yuko azaba ari mu ijuru ibyo ubwabyo bikaba ari ibyishimo bitavugwa n'indirimbo ye nayo izaririmbwa mu ijuru uwo ni Mose.

Nta gushidikanya amagambo aboneka mu gitabo Kuva 15, aho Mose n'abisirayeli baririmbye bati ndaririmbira Uwiteka kuko yanesheje bitangaje…. Uwiteka ni imbaraga zanjye n'indirimbo



Scanned with CamSc

yanjye Ampindukiye agakiza.... Uwo ni we Mana yanjye, nanjye ndayihimbaza, Ni yo Mana Data, nanjye ndayishyira hejuru."

Uyu mugabo witwa Mose, iby'indirimbo ye izaririmbirwa mu ijuru iboneka no mu gitabo cy'*Ibyahishuwe* 15 :2-3 "...bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahure, bafite inanga z'Imana, baririmba indirimbo Ya MOSE imbata y'Imana n'indirimbo y'Umwana w'Intama bati {Mwami Imana Ishobora byose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje, Mugabe w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri}".

**Ibi nibyo byongeye gushimangirwa n'umuririmbyi witwa**

**JOHN R SWENEY INDIRIMBO YA 44**



Agira ati "Nzaririmbana n'abera indirimbo ya Mose ariko cyane ndifuza kubona Umukiza."

Ibyo kandi abihuza nanone n'undi muririmbyi witwa T.C.O Kane indirimbo ya 47, ati tuzahavugira indirimbo ya Mose, Tubane na Yesu iteka !



**UMURIRIMBYI WITWA J.M BLACK INDIRIMBO YA 8**

Agira ati"Tuzajya dusingiza urukundo rwe (Yesu)



Scanned with CamSc



## UMURIRIMBYI WITWA REV. ROBERT LOWERY

Ati "Tuzishima mu mutima n'indirimbo z'umunezero.



## UMURIRIMBYI WITWA R.E HUDSON MU NDIRIMBO YA 179

Ati « turirimbe Halleluya araje, araje , araje koko Yesu araje, Umukwe araje » ibi nibyo byiringiro uyu muririmbyi yapfuye afite, kimwe n'abandi bose bamaze gupfa ndetse n'abandi baririmbyi bazapfa Yesu ataragaruka, Abo bapfanye ibyiringiro Bibiliya yemeza ko basinziriye kandi uwo baririmbiye nagaruka azavuga n'ijwi rirenga ibituro byose bizakinguka abasinziriye bizeye bazakangukire gusanganira umwami Yesu, bakangurirwe kutazongera gupfa ukundi.



## UMUHIMBYI WITWA IRA D. SANKEY NAWE YARABIHAMIJE MU NDIRIMBO YA 197

Undi muririmbyi yagize ati nti tuzongera gusaza, kandi amajwi yacu azahora aririmba ubuziramakaraza.



Scanned with CamSc

Muri Bibiliya Yera, tubwirwa iby'indirimbo zizaririmbwa, *Ibyahishuwe* 14 :2 "Numva ijwi rivugira mu ijuru rimeze nk'amazi menshi asuma, kandi nk'iry'inkuba ihinda cyane, kandi iryo jwi numvise ryari rimeze nk'iry'abacuranzi bacuranga inanga zabo, baririmba indirimbo nshya imbere ya ya ntebe y'ubwami n'imbere ya bya bizima bine n'imbere ya ba bakuru, nta muntu wabashije kwiga iyo ndirimbo, keretse ba bantu agahumbi n'inzovu enye n'ibihumbi bine bacunguwe ngo bakurwe mu isi.

Mu ijuru tuzahora turirimba tuti UWERA, UWERA UWERA "*Ibyahishuwe 4* :8

Bibiliya yose ishimangira inkuru y'icyatwa yuko mu ijuru tuzaririmba. None rero tumenye ko tudakorera ubusa, umuhati wacu si uw'ubusa, duharanire gukora neza ibihembo biradutegereje kandi umurimo wacu tuzawukomereza aho tutazongera gupfa, gupfusha kubabara, kubogoza amarira gusonza gukena n'ibindi bibi tujya tubona hano muri iyi si. Muririmbyi shikama ukomere uwo munsi uri bugufi.



Scanned with CamSc

# XV. UMWANZURO

Kuririmbira Imana, ni umurimo ukomeye imbere yayo.Birakwiriye rwose ko abizera twese tuwuha agaciro ukwiriye. Nuko rero uhereye ku bana bato kugeza ku basaza, birakwiriye ko uyu murimo uhabwa umwanya w'ingenzi mu mibereho yacu haba mu kazi dukora, haba mu ngo zacu ariko cyane cyane mu rusengero rw'Imana.

Imbyino uko yaba imeze kose yirindwe mu rusengero mu gihe cyo kuramya ; indirimbo zifite imiterere iyo ari yo yose irehereza abantu kwifata nk'uko abantu b'isi bidagadura yirindwe nko kubyina, kuvuza induru, gukoma amashyi, mu rusengero habe indirimbo zituje kandi ziririmbanywe ubuhanga bugamije gukora ku mitima y'abumva ubutumwa buzirimo, kuko muri iki gihe abenshi basigaye baririrmbira kugira ngo banezeze abantu gusa nyamara tuzirikane ko umucyo n'umwijima bidashobora kubana kandi ko Kristo ntaho ahuriye na Beliyali (*2 Abakor*. 6 :14-15)

Ingoma zirindwe kuko ziri mu bikurura inyifato itaberenye no kuramya Imana nubwo ubusanzwe mu itorero ry' Abadiventiste ridakoresha ingoma zigaragara n'amaso ku ruhimbi, rikwiye kugira amakenga ku mikoreshereze y'inanga zimwe na zimwe zakoranywe ikoranabuhanga zirimo ingoma n'injyana ubusanzwe zizwi neza ko zikoreshwa mu myidagaduro y'ab'isi. Mu *ndongoziy'itorero* , P.220 tubona ko ingoma zibujijwe gukoreshwa mu rusengero bityo rero, injyana (beat) nka Jazz, Ragae,Rock and Roll, Disco, Blues, Rap,Hipop,Country, Samba n'izindi zimeze nka zo ntizikwiriye kwinjizwa mu muziki wo kuramya Imana cyane cyane ko imicurangire yazo yubakiye ku ngoma.

Ama gestes yatojwe, yirindwe mu ndirimbo zo kuramya ; kuko adafite inkomoko ku Mana cyane cyane ko benshi barangazwa



Scanned with CamSc

n'ayo ma gestes aho kwita ku butumwa buri mu ndirimbo iriho iririmbwa ari na byo bituma rimwe na rimwe abizera baseka bitari ngombwa cyangwa bagakoma mu mashyi. Ahubwo umuntu wese aririmbe yiyubashye kandi avuga nk'uko asanzwe avuga mu buryo karemano, yirinda ubwibone.

Tuzamure ibendera ry'Imana mu mitima yacu no mu mitima y'abumvira indirimbo mu materaniro Yera.

Urubyiruko (J.A) rugira umwihariko warwo mu birebana n'indirimbo, nk'igihe bakora akarisisi, indirimbo zikoreshwa mu ngando, iyo urebye imiterere yabyo, usanga bikwiriye gukorerwa ahandi hatari mu rusengero kubera ko habaho kwidagadura, bagakoma amashyi n'ibindi twasanze bidakwiriye gukorwa mu rusengero.

Mu gihe cy'ubukwe tugira gahunda yo gukimbagira. Ni byiza ariko indirimbo zigendanye n'uwo mukimbagiro zivanwemo ingoma kandi zibe zituje.

Ibyo twitwaza ngo turabyinira Imana tubireke kuko kenshi usanga ari uburyo bwo kwinezeza twebwe ubwacu, ibyo rero ntibikwiriye gukorerwa mu materaniro yo kuramya.

Mu buzima busanzwe kandi, tumenye kandi tugenzure imiterere y'umuco karande wacu, niba mu mbyino z'umuco wacu karande harimo iz'urukozasoni, zikwiriye kwamaganirwa kure kuko zishobora gukurura irari no kwigisha imico mibi idakwiriye aba Kristo ariko hatabayemo kuvangirwa, ubusanzwe imbyino z'Abanyarwanda ziriyubashye gusa n'uguhora turi maso tugenzura kuko imico igenda yivanga mu yindi wasanga imbyino z'ahandi zinjiye mu z'uRwanda ugasanga bihindutse urukozasoni.



Scanned with CamSc

Aha tubivuge tubisubire, ntabwo mu muco w'abanyarwanda tubyina dukaraga inda, nk'uko bijya bikorwa mu mico y'ibindi bihugu, kuko mu muco wacu tubyina turambura amaboko, twizibukira.

Impuzankano zacu zibe zifite ishusho nziza kandi ziyubashye nk'aba Kristo, twahamagariwe kuba ubwoko bw' Imana, dutekereza, twiyumvamo kandi tugakora ibihuje n'amahame y'ab'ijuru. Bisobanuye ko mu buryo twinezezamo, imikino, ibyo turya n'ibyo tunywa, uko twambara kurangwa no kwicisha bugufi…(I*hame rya 22 mu mahame nshingiro ya Bibiliya aranga ukwizera n'inyigisho by'abadiventisiti b'umunsi wa karindwi*) . Ariko cyane cyane tugire umutima umwe muri Yesu kuko icyo aricyo kibwiriza gisumba amajwi yose twakwita ko ari meza kurusha ayandi.

Twirinde kuba ibyigomeke mu itorero ry'Imana, ahubwo tujye inama kandi abagiye inama Imana irabasanga.

Abaririmbyi bakwiriye kujya bahura kenshi kandi bagahabwa amahugurwa y'umurimo wabo kandi imikoreshereze y'inanga mu ndirimbo ikoranwe ubuhanga n'ubushishozi. Mu gihe bibaye ngombwa ko twitabaza umucuranzi utari muri Korari yacu, tujye twirinda gukoresha abo tutizera kimwe kubera ko baba batazi umurongo ngenderwaho w'imiririmbire y'itorero ryacu.

Abaririmbyi bakwiriye kwiga indirimbo bakazimenya neza mbere yo kuririmba mu ruhame. Kujijinganya , kuvanga interuro zidahuje, kuvuga amagambo uko atavugwa byirindwe.

Abaririmbyi batozwe uburyo bwo gutangira no gusoza indirimbo neza ku buryo abantu bakomeza kugira ubushake bwo gukurikirana ubutumwa buri mu ndirimbo. Abayobozi b'indirimbo z'itorero babe abahanga, bazi koko kuririmba kandi bakurikiza gahunda, batikanyiza ahubwo bacisha bugufi kandi bumvira ; bafite



Scanned with CamSc

ubushobozi bwo kurehereza itorero kuririmba neza kandi risusurutse.

Abakora ku byuma biyungurura (Amplificateur) kandi bigatubura majwi (Haut-parleur), babe abahanga basobanukiwe no gukoresha ibyuma ndangururamajwi, kandi bafite ubwenge bwo kubirinda ntibyononekare.



Scanned with CamSc

# XVI. GUSHIMA

1. Ndashima Imana yanshoboje kwandika iki gitabo;
2. Ndashima umuntu wese wagize uruhare urwo ari rwo rwose, rwatumye iki gitabo kibasha kwandikwa kugeza ubwo gicapwe.
3. Ndashima Pasitoro Ndwaniye Isaac, umuyobozi wa Konferanse y'u Rwanda rw' Uburasirazuba bwo hagati (ERCC) uburyo yagiye anyakirana urugwiro buri gihe nabaga ngiye kumusaba inama, umuryango we nawuboneyemo umugisha dore ko na Se, Pasitoro Semafaranga Simeon ari we wambatije taliki 03/12/1977.
4. Ndashima Pasitoro Niyonagira Alexis wakunze kuntega amatwi kandi wakunze gukorana nanjye nk'umuntu ushinzwe ibirebana n'amakorali muri Konferanse y'u Rwanda rw' Uburasirazuba bwo hagati.
5. Ndashima Pasitoro Enias Habiyambere ,umukuru w'Intara ya Mont Kigali ku nama nziza zitari nke yagiye angira.
6. Ndashimira Aumonier Ntakirutimana Deo ushinzwe abizera biga muri za kaminuza zitari iz' Abadiventisiti wanfashije guhura n'abo bizera.
7. Ndashimira umuryango wa Muhayimana Nelson wakunze kumpa inama z'ingirakamaro.
8. Ndashimira aba Pasitoro bayobora intara zose nagezemo mpugura abaririmbyi
9. Ndashimira Pasitoro Kagoyera Simeon wangiriye inama nyinshi nziza kandi wagize uruhare rukomeye , yankundishije umurimo wo kuririmbira Imana uhereye mu buto bwange kugeza ubu.
10. Ndashimira Dr. HABINEZA Mariko wampaye igitabo gikubiyemo amateka y'itorero ry' Abadiventisite b' umunsi



Scanned with CamSc

wa Karindwi ( Histoire de l'Eglise Adventiste du Septieme Jour par NILTON D. AMRIN.

11. Ndashimira Ntirenganya Jotham wanfashije mu bushakashatsi bwange.
12. Ndashimira abizera n'abayobozi b'itorero rya Kabusunzu mu ntara ya Mont Kigali urugwiro nabasanganye rwanshobojc kwandika iki gitabo mw'ituze.
13. Ndashimira abizera b'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi basengera muri kaminuza ya Kigali Institute of Education(KIE) na Kigali Institute of Sciences and Technology (KIST) bagize uruhare mu kunyumvisha ko nkwiriye kwandika iki gitabo .
14. Ndashimira umuryango wange by'umwihariko umufasha wange Nyiransabimana Adele kubwo kumba bugufi.
15. Ndashimira abansengeye baba abari kure cyangwa abari hafi, Imana ibahe umugisha.



Scanned with CamSc

# XVII. IBITABO BYIFASHISHIJWE


1. ADEPER., *Indirimbo zo gushimisha Imana* B.P 404 KIGALI RWANDA
2. ARDOUIN I., 3 Octobre 1997, *l' éducation artistique à l'ecole,* ESF
3. AUBERT L., 2011, L'identité en question, *La musique de l'autre*, Georg
4. BOLDUC J., LEFEBVRE P., 2012, Using nursery rhymes to foster phonological and musical processing skills in kindergarteners, *Creative Education*, Vol. 3, No.4
5. BOLDUC J., LESSARD A., 2010, *Les bienfaits de l'enseingement et de la pratique de la musique ,* Fédération des harmonies et des orchestres symphoniques du Quebec.
6. BOUDINET G., 2005, En guise d'ouverture. Le sens de la recherché en Sciences de l'education musicale ,*Mélanges* , L'Harmattan
7. CHARRIER M-P., Mai 2014, Orchestre à l'école, *Expérithèque*
8. EDUSSCOL http://eduscol.education.fr/pid23249-cid59468/education-musicale.html, consulté le 17/04/2015 à 15h34
9. EGLISE ADVENTISTE DU SEPTIEME JOUR; *Hymnes et Louanges*, Copyright 1975 Editions S.D.T, 77190, Damarie Les Lys, France.
10. EILEEN SOUTHERN., *Readings in Black American Music* , (New York w.w Northon and company ,Inc ,1983)
11. ELLEN G WHITE ., *Education* (Mountain view ,California : Pacific press publishing Ass., 1903)
12. ELLEN G WHITE ., *Education* Damarie –Les- Lys France Editions SDT, Avril, 1954
13. ELLEN G WHITE., *Selected messages* (Washington DC : Revien and Herald pub.Assn.,1958




Scanned with CamSc

14. ELLEN G. WHITE -LA MUSIQUE –SON ROLE , SES QUALITES ET SON INFLUENCE TELS QU'ILS SONT MIS EN AVANT DANS LES ECRITS D'ELLEN WHITE( Une compilation d'elements rassembles en vue de l'etude du groupe de travail de 1972 sur la philosophie de la musique. Copyright Ellen G. White Estate , Silver Spring , Maryland . 1974(Recomposé en Juin 2003))
15. EUSTACHE F., LE CHEVALIER B., PATEL H., 2010, *Le cerveau misicien,* éd. De Boeck, 2 ème edition
16. GORDON, E., E., 2003, *A Music learning theory for newborn and young children* (3ème edition), Chicago, IL: G.I.A. Publications,
17. ITORERO RY'ABADIVENTISTE B'UMUNSI WA KARINDWI MU RWANDA., *Indirimbo zo guhimbaza Imana,* Seventh day Adventist ® Kinyarwanda copyright© 2011
18. J.N DARBY., *La sainte Bible* , Publication chretiennes 30, Au chateau 26000 valenee
19. JACQUES –DALCROZE J., 1965, *Le rythme , la musique et l'éducation*
20. *Knight Book* E200 knight gospel hymnal Stamps- Baxiter Music of the Zandervan corporation P.O BOX 40012(Dallus, Texas 75208) 214-943-1155
21. LA SOCIETE BIBLIQUE AU RWANDA., *La Bible en Kinyarwanda revise publiée sous le titre : BIBILIYA YERA ,* Societé Biblique au Rwanda 2001 B.P 788 KIGALI RWANDA
22. *LIBRAIRIE EVANGELIQUE Nyimbo za wokovu*B.P 266 BUKAVU CONGO RDC
23. MICHAEL VENTIN., *Shadow dancing in the USA,* Los Angeles
24. Ministère de l' éducation nationale, de l'enseignement supérieur et de la recherche, *Bulletin official special n°2,* du 26 Mars 2015
25. Ministère de l'Education Nationale , Juillet 2011, *Le langage à l'école maternelle,* Resources pour faire la classe,



Scanned with CamSc

26. NILTON D. AMORIM., *Histoire de l'Eglise Adventiste du Septieme Jour*, (Theo 287),
27. PASTOR MUTABARUKA ISAAC., *Les effets psychologyques de la musique sur l'homme*, B.P 241 Kigali email: mutaac@yahoo.fr
28. PITMAN W., 1998, *Learning the arts in an age of uncertainty,* Toronto: Arts Education Council of Ontario
29. QUILCAILLE C., 2012, La musique, une activité socialisante, *IEEmpact et rayonnement d'un projet musical sur une classe multiculturelle: place et rôle du musician intervenant,* Education
30. RUBINSON L., E., 2009, *A co relational study of the relationships between music aptitude and phonemic awareness of kindergarten children,* Capella University
31. SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH ; *Church manual,* Revised 1995 15th Edition, Revew and Herald ® Publishing Association Hegertowry Maryland 21740.
32. SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH HYMNAL., *Official of the seventh day Adventist church,* Revien and Herald publishing association (Founded 1850) TAKOMA PARK, WASHINGTON D.C
33. SEVENTH DAY ADVENTIST CHURCH., *Sacred songs and solos* , Revised and enlarged by Revien and Herald publishing association (Founded 1850) TAKOMA PARK, WASHINGTON D.C
    UAAC Mudende , Octobre 1988.
34. WHITE E G., *Intambara ikomeye* , Itorero ry' Abadiventiste b'umunsi wa karindwi mu Rwanda B.P Kigali Rwanda
35. WHITE E G., *Jesus Christ,* Etats Unis d'Amerique Association des publications interamericaines
36. WHITE E G., *La tragédie des siecles* , Cinquième edition Quarante mille édition sdt (Damarie Les-Lys et M) France 1965



Scanned with CamSc

37. WHITE E G., *Message à la jeunesse,* California , USA Editions LE MONDE FRANCAIS , Pacific press publishing association, 1968
38. WHITE E G., *Patriarches et Prophetes* , Damarie –Les-Lys France Edition , Vie et santé, 1984
39. WHITE E G., *Premiers écrits* , California USA ,1970
40. WINNER E., & COOPER M., 2000, Mute those claims: No evidence (yet) for a causal link between arts study and academic achievement, *The Journal of Aesthetic Education,* 34(3-4)
41. WORD PUBLISHING., *Grand,Rapids, Michigan* 49418 USA
42. .ELLEN G. WHITE., Evangelism, Edition 1946 vie et sante 703
43. ELLEN G. WHITE., Evangeliser, Edition 2000 vie et sante

Cyasohowe n'Integuza ya Kristo;
Tel:+250 788612295; e-mail: integuza@yahoo.fr
B.P. 4096 Kigali - Rwanda



Scanned with CamSc

Umuhanga umwe yavuze amagambo akomeye mu rurimi rw'ikilatini "*Qui bene cantat bis orat*"; mu Kinyarwanda ni ukuvuga ngo: "*Uririmbye neza, aba asenze inkubwe ebyiri.*" None se kuririmba neza ni ukuhe?

Itorero ry'Imana ryo muri iki gihe cy'imperuka, rifite amahirwe adasanzwe, yo kugira abizera benshi bafite ubwuzu bwo kuririmba mu makorali. Gusa igiteye impungenge ni uko benshi muri abo baririmbyi badasobanukiwe n'amabwiriza y'itorero, agendana n'imiterere y'indirimbo zemerewe kuririmbwa mu nsengero cyane cyane muri gahunda zo kuramya. Ikibabaje ariko ni uko na bamwe mu bayobozi b'itorero batazi umurongo ngenderwaho ku birebana na muzika ikoreshwa mu materaniro yo kuramya.

Ibyo byatumye imiririmbire mu nsengero z'Imana ndetse cyane cyane no mu gihe cyo kuramya, umuzika usigaye ukoreshwa, ari uruvangitirane rw'imiziki y'isi n'umuziki wera. Kenshi abaririmbyi b'itorero ry'Imana bakibeshya ko, ubwo amagambo baririmba yerekeje ku Mana, kandi bakaba bahabwa Amen nyinshi zivanzemo n'urusaku n'induru, ko ubwo Umwuka Wera yamanukiye itorero.

Iki gitabo "***Inama mbonera ku birebana na muzika mu itorero ry'Imana ryo mu minsi y'imperuka***", kije gisanga ibindi bitabo biri gusohoka muri iyi minsi, nk'icyanditswe na Pastoro Mutabaruka Isaka, aho yibanze ku micurangire yaduka ifite inkomoko mu ndirimbo za gipagani. Iyo usomye icyo gitabo ugasoma n'iki, usanga umwuka wabyandikishije ari umwe kandi ko Imana ihangayikishijwe n'uburyo Satani ari gukora iyo bwabaga kugira ngo yinjize umuziki we mu Itorero ry'Imana.

Itorero ritabaye maso, ngo rihugure kandi riteshe, nta kabuza umwanzi Satani, umuririmbyi w'umwirasi n'umugome, yacura inkumbi benshi mu bizera, dore ko itorero rya Kristo ryo adateze kurinesha.

Abaririmbyi, ni bigishwe, ni bahugurwe, bagire ubuhanga bwo kuririmba indirimbo, ariko cyane cyane batozwe gusenga, gusoma Ijambo ry'Imana n'ibitabo by'umwuka w'ubuhanuzi, bigishwe kwicisha bugufi, ejo batagwa mu mutego wo kwikanyiza, bagacibwa rya teka ryaciriwe Satani.

Iki gitabo kirimo inama nyinshi kandi z'ingenzi zirebana na muzika n'imikoreshereze ya muzika mu itorero ry'Imana. Umwizera wese byaba byiza asomye kandi akumva neza ibikubiye muri iki gitabo.

*Uwiteka Imana abagirire neza, abahe umugisha.*

Scanned with CamSc